<p>ITEGEKO N° 008/2021 RYO KU WA 16/02/2021 RIGENGA UBUFATANYE MU BUCURUZI</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 21 Mutarama 2021;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n’iya 176;</p> <p>YEMEJE:</p>	<p>LAW N° 008/2021 OF 16/02/2021 GOVERNING PARTNERSHIPS</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 21 January 2021;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69,70, 88, 90, 91, 106,120, 122 and 176;</p> <p>ADOPTS:</p>	<p>LOI N° 008/2021 DU 16/02/2021 RÉGISSANT LES SOCIÉTÉS DE PERSONNES</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 21 janvier 2021 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 et 176 ;</p> <p>ADOPTE :</p>
---	---	--

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi
Iri tegeko rigenga ubufatanye mu bucuruzi.	This Law governs partnerships.	La présente loi régit les sociétés de personnes.
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n’iri tegeko	<u>Article 2:</u> Scope of this Law	<u>Article 2:</u> Champ d’application de la présente loi
Iri tegeko rireba:	This Law applies to:	La présente loi s’applique à :
1° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye;	1 ° general partnership;	1 ° la société en nom collectif;
2° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye;	2 ° limited partnership;	2 ° la société en commandite ;
3° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye;	3 ° limited liability partnership;	3 ° la société à responsabilité limitée ;
4° ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga.	4 ° foreign partnership.	4 ° la société de personnes étrangère.
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by’amagambo	<u>Article 3:</u> Definitions	<u>Article 3:</u> Définitions
Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Law, the following terms have the following meanings:	Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :
1° amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi: amasezerano yanditse hagati y’abafatanyabikorwa yerekeye	1° partnership agreement: a written contract between partners as to their rights and duties, to other working	1° contrat de société: un accord écrit entre les associés relatif à leurs droits et obligations, à leur relation de travail

<p>uburenganzira n'inshingano byabo, imikoraniye n'ibindi birebana n'ubufatanye mu bucuruzi ;</p> <p>2° icyicaro : ahantu haba mu nyubako cyangwa aderesi y'ikoranabuhanga hashyirwa ubutumwa n'imenyeshya rigezwa ku bufatanye mu bucuruzi ;</p> <p>3° ikigo cy'ubucuruzi: Ikigo gikora umurimo w'ubucuruzi gifite ubuzima gatozi;</p> <p>4° itariki y'ibaruramari: itariki yemezwa n'ubufatanye mu bucuruzi ko ari cyo gihe buhagarikira ibaruramari ryabwo;</p> <p>5° inyandiko imenyeshya rubanda: inyandiko yatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, mu kinyamakuru gisomwa na benshi cyangwa ku rubuga rwa murandasi rw'ubufatanye mu bucuruzi mu Rwanda;</p> <p>6° ubucuruzi: igikorwa cyose, umwuga, serivisi cyangwa undi umurimo bigamije inyungu;</p> <p>7° ubufatanye mu bucuruzi:</p>	<p>relationships and to the affairs of partnership;</p> <p>2° registered office: a location in the form of either of a building facility or of an electronic address at which communications and notices to the partnership are served;</p> <p>3° body corporate: a corporate entity with legal personality;</p> <p>4° accounting date: a date agreed upon by a partnership as an accounting reference date of that partnership;</p> <p>5° public notice: a notice published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, in the most read newspaper or on website of a partnership in Rwanda;</p> <p>6° business: any activity, profession, service or any other occupation with profit making purpose;</p> <p>7° partnership: a relationship between</p>	<p>ainsi qu'à leurs affaires de la société de personnes;</p> <p>2° siège social: emplacement sous forme soit de bâtiment, soit d'adresse électronique, auquel les communications et notifications à la société de personnes sont signifiées;</p> <p>3° personne morale: une entité dotée de la personnalité juridique;</p> <p>4° date comptable : une date convenue par une société de personnes en tant que date de référence comptable de cette société;</p> <p>5° avis public : un avis publié au Journal Officiel de la République du Rwanda, dans le journal le plus lu ou sur le site web de la société de personnes au Rwanda;</p> <p>6° entreprise commerciale : toute activité, profession, service ou toute autre occupation à but lucratif ;</p> <p>7° société de personnes: une relation</p>
--	--	--

<p>imikoraniye hagati abafatanyabikorwa babiri (2) cyangwa benshi bakorera hamwe ubucuruzi bagamije inyungu, hakurikijwe amasezaranano y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>8° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye: ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi, aho abafatanyabikorwa bose bafite uburyozwe burenze ibyo bashyize mu bufatanye mu bucuruzi bakoze;</p> <p>9° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye: ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi aho uburyozwe bw'abafatanyabikorwa ku myenda y'ubufatanye mu bucuruzi bugarukira ku musanzu batanze gusa;</p> <p>10° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye: ubufatanye mu bucuruzi bugizwe n'abafatanyabikorwa umwe cyangwa benshi, bafite uburyozwe budahinnye, bukanagira umwe cyangwa benshi, bafite uburyozwe buhinnye ku birebana n'imyenda y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>11° ubufatanye mu bucuruzi</p>	<p>two (2) or more partners carrying on a business in common with a view to making a profit under a partnership agreement;</p> <p>8° general partnership: a type of partnership in which all partners have unlimited liability;</p> <p>9° limited liability partnership: a type of partnership in which the liability of the partners for the debts of the partnership is limited to their capital contribution;</p> <p>10° limited partnership: a partnership which has one or more partners each with unlimited liability and one or more partners each with limited liability for the debts of the partnership;</p> <p>11° foreign partnership: a partnership</p>	<p>entre deux (2) ou plusieurs associés exerçant en commun une entreprise commerciale en vue de réaliser un profit en vertu d'un contrat de société;</p> <p>8° société en nom collectif: société de personnes dans laquelle tous les associés répondent indéfiniment et solidairement des dettes de la société ;</p> <p>9° société à responsabilité limitée: société de personnes dans laquelle les associés ne supportent les dettes de la société qu'à concurrence de leurs apports au capital ;</p> <p>10° société en commandite : société de personnes ayant un ou plusieurs associés qui sont responsables indéfiniment et solidairement des dettes de la société et un ou plusieurs associés qui ne sont responsables des dettes de la société que jusqu'à concurrence de leurs apports au capital;</p> <p>11° société de personnes étrangère :</p>
--	--	---

<p>bw'ubunyamahanga: ubufatanye mu bucuruzi bwashingiwe mu mahanga ariko bwanditse kandi bukorera ubucuruzi mu Rwanda cyangwa bukorera ubucuruzi bw'ibikomoka mu Rwanda. icyakora, ubufatanye mu bucuruzi bwanditswe muri kimwe mu bihugu byo mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba cyangwa ubufatanye mu bucuruzi bukomoka mu bihugu bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi n'u Rwanda bufatwa nk'ubufatanye mu bucuruzi bwo mu Rwanda;</p> <p>12° umufatanyabikorwa : umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi batanze umusanzu mu bufatanye mu bucuruzi</p> <p>13° umusanzu: uruhare rwa buri mufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi mu gihe cy'ishingwa cyangwa nyuma y'uko ubufatanye mu bucuruzi bushinzwe;</p> <p>14° umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi: umutungo wimukanwa n'utimukanwa watanze n'abafatanyabikorwa, uwashinzwe cyangwa uwabonetse hakoreshejwe umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi</p>	<p>formed in a foreign country and registered and carrying on business in or from Rwanda. However, a partnership formed in a member state of the East African Community and a partnership from countries having relevant agreements with Rwanda are accorded national treatment;</p> <p>12° partner: an individual or a legal entity that provided a capital contribution to a partnership;</p> <p>13° capital contribution: a premium provided by a partner in order to join a partnership during its formation or after the partnership is formed;</p> <p>14° partnership property: all movable and immovable property and rights contributed by partners in a partnership or created or acquired by, or on behalf of the partnership;</p>	<p>société de personnes constituée à l'étranger mais enregistrée et exerçant une entreprise commerciale au Rwanda ou à partir du Rwanda. Toutefois, la société de personnes constituée dans l'un des États membres de la Communauté d'Afrique de l'Est ainsi que la société de personnes issue des pays ayant des accords avec le Rwanda bénéficient du traitement national ;</p> <p>12° associé: une personne physique ou une entité dotée de la personnalité juridique ayant fourni son apport au capital de la société de personnes;</p> <p>13° apport au capital: une contribution libellée pour devenir un associé d'une société de personnes lors de sa formation ou après sa formation ;</p> <p>14° biens de la société de personnes : tous les biens mobiliers et immobiliers et les droits apportés par les associés dans une société de personnes créés ou acquis par la société de personnes ou en son nom;</p>
--	---	---

<p>cyangwa mu izina ryabwo;</p> <p>15° Umwanditsi Mukuru: Umuyobozi mu rwego rwa Leta ushinze kwandika ubufatanye mu bucuruzi no gukurikirana imikorere yabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ishingwa ry’ubufatanye mu bucuruzi n’igihe bumara</p> <p>Abafatanyabikorwa babiri (2) cyangwa benshi, bashobora gushinga ubufatanye mu bucuruzi buzuza inyandiko y’ishyirwaho ry’ubufatanye mu bucuruzi yateguwe n’Umwanditsi Mukuru kandi bubahiriza ibiteganywa n’iri tegeko.</p> <p>Ubufatanye bushobora gushyirirwaho igihe kizwi, hagamijwe gukorwa igikorwa kimwe cyangwa icyiyemejwe cyangwa bugashyirirwaho igihe kitazwi.</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ubuzimagatozi bw’ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugira ubuzimagatozi.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye ntabwo bugira ubuzimagatozi.</p>	<p>15° Registrar General: a public service executive in charge of registering partnerships and following up their functioning.</p> <p><u>Article 4:</u> Formation and duration of a partnership</p> <p>Two (2) or many partners may form a partnership by filling a statement of partnership existence developed by the Registrar General and by complying with the provisions of this Law.</p> <p>A partnership may be formed for a fixed term, for a single adventure or undertaking, or for an indeterminate duration.</p> <p><u>Article 5:</u> Legal status of a partnership</p> <p>A limited liability partnership is an entity with a legal personality.</p> <p>General partnership and limited partnership are entities with no legal personality.</p>	<p>15° Registraire général : cadre au sein de la fonction publique ayant l’enregistrement des sociétés de personnes et le suivi de leur fonctionnement dans ses attributions.</p> <p><u>Article 4:</u> Création et durée d’une société de personnes</p> <p>Deux (2) ou plusieurs associés peuvent créer une société de personnes en remplissant le formulaire d’existence élaboré par le Registraire général et en se conformant aux dispositions de la présente loi.</p> <p>La société de personnes peut être formée pour une durée déterminée, pour une seule activité ou un engagement, ou pour une durée indéterminée.</p> <p><u>Article 5:</u> Personnalité juridique d’une société de personnes</p> <p>La société à responsabilité limitée est une entité dotée de personnalité juridique.</p> <p>La société en nom collectif et la société en commandite sont des entités sans personnalité juridique.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Ubushobozi, ububasha, uburenganzira n'inshingano bw'ubufatanye mu bucuruzi n'abafatanyabikorwa babwo</p> <p>Ubushobozi, ububasha, uburenganzira n'inshingano by'ubufatanye mu bucuruzi n'abafatanyabikorwa babwo bigenwa n'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi hubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'abafatanyabikorwa bufite ububasha bwo kurega no kuregwa mu izina ryabwo. Ubufatanye mu bucuruzi budafite ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'abafatanyabikorwa babwo, abafatanyabikorwa bose ukuyemo abafatanyabikorwa bafite uburyozwe buhinnye, barakurikiranwa.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bwanditswe mu Rwanda bufite ubushobozi n'uburenganzira busesuye bwo gukora imirimo y'ubucuruzi n'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye n'intego yabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi ni ubu</p>	<p><u>Article 6:</u> Capacity, powers, rights, duties and obligations of a partnership and its partners</p> <p>The capacity, powers, rights, duties and obligations of a partnership and its partners are as defined in the partnership agreement in accordance with this Law.</p> <p>A partnership with legal personality is capable of suing and being sued in its own name. Where the partnership does not have legal personality, all the partners, other than limited partners, must be parties to the action.</p> <p>A partnership registered in Rwanda has full capacity and rights to undertake any business activity and do any act relating to its mission.</p> <p><u>Article 7:</u> Types of partnerships</p> <p>Types of partnerships are the followings:</p>	<p><u>Article 6:</u> Capacité, pouvoirs, droits, devoirs et obligations d'une société de personnes et de ses associés</p> <p>La capacité, les pouvoirs, les droits, les devoirs et les obligations d'une société de personnes et ses associés sont tels que définis dans le contrat de société conformément à la présente loi.</p> <p>La société de personnes dotée de la personnalité juridique peut être demandeur ou défendeur à une action en justice. Lorsque la société de personnes est dépourvue de personnalité juridique, tous les associés doivent être partie au procès à l'exception des associés commanditaires.</p> <p>La société de personnes enregistrée au Rwanda a la pleine capacité et le plein droit d'exercer une activité commerciale et d'accomplir tout acte relevant de sa mission.</p> <p><u>Article 7:</u> Types de sociétés de personnes</p> <p>Les types de société de personnes sont les</p>
---	---	--

<p>bukurikira:</p> <p>1° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye;</p> <p>2° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>3° ubufafanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Inyandiko zohererezwa Umwanditsi Mukuru</u></p> <p>Hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru yohererezwa inyandiko zirimo izi zikurikira:</p> <p>1° inyandiko ihakana kuba umufatanyabikorwa itangwa iyo umuntu ahakana kuba umufatanyabikorwa n'ubwo yaba yaragaragajwe nka we mu yindi nyandiko;</p> <p>2° inyandiko yo kwitandukanya itangwa iyo umufatanyabikorwa avuye mu bufatanye mu bucuruzi;</p> <p>3° inyandiko y'iseswa itangwa iyo abafatanyabikorwa bafashe icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi;</p>	<p>1° General partnership;</p> <p>2° limited partnership;</p> <p>3° limited liability partnership.</p> <p><u>Article 8: Documents filed with the Registrar General</u></p> <p>In accordance with the provisions of this Law the following documents are filed to the Registrar General:</p> <p>1° a statement of denial of status as partner filed when a person denies being a partner, although named as such in another statement;</p> <p>2° a statement of dissociation filed when a partner dissociates from a partnership;</p> <p>3° a statement of dissolution filed when the partners decide to dissolve a partnership;</p>	<p>suyivants :</p> <p>1° la société en nom collectif;</p> <p>2° la société en commandite;</p> <p>3° la société à responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 8: Documents déposés auprès du Registraire général</u></p> <p>Conformément aux dispositions de la présente loi, les documents ci-après sont déposés auprès du Registraire général :</p> <p>1° une déclaration de refus de statut d'associé, déposée lorsqu'une personne nie être un associé, bien qu'elle soit désignée comme telle dans une autre déclaration;</p> <p>2° une déclaration de dissociation déposée lorsqu'un associé se dissocie de la société de personnes;</p> <p>3° une déclaration de dissolution déposée lorsque les associés décident de dissoudre la société de personnes;</p>
--	--	--

<p>4° inyandiko yemeza ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga butanga iyo busaba kwandikwa;</p> <p>5° impinduka iyo ari yo yose kuri izo nyandiko.</p> <p>Umwanditsi Mukuru agena uburyo inyandiko zivugwa muri iyi ngingo zikorwa.</p> <p>UMUTWE WA II: AMASEZERANO Y'UBUFATANYE MU BUCURUZI N'IYANDIKWA RYABWO</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibikubiye mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:</p> <p>1° izina na aderesi by'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi n'igihe buzamara;</p> <p>3° amazina y'abafatanyabikorwa ;</p>	<p>4° a statement of foreign qualification filed when a foreign partnership applies for registration;</p> <p>5° any amendment of such statements.</p> <p>The Registrar General determines the format of statements referred to in this Article.</p> <p>CHAPTER II: PARTNERSHIP AGREEMENT AND REGISTRATION OF A PARTNERSHIP</p> <p><u>Section One: Partnership agreement</u></p> <p><u>Article 9: Contents of a partnership agreement</u></p> <p>The partnership agreement must contain at least the following elements:</p> <p>1° the name and address of the partnership;</p> <p>2° the type and duration of partnership;</p> <p>3° names of partners;</p>	<p>4° une déclaration de qualification de la société de personnes étrangère déposée lorsqu'une société de personnes étrangère présente une demande d'enregistrement;</p> <p>5° toute modification apportée à ces déclarations.</p> <p>Le Registraire général prescrit le format des déclarations prévues au présent article.</p> <p>CHAPITRE II: CONTRAT DE SOCIÉTÉ ET ENREGISTREMENT DE SOCIÉTÉ DE PERSONNES</p> <p><u>Section première : Contrat de société</u></p> <p><u>Article 9: Contenu du contrat de société</u></p> <p>Le contrat de société doit contenir au moins les éléments suivants :</p> <p>1° le nom et l'adresse de la société de personnes;</p> <p>2° le type et la durée de la société de personnes;</p> <p>3° les noms des associés;</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>4° ibikorwa by'ubucuruzi ubufatanye mu bucuruzi bugiye gukora;</p> <p>5° umusanzu w'abafatanyabikorwa mu mari shingiro;</p> <p>6° uburyo abafatanyabikorwa basubizwa ibyo bakoresheje mu nyungu z'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>7° imiyoborere y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>8° uburyo abafatanyabikorwa bashya bemererwa kwinjira mu bufatanye mu bucuruzi igihe byateganyijwe n'abafatanyabikorwa ;</p> <p>9° uburyo bwo kugabana inyungu n'ibihombo;</p> <p>10° uburyo bwo gukemura amakimbirane;</p> <p>11° uburyo bwo kureka gukomeza kuba umufatanyabikorwa;</p> <p>12° uburenganzira bugenerwa undi muntu utari umufatanyabikorwa igihe ari ngombwa.</p>	<p>4° business activity;</p> <p>5° capital contributions of partners;</p> <p>6° compensation of partners;</p> <p>7° the management of partnership;</p> <p>8° conditions under which new partners are admitted into the partnership where so provided by the partners;</p> <p>9° modalities for sharing profits and losses;</p> <p>10° dispute resolution mechanism;</p> <p>11° modalities for ceasing to be a partner;</p> <p>12° rights to be conferred to a third party where necessary.</p>	<p>4° l'objet de la société de personnes;</p> <p>5° les apports au capital des associés;</p> <p>6° la compensation des associés;</p> <p>7° la gestion de la société de personnes;</p> <p>8° les conditions d'admission de nouveaux associés dans la société de personnes si c'est prévu par les associés;</p> <p>9° les modalités de partage des bénéfices et des pertes;</p> <p>10° le mode de règlement des différends;</p> <p>11° les modalités de cessation de qualité d'associé ;</p> <p>12° les droits à conférer à une tierce personne si nécessaire.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 10 : Inkurikizi z'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite ubuzimagatozi, amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi agira agaciro hagati y'ubufatanye mu bucuruzi na buri mufatanyabikorwa no hagati y'abafatanyabikorwa ubwabo.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi budafite ubuzimagatozi, amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi agira agaciro hagati y'abafatanyabikorwa gusa.</p>	<p><u>Article 10: Effects of a partnership agreement</u></p> <p>When a partnership has legal personality, a partnership agreement has a binding force between the partnership and each partner, and between the partners themselves.</p> <p>When a partnership has no legal personality, the partnership agreement is a binding contract between the partners only.</p>	<p><u>Article 10 : Effets du contrat de société</u></p> <p>Lorsque la société de personnes est dotée de la personnalité juridique, le contrat de société a force obligatoire entre la société de personnes et chaque associé, et entre les associés eux-mêmes.</p> <p>Lorsque la société de personnes n'a pas de personnalité juridique, le contrat de société a force obligatoire entre les associés seulement.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Ivugururwa ry'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi ashobora kuvugururwa mu nyandiko ishyirwaho umukono n'abafatanyabikorwa hakurikijwe ibikubiye mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p><u>Article 11: Amendment of partnership agreement</u></p> <p>The partnership agreement may be amended by a written document signed by the partners in accordance with the provisions of the partnership agreement.</p>	<p><u>Article 11: Modification du contrat de société</u></p> <p>Le contrat de société peut être modifié par un document écrit signé par les associés conformément aux termes du contrat de société.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Iyandikwa ry'ubufatanye mu bucuruzi</u></p>	<p><u>Section 2: Partnership registration</u></p>	<p><u>Section 2 : Enregistrement de la société de personnes</u></p>
<p><u>Ingingo ya 12: Gusaba kwandika ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bwose bwandikwa hakurikijwe iri tegeko. Ubusabe bwo kwandika ubufatanye mu bucuruzi bukorwa</p>	<p><u>Article 12: Application for registration of a partnership</u></p> <p>Every partnership is registered in accordance with this Law. An application to register a partnership is submitted in the form</p>	<p><u>Article 12: Demande d'enregistrement de la société de personnes</u></p> <p>Toute société de personnes est enregistrée conformément à la présente loi. La demande d'enregistrement de la société de personnes est</p>

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>huzuzwa inyandiko yabugenewe itegurwa n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Inyandiko y'ubusabe bwo kwandika ubufatanye mu bucuruzi ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, igomba kuba ikubiyemo ibi kurikira:</p> <p>1° inyandiko yo kwemera ubufatanye mu bucuruzi igenwa n'Umwanditsi Mukuru iriho umukono wa buri mufatanyabikorwa cyangwa umukono w'uhagarariye umufatanyabikorwa wabiherewe uburenganzira mu rwego rw'amategeko;</p> <p>2° icyemezo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha cyuko buri mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye atahamijwe icyaha kimunga ubukungu;</p> <p>3° ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>4° izina ry'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>5° amazina na aderesi by' abafatanyabikorwa;</p> <p>6° agaciro k'umusanzu umufatanyabikorwa yishyuye mu bufatanye mu bucuruzi;</p> <p>7° icyicaro na aderesi by'ubufatanye mu</p>	<p>prescribed by the Registrar General.</p> <p>The application file to register a partnership which is submitted to the Registrar General must contain the following:</p> <p>1° a consent form as prescribed by the Registrar General signed by each partner or the partner's lawfully authorised agent;</p> <p>2° proof by the competent organ that each general partner has not been convicted of any economic crime;</p> <p>3° type of partnership;</p> <p>4° name of the partnership;</p> <p>5° names and address of partners;</p> <p>6° the value of the capital contribution paid by a partner to the partnership;</p> <p>7° the registered office and address of the</p>	<p>transmise selon le formulaire prescrit par le Registraire général.</p> <p>Le dossier de demande d'enregistrement de la société de personnes qui est transmis au Registraire général doit contenir ce qui suit :</p> <p>1° un formulaire de consentement prescrit par le Registraire général signé par chacun des associés ou par son représentant légalement autorisé;</p> <p>2° attestation délivrée par un organe compétent certifiant que chacun des associés d'une société en nom collectif n'a pas été condamné pour crime économique;</p> <p>3° le type de la société de personnes;</p> <p>4° le nom de la société de personnes;</p> <p>5° les noms et l'adresse de tous les associés;</p> <p>6° la valeur de l'apport au capital versée par l'associé de société de personnes;</p> <p>7° le siège social et l'adresse de la société</p>
--	---	---

<p>bucuruzi;</p> <p>8° amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>9° ibindi byaba ngombwa bisabwe n’Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Mu gihe ibisabwa byose byubahirijwe, Umwanditsi Mukuru agomba kwandika izina ry’ubufatanye mu bucuruzi n’ibindi biburanga mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y’akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Ububasha bw’Umwanditsi Mukuru bwo kwanga iyandikisha</u></p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora kwanga kwandika ubufatanye mu bucuruzi iyo asanze ibisabwa bigenwa n’iri tegeko bituzuye.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora kandi kwanga kwandika ubufatanye mu bucuruzi iyo:</p> <p>1° ubufatanye mu bucuruzi bushobora kubangamira umutekano w’igihugu cyangwa inyungu zacyo;</p> <p>2° ubufatanye mu bucuruzi bushobora kubangamira inyungu za rubanda.</p>	<p>partnership;</p> <p>8° partnership agreement;</p> <p>9° any other condition as required by the Registrar General.</p> <p>The Registrar General must, if all conditions are complied with, register the partnership by recording its name and particulars in the register of partnerships within two (2) working days.</p> <p><u>Article 13: Powers of Registrar General to refuse to register a partnership</u></p> <p>The Registrar General may refuse to register the partnership if the conditions specified by this Law are not met.</p> <p>The Registrar General may also refuse to register the partnership where:</p> <p>1° the partnership may pose a threat to national security or interest;</p> <p>2° the partnership may pose a threat to the public interest.</p>	<p>de personnes;</p> <p>8° le contrat de société;</p> <p>9° toute autre condition requise par le Registraire général.</p> <p>Le Registraire général doit, si toutes les conditions sont remplies, enregistrer la société de personnes en inscrivant son nom et autres éléments d’identification au registre de sociétés de personnes endéans deux (2) jours ouvrables.</p> <p><u>Article 13: Pouvoirs de refus d’enregistrer la société de personnes par le Registraire général</u></p> <p>Le Registraire général peut refuser d’enregistrer la société de personnes si les conditions définies par la présente loi ne sont pas remplies.</p> <p>Le Registraire général peut également refuser d’enregistrer la société de personnes si :</p> <p>1° la société de personnes peut constituer une menace à la sécurité et à l’intérêt national ;</p> <p>2° la société de personnes peut constituer une menace à l’intérêt public.</p>
--	--	--

<p>Umwanditsi Mukuru amenyesha mu nyandiko uwasabye kwandikisha ubufatanye mu bucuruzi impamvu zatumye atabwandika.</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Kujuririra icyemezo cy'umwanditsi Mukuru cyo kwanga kwandika ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru yanze kwandika ubufatanye mu bucuruzi, umuntu uwo ari we wese wagizweho ingaruka n'uko kwanga kwandika aregera urukiko rubifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Izina ry'ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye rigomba kuba rifite ku mpera yaryo amagambo « general partnership » yanditse mu rurimi rw'icyongereza cyangwa impine. « GP ».</p> <p>Izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye rigomba kuba rifite ku mpera yaryo amagambo « limited partnership » yanditse mu rurimi rw'icyongereza cyangwa impine « LP ».</p> <p>Izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye rigomba kuba rifite ku mpera yaryo amagambo « Limited Liability</p>	<p>The Registrar General notifies in writing to the partnership registration applicant the reasons for registration refusal.</p> <p><u>Article 14:</u> Appeal against the Registrar General's decision of not registering a partnership</p> <p>When the Registrar General refuses to register a partnership any affected party may refer the issue to the competent court.</p> <p><u>Article 15:</u> Name of a partnership</p> <p>The name of a general partnership must end with the words “general partnership” or the abbreviation “GP”.</p> <p>The name of a limited partnership must end with the words “limited partnership” or the abbreviation “LP”.</p> <p>The name of a limited liability partnership must end with the words “limited liability partnership” or the abbreviation “LLP”.</p>	<p>Le Registraire général notifie par écrit au demandeur d'enregistrement de la société de personnes les motifs de refus d'enregistrement.</p> <p><u>Article 14:</u> Recours contre la décision de refus d'enregistrer une société de personnes par le Registraire général</p> <p>Lorsque le Registraire général refuse d'enregistrer la société de personnes, toute partie lésée peut saisir la juridiction compétente.</p> <p><u>Article 15:</u> Nom de la société de personnes</p> <p>Le nom de la société en nom collectif doit se terminer par les mots « General Partnership » ou par l'abréviation «GP» en anglais.</p> <p>Le nom de la société en commandite doit se terminer par les mots « Limited Partnership » ou par l'abréviation «LP» en anglais.</p> <p>Le nom de la société à responsabilité limitée doit se terminer par les mots « Limited Liability Partnership » ou par l'abréviation «LLP» en</p>
--	--	---

<p>Partnership » yanditse mu rurimi rw'icyongereza cyangwa impine « LLP ».</p> <p>Izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'abafatanyabikorwa babwo rigomba kuba ririmo ijamba « Separate » ryanditse mu rurimi rw'icyongereza cyangwa mu mpine « S » imbere y'ijamba risoza, risobanura ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Nta bufatanye mu bucuruzi bushobora kwandikwa ku izina:</p> <p>1° risa neza n'iry'ubufatanye mu bucuruzi bwanditse cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bisanzweho ryemewe cyangwa ryenda gusa n'iryo zina bishobora gutera urujijo, keretse iyo ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bisanzweho biri mu bihe byo guseswa kandi hakabaho kubyemera mu buryo bushobora gusabwa n'Umwanditsi Mukuru;</p> <p>2° risa neza n'izina ry'ubucuruzi ryanditse cyangwa rikaba ryenda gusa na ryo ku buryo bishobora gutera urujijo;</p> <p>3° ryanyuranya n'itegeko cyangwa</p>	<p>The name of a partnership which has legal personality must also include the word "Separate" or the abbreviation "S" before the end word, which describes the type of partnership.</p> <p>No partnership may be registered under a name which:</p> <p>1° is identical to that of an existing partnership, company or statutory corporation or so nearly resembles that name as to be likely to mislead, except where the existing partnership, company or statutory corporation is in the course of being dissolved and gives its consent in such a manner as the Registrar General may require;</p> <p>2° is identical to a business name registered or so nearly resembles that name as to be likely to mislead;</p> <p>3° which, or the use of which, would</p>	<p>anglais.</p> <p>Le nom de la société de personnes à personnalité juridique doit contenir le mot « Separate » ou l'abréviation « S » en anglais avant le mot qui termine, qui explique le type de société de personnes.</p> <p>Aucune société de personnes ne peut être enregistrée sous un nom qui :</p> <p>1° est identique à celui de la société de personnes, d'une société commerciale ou d'une autre forme de société existant ou presque semblable à ce nom susceptible d'induire en erreur, sauf si la société de personnes, la société commerciale ou une autre forme de société existant est en cours de dissolution et donne son consentement de la manière que le Registraire Général peut exiger;</p> <p>2° est identique à une dénomination sociale enregistrée ou presque semblable à cette dénomination susceptible d'induire en erreur;</p> <p>3° peut ou dont l'usage peut être contraire</p>
---	--	---

<p>ryabangamira umuco w'igihugu.</p> <p><u>Ingingo ya 16: icyemezo cyo kwandikisha ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru yakiriye inyandiko y'ubusabe bwo kwandikisha ubufatanye mu bucuruzi bwujuje ibisabwa n'iri tegeko, akora ibi bikurikira:</p> <p>1° kwandika mu gitabo cy'ubufatanye mu bucuruzi amakuru ajyanye n'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° gutanga icyemezo cy'iyandikisha ry'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>Icyemezo cy'ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi ni ikimenyetso ndakuka cy'uko ibyo iri tegeko risaba mu ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi byose byubahirijwe kandi ko ubufatanye mu bucuruzi bwashinzwe hakurikijwe iri tegeko ku itariki y'ishingwa ryabwo yanditse mu cyemezo mu buryo bwagenwe n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Guhindura izina ry'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Kugira ngo izina ry'ubufatanye mu bucuruzi rihinduke, inyandiko imenyeshya gusaba guhindura ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru.</p>	<p>contravene the law or the good morals.</p> <p><u>Article 16: Certificate of registration of a partnership</u></p> <p>When the Registrar General receives an application for registration of partnership that complies with this Law, he or she does the following:</p> <p>1° to register details relating to the partnership in the register of partnerships;</p> <p>2° to issue a certificate of partnership registration.</p> <p>A certificate of partnership registration is an evidence that all requirements of this Law in respect of registration have been complied with; and that the partnership has been duly registered under this Law on the date of registration stated in the certificate in a form prescribed by the Registrar General.</p> <p><u>Article 17: Change of name of a partnership</u></p> <p>In order for the name of a partnership to be changed, notice of the proposed change is delivered to the Registrar General. The notice</p>	<p>à la loi ou les bonnes mœurs.</p> <p><u>Article 16: Certificat d'enregistrement de la société de personnes</u></p> <p>Lorsque le Registraire général reçoit la demande d'enregistrement de la société de personnes remplissant les conditions requises prévues par la présente loi, il fait ce qui suit :</p> <p>1° enregistrer les détails relatifs à la société de personnes dans le registre de sociétés de personnes;</p> <p>2° délivrer un certificat d'enregistrement de la société de personnes.</p> <p>Le certificat d'enregistrement de la société de personnes est une preuve permettant d'établir que toutes les conditions requises par la présente loi pour l'enregistrement de la société de personnes ont été remplies conformément à la présente loi à la date de son enregistrement figurant dans le certificat sous une forme prescrite par le Registraire général.</p> <p><u>Article 17: Changement de nom de la société de personnes</u></p> <p>Pour changer le nom de la société de personnes, un avis de changement proposé est soumis au Registraire général. L'avis de</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>Inyandiko imenyeshya gusaba guhindura igaragaza izina risanzwe n'izina rishya.</p> <p>Haseguriwe amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi, inyandiko imenyeshya gusaba guhindura ishyirwaho umukono n'abafatanyabikorwa bose cyangwa uhagarariye umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, naho ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, ishyirwaho umukono n'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye cyangwa ababahagarariye gusa.</p> <p>Umwanditsi Mukuru, nyuma yo kubona inyandiko imenyeshya gusaba guhindura, avugurura amakuru ari mu gitabo, agashyiramo impinduka zijyanye n'izina rishya, agaha ubufatanye mu bucuruzi icyemezo cyo guhindura izina.</p> <p>Icyemezo kigaragaza izina ryahindutse, itariki guhindura izina byakorewe n'itariki Umwanditsi Mukuru yagishyiriyeho umukono.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Inkurikizi zo guhindura izina ry'ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Guhindura izina bigira agaciro guhera ku</p>	<p>of the proposed change specifies the existing and the new name.</p> <p>Subject to the partnership agreement, the notice of the proposed change is signed by all partners or by a partner's representative for the general partnership and limited liability partnership while for limited partnership, the notice is signed by the general partners or by the partner's representative only.</p> <p>The Registrar General, on receiving the notice of the proposed change, amends the register to record the change of name and issues the partnership with a certificate of the change of name.</p> <p>The certificate specifies the new name and the date on which the change was effected and signed by the Registrar General.</p> <p><u>Article 18:</u> Effect of change of name of a partnership</p> <p>The change of name has effect from the date</p>	<p>changement proposé précise le nom existant et le nouveau nom.</p> <p>Sous réserve du contrat de société, l'avis de changement proposé est signé par tous les associés ou par le représentant de l'associé pour le cas de la société en nom collectif et la société à responsabilité limitée, alors que pour la société en commandite, cet avis est signé par les associés commandités ou uniquement par le représentant de l'associé.</p> <p>À la réception de l'avis de changement proposé, le Registraire général effectue les modifications au registre pour enregistrer le changement de nom et émet un certificat de changement de nom à la société de personnes.</p> <p>Le certificat spécifie le nouveau nom et la date à laquelle le changement de nom a été opéré et signé par le Registraire général.</p> <p><u>Article 18:</u> Effet du changement de nom de la société de personnes</p> <p>Le changement de nom prend effet à partir de</p>
--	--	---

<p>itariki ryandikiweho.</p> <p>Guhindura izina ry'ubufatanye mu bucuruzi ntibigira ingaruka ku burenganzira ubwo ari bwo bwose, ku nshingano y'ubufatanye mu bucuruzi n'iy'abafatanyabikorwa cyangwa ngo bitume ibyo ubufatanye mu bucuruzi cyangwa abafatanyabikorwa bakurikiranyweho cyangwa bakurikiranye mu rwego rw'amategeko bita agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Gusaba kubika izina ry'ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Gusaba kubikirwa izina ry'ubufatanye mu bucuruzi haba ku bashaka gushinga ubufatanye mu bucuruzi cyangwa ku bashaka guhindura izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bikorwa hakoreshejwe inyandiko yabugenewe itegurwa n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ntashobora kubika izina ridashobora kwandikwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'iri tegeko.</p> <p>Kubika izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bita agaciro nyuma y'amezi atatu (3) yongerwa inshuro imwe (1) iyo bisabwe.</p>	<p>on which it is registered.</p> <p>The change of the name of a partnership does not affect any rights or duties of the partnership or partners or render defective any legal proceedings by or against the partnership or partners.</p> <p><u>Article 19: Application for reservation of name of a partnership</u></p> <p>An application for reservation of the name of a partnership whether for the new partnership or for the change of the name of existing partnership, is made through a statement developed by the Registrar General.</p> <p>The Registrar General does not reserve a name which, by virtue of Article 15 of this Law, cannot be registered.</p> <p>The reservation of the name of a partnership expires after a period of three (3) months renewable only once upon application.</p>	<p>la date à laquelle il est enregistré.</p> <p>Le changement de nom de la société de personnes n'affecte pas les droits ou devoirs de la société de personnes ou des associés et n'annule pas toute action en justice intentée par ou contre la société de personnes ou les associés.</p> <p><u>Article 19: Demande de réservation du nom de la société de personnes</u></p> <p>Une demande de réservation du nom de société de personnes soit pour une nouvelle société de personnes, soit pour le changement du nom de la société de personnes existante, se fait à travers le formulaire élaboré par le Registraire général.</p> <p>Le Registraire général ne réserve pas le nom qui, en vertu de l'article 15 de la présente loi, ne peut pas être inscrit.</p> <p>La réservation du nom de la société de personnes expire après une période de trois (3) mois renouvelable une seule fois sur demande.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 20:</u> Icyicaro cy’ubufatanye mu bucuruzi n’impinduka ku bijyanye na cyo</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bushyiraho bukanagumana icyicaro mu Rwanda aho itumanaho ryose n’inyandiko zimenyesha byoherezwa bikanahakirirwa.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bushobora guhindurira icyicaro aho ariho hose mu Rwanda bukabimenyesha mu nyandiko Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru amaze kwakira inyandiko ivugwa mu gika cya 2 cy’iyi ngingo, ahindura igitabo cy’ubufatanye mu bucuruzi kugira ngo yandikemo impinduka zabayeho zerekeye ahantu icyicaro gikuru cy’ubufatanye mu bucuruzi kibarizwa.</p> <p>Impinduka zigira agaciro uhereye igihe zimaze kwandikirwa mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Kugaragaza izina na aderesi by’icyicaro cyanditse cy’ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bugenzura ko izina na aderesi by’icyicaro cyabwo byanditse, bigaragara neza kuri buri nyandiko itanzwe cyangwa ishyizweho umukono n’ubufatanye</p>	<p><u>Article 20:</u> Registered office of a partnership and subsequent changes</p> <p>A partnership establishes and maintains a registered office in Rwanda where all communications and notices are addressed and where they are received.</p> <p>A partnership may change the place of its registered office in any place in Rwanda and file the notice of the change with the Registrar General.</p> <p>The Registrar General, on receiving the notice referred to under Paragraph 2 of this Article, amends the register of partnerships to record the change of registered office and subsequent changes.</p> <p>The change has effect from the date on which it is registered in the partnerships register.</p> <p><u>Article 21:</u> Disclosure of the name and address of the registered office of a partnership</p> <p>A partnership ensures that its name and address of its registered office are clearly stated on every document issued or signed by or on behalf of the partnership and which</p>	<p><u>Article 20:</u> Siège social de la société de personnes et modifications ultérieures</p> <p>La société de personnes établit et maintient un siège social au Rwanda auquel toutes les communications et notifications sont adressées et reçues.</p> <p>La société de personnes peut changer le lieu de son siège social à tout lieu sur le territoire du Rwanda et déposer l’avis de modification au Registraire général</p> <p>Le Registraire général, à la réception de l’avis mentionné à l’alinéa 2 du présent article, il enregistre ces changements au registre des sociétés de personnes.</p> <p>Le changement ne prend effet qu’à partir de la date à laquelle il est enregistré au registre des sociétés de personnes.</p> <p><u>Article 21:</u> Affichage du nom et de l’adresse du siège social enregistré de la société de personnes</p> <p>La société de personnes s’assure que son nom et l’adresse de son siège social enregistrés sont clairement indiqués sur chaque document délivré ou signé par la société de personnes ou</p>
--	--	---

<p>mu bucuruzi cyangwa isinywe mu izina ryabwo kandi ihamya cyangwa ishyiraho inshingano zabwo mu rwego rw'amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Ibitabo n'inyandiko bibikwa ku cyicaro</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bwanditse bugomba kubika ku cyicaro cyabwo ibitabo, inyandiko n'amakuru birebana n'abafatanyabikorwa n'ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Ibitabo, inyandiko n'amakuru bibikwa harimo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi, igitabo cyanditsemo abafatanyabikorwa, konti zigaragaza umusanze ku mari shingiro mu bufatanye mu bucuruzi, ibitabo by'ibaruramari n'inyandikomvugo z'inama rusange y'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi busheshwe, abafatanyabikorwa cyangwa umuntu wahawe inshingano zo gukora iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wabwo bagomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibitabo n'inyandiko bivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo mu gihe cyitarenze ukwezi kumwe (1) uherye igihe ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo ryarangiriye. Umwanditsi Mukuru abibika mu gihe cy'imyaka icumi (10) uherye umunsi yazishyikirijweho.</p>	<p>evidences or creates a legal obligation of the partnership.</p> <p><u>Article 22: Books and records kept at registered office</u></p> <p>Every registered partnership must keep at its registered office the books, documents and records in relation to partners and partnership activity.</p> <p>Books, documents and records that must be kept include partnership agreement, register of all the partners, an account of capital contributions of partners, accounting records and minutes of partners' general meetings.</p> <p>When the partnership is dissolved, the partners or the liquidator of the partnership shall submit to the Registrar General the books and records referred to in the second paragraph of this article within one (1) month from the date of end of winding up. The Registrar General shall keep them for a period of ten (10) years from the date of their receipt.</p>	<p>en son nom et qui prouve ou crée une obligation légale de la société de personnes.</p> <p><u>Article 22: Livres et documents conservés au siège social</u></p> <p>Toute société de personnes enregistrée doit conserver à son siège social les livres, les documents et les données relatifs aux associés et aux activités de la société de personnes.</p> <p>Les livres, les documents et les données à conserver comprennent le contrat de société, le registre de tous les associés, le compte des apports au capital des associés, les livres comptables ainsi que les procès-verbaux des assemblées générales des associés.</p> <p>En cas de dissolution d'une société de personnes, ses associés ou son liquidateur de la société de personnes doivent soumettre au Registraire général les livres et les documents visés au deuxième alinéa du présent article dans un délai d'un (1) mois à compter de la date de fin de liquidation. Le Registraire général les conserve pendant une période de dix (10) ans à compter de la date de leur réception.</p>
---	---	---

<p>Umwanditsi Mukuru ashobora kugena andi makuru akenewe mu nyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p>	<p>The Registrar General may determine other information required in documents and records referred to in Paragraph One of this Article.</p>	<p>Le Registraire général peut déterminer d'autres informations dans les documents visés dans l'alinéa premier du présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwaho ry'ibitabo byandikwamo ubufatanye mu bucuruzi n'ibikwa ryabyo</p>	<p><u>Article 23:</u> Establishing and keeping partnership registers</p>	<p><u>Article 23:</u> Établissement et tenue des registres de la société de personnes</p>
<p>Umwanditsi Mukuru ashyiraho kandi akabika ibitabo byandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>The Registrar General establishes and keeps registers of partnerships.</p>	<p>Le Registraire général établit les registres des sociétés de personnes et en assure la tenue.</p>
<p>Umwanditsi Mukuru agena uburyo ibitabo byandikwamo ubufatanye mu bucuruzi bibikwa, ku buryo amakuru abikubiyemo ashobora kugenzurwa igihe cyose cyangwa kongera gukoreshwa.</p>	<p>The Registrar General keeps registers in a manner that he or she considers appropriate and that permits the information so contained to be inspected or reproduced in usable form.</p>	<p>Le Registraire général tient les registres de la manière qu'il juge appropriée et qui permet aux informations y contenues d'être facilement inspectées ou reproduites sous une forme utilisable.</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Ibikubiye mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi</p>	<p><u>Article 24:</u> Contents of register of partnerships</p>	<p><u>Article 24:</u> Contenu du registre des sociétés de personnes</p>
<p>Igitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi kigomba kuba kirimo, ku bijyanye na buri bufatanye mu bucuruzi , amakuru akurikira:</p>	<p>The register of partnerships must contain, in respect of each partnership, the following information:</p>	<p>Le registre des sociétés de personnes doit contenir, pour chaque société de personnes, les informations suivantes :</p>
<p>1° izina ryabwo;</p>	<p>1° its name;</p>	<p>1° son nom;</p>
<p>2° itariki bwandikiweho;</p>	<p>2° the date of its registration;</p>	<p>2° la date de son enregistrement;</p>
<p>3° nomero bwanditseho;</p>	<p>3° its registration number;</p>	<p>3° son numéro d'enregistrement;</p>

<p>4° aderesi y'icyicaro cyabwo;</p> <p>5° izina ryuzuye n'aderesi y'aho buri mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi abarizwa;</p> <p>6° igihe ubufatanye mu bucuruzi buzamara;</p> <p>7° ubwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>8° andi makuru yose ashobora gukenerwa n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Uburyo bwo kugera ku makuru ari mu bitabo byandikwamo ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Ibitabo bibitswe n'Umwanditsi Mukuru bigomba gushyirwa ahagaragara ku buryo byorohera abantu bose bakeneye kubigeraho no kubibonamo amakuru, keretse igihe amategeko abiteganyanya ukundi.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora kwanga ko ibyo bitabo bibonwa n'ubishaka cyangwa agahagarika by'agateganyo ko bikorehwa, byaba byose cyangwa igice cyabyo iyo abona ko bidashoboka ko ubishaka abibona cyangwa kubera indi mpamvu iteganyijwe n'amategeko.</p>	<p>4° address of its registered office;</p> <p>5° full name and residential address of every partner;</p> <p>6° duration of the partnership;</p> <p>7° type of partnership;</p> <p>8° any other information as may be required by the Registrar General.</p> <p><u>Article 25:</u> Modalities for public access to partner registers 'content</p> <p>The registers maintained by the Registrar General must be available for access and consultation by members of the public at all times, unless the law provides otherwise.</p> <p>The Registrar General may refuse access to a register or suspend its operation, in whole or in part if he or she considers it impractical to provide access to the register or for any other reason that is prescribed by the law.</p>	<p>4° l'adresse de son siège social;</p> <p>5° le nom complet et l'adresse de résidence de chaque associé;</p> <p>6° la durée de la société de personnes;</p> <p>7° type de la société de personnes ;</p> <p>8° toute autre information qui peut être demandée par le Registraire général.</p> <p><u>Article 25 :</u> Modalité d'accès du public au contenu des registres de la société de personnes</p> <p>Les registres tenus par le Registraire général doivent être disponibles pour l'accès et la consultation par le public en tout temps, à moins que la loi n'en dispose autrement.</p> <p>Le Registraire général peut refuser ou suspendre l'accès au registre, en tout ou en partie, s'il estime qu'il n'est pas pratique de donner l'accès au registre ou pour toute autre raison prévue par la loi.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 26</u> : Gusaba kopi y'amakuru ari mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Umuntu wifuzaga guhabwa kopi y'amakuru akubiye mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi abisaba mu nyandiko Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Umwanditsi Mukuru aha kopi y'amakuru akubiye mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi uwayisabye nyuma yo kuyishyiraho umukono. Mbere yo guhabwa iyo kopi, uwayisabye abanza kwishyura amafaranga ateganyijwe.</p>	<p><u>Article 26</u>: Application for a copy of information contained in the partnership register</p> <p>Any person wishing to obtain copy of information contained in a partnership register applies for it to the Registrar General.</p> <p>The Registrar General provides a certified copy of information contained in a partnership register to an entitled applicant upon payment of the fee prescribed.</p>	<p><u>Article 26</u> : Demande de copie des informations contenues dans le registre des sociétés de personnes</p> <p>Toute personne qui désire obtenir une copie certifiée de toute information contenue dans le registre des sociétés de personnes en fait une demande au Registraire général.</p> <p>Le Registraire général fournit une copie certifiée de toute information contenue dans le registre des sociétés de personnes au requérant moyennant paiement des frais prescrits.</p>
<p><u>Ingingo ya 27</u> : Kumenyesha Umwanditsi Mukuru impinduka ku bufatanye mu bucuruzi</p> <p>Abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bagomba kumenyesha Umwanditsi Mukuru mu nyandiko yabugenewe impinduka izo ari zo zose ku makuru arambuye ari mu gitabo cy'ubufatanye mu bucuruzi mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi uherye umunsi bafatiyeho umwanzuro wo guhindura.</p> <p>Umwanditsi Mukuru agomba guhuza n'igihe amakuru ari mu gitabo mu minsi itarenze icumi (10) y'akazi nyuma y'uko uwamenyesheje impinduka yuzuzwa ibisabwa.</p>	<p><u>Article 27</u>: Notification of change in a partnership to the Registrar General</p> <p>Business partners must, within ten (10) working days of the decision to make the change, notify the Registrar General through an appropriate form of any change in any of the details entered in a register in relation to the partnership.</p> <p>The Registrar General must update the details in the register within ten (10) working days after being satisfied that the person notifying the change meets the requirements.</p>	<p><u>Article 27</u> : Notification au Registraire général de changement de la société de personnes</p> <p>Les associés doivent notifier au Registraire général, sous la forme prescrite, toute modification de détails inscrits dans un registre en rapport avec la société de personnes endéans dix (10) jours ouvrables de la décision d'opérer le changement.</p> <p>Le Registraire général doit mettre à jour les informations inscrites au registre endéans dix (10) jours ouvrables après constat que l'auteur de notification remplit les conditions exigées.</p>

<p>Impinduka zitangira kugira agaciro ku bandi bantu guhera ku itariki zashyiriwe mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 28</u> : Gukosora igitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Umwanditsi Mukuru abisabwe mu nyandiko n’umuntu uwo ari we wese bireba, ashobora gukosora igitabo iyo abona ko hari amakuru yinjijwemo nabi, amakuru atarinjijwe mu gitabo cyangwa andi makuru yagombaga kwandikwa ntiyandikwe.</p> <p>Mbere yo gukosora igitabo cyandikwamo amakuru ku bufatanye mu bucuruzi, Umwanditsi Mukuru agomba guha ubufatanye mu bucuruzi bireba inyandiko imenyeshya ko hari ubusabe bwo gukosora igitabo, keretse iyo ubusabe bwo gukosora bwatanzwe n’ubufatanye mu bucuruzi bwatanze ayo makuru.</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru yanze gukosora igitabo cyandikwamo ubufatanye, umuntu uwo ari we wese wagizweho ingaruka n’uko kwanga, aregera urukiko rubifitiye ububasha arusaba gutegeka ko igitabo cyandikwamo ubufatanye gihindurwa cyangwa gikosorwa.</p>	<p>Changes have effect to third parties from the date on which it was registered in partnerships register.</p> <p><u>Article 28</u>: Correction of partnerships register</p> <p>The Registrar General may, on written application by any interested person, correct a register if he or she is satisfied that any information has been wrongly entered in or omitted from that register, or correct any particulars if he or she believes that the particulars were not entered in the register.</p> <p>Before correcting the partnerships register, the Registrar General must issue a written notice to the concerned partnership that there is an application for correcting the register, unless the correction relates solely to the partnership which provided the information.</p> <p>When the Registrar General refuses to correct the partnership register, any person adversely affected by the refusal, refers the matter to the competent court applying for it to order the amendment or correction of the partnership register. The claim introduced to the Court in</p>	<p>Les changements prennent effet à l’égard des tiers à la date à laquelle ils sont inscrits au registre des sociétés de personnes.</p> <p><u>Article 28</u> : Rectification d’un registre des sociétés de personnes</p> <p>Le Registraire général peut, à la demande écrite de toute personne intéressée, rectifier un registre s’il est convaincu que les informations ont été incorrectement enregistrées ou omises dans ce registre ou corriger tout détail s’il croit que ce détail a été inscrit au registre.</p> <p>Avant de rectifier le registre des sociétés de personnes, le Registraire général doit donner un avis écrit à la société de personnes concernée qu’une demande pour rectifier a été déposée, sauf dans le cas où une rectification ou une correction concerne la société de personnes qui a fourni l’information.</p> <p>Lorsque le Registraire général refuse de corriger le registre, toute personne lésée par le refus s’adresse à la juridiction compétente pour qu’elle prenne décision de modification ou de correction de registre. La saisine de la juridiction en vertu des dispositions du présent</p>
---	---	---

<p>Ikirego gitanzwe mu rukiko hagenewe ku biteganywa n'iyi ngingo ntikibuza ikoreshwariy'izindi nzira zarenganura uwagitanze.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Gutambamira ikosorwa ry'igitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gushyikiriza Umwanditsi Mukuru itambamira mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) y'akazi, uherye ku itariki yo kumenyesha ikosorwa risabwa gukorwa mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi. Umwanditsi Mukuru agomba guha kopi y'itambamira uwasabye ikosora.</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru yakiriye inyandiko y'itambamira ntagomba gukosora igitabo cyandikwamo amakuru ku bufatanye mu bucuruzi keretse iyo abona ko itambamira nta shingiro rifite cyangwa ryakuweho.</p> <p><u>Ingingo ya 30: Gukora ibikorwa nk'ubufatanye mu bucuruzi utanditse</u></p> <p>Iyo abantu babiri (2) cyangwa benshi bakora ubucuruzi nk'ubufatanye ariko batariyandikishije, bagira uburyozwe imbere y'abandi bantu nk'aho ari abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>accordance with the provisions of this Article is without prejudice to any other remedy which is available to the applicant.</p> <p><u>Article 29: Objection to correction of the partnerships register</u></p> <p>An interested person may deliver to the Registrar General, in not later than twenty (20) working days after the date of the notice of correction, a written objection to a proposed correction of the partnerships register and the Registrar General must give a copy of the objection to the applicant.</p> <p>The Registrar General must not correct the register if he or she receives a written objection to the proposed correction, unless the Registrar General is satisfied that the objection is not sound or has been withdrawn.</p> <p><u>Article 30: Operating as a partnership without registration</u></p> <p>If two (2) persons or more carry out a business as partnership but are not registered they are liable before any other persons as if they are general partners.</p>	<p>article, faite sans préjudice de tout autre recours qui est à la disposition du demandeur.</p> <p><u>Article 29: Opposition à la rectification du registre des sociétés de personnes</u></p> <p>Toute personne intéressée peut soumettre au Registraire général, au plus tard vingt (20) jours ouvrables après la date de l'avis de rectification, une opposition écrite à une proposition de rectification du registre et le Registraire général doit donner une copie de l'opposition au demandeur.</p> <p>Le Registraire général ne doit pas rectifier le registre s'il reçoit une opposition écrite pour la rectification proposée, à moins qu'il soit convaincu que l'opposition n'est pas fondée ou qu'elle a été retirée.</p> <p><u>Article 30: Exercer en qualité de société de personnes non enregistrée</u></p> <p>Si deux (2) ou plusieurs personnes exercent une entreprise commerciale sous forme d'une société de personnes mais non enregistrée, leurs responsabilités sont engagées à l'égard des tiers comme si elles sont des associés commandités.</p>
---	--	--

<p>UMUTWE WA III: UBUFATANYE MU BUCURUZI BUHITE UBURYOZWE BUDAHINNYE</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Imiterere y’ubufatanye mu bucuruzi buhite uburyozwe budahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 31:</u> Ibiranga ubufatanye mu bucuruzi buhite uburyozwe budahinnye</p> <p>Abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bwanditse bose bagomba kuba ari abantu ku giti cyabo.</p> <p>Buri wese mu bafatanyabikorwa b’ubufatanye mu bucuruzi buhite uburyozwe budahinnye ni intumwa ya mugenzi we ku mpamvu z’ubucuruzi bw’ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ntiyemerewe kuba umukozi w’ubwo bufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Nibura umwe mu bagize ubufatanye mu bucuruzi buhite uburyozwe budahinnye agomba kuba ari mu Rwanda cyangwa agashyiraho umuhagarariye uba mu Rwanda.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bushobora kugirana n’abandi amasezerano, gutunga cyangwa kugira umutungo hagamijwe kugera ku ntego</p>	<p>CHAPTER III: GENERAL PARTNERSHIP</p> <p><u>Section One:</u> Nature of a general partnership</p> <p><u>Article 31:</u> Nature of a general partnership</p> <p>Partners of a registered general partnership must be individuals.</p> <p>General partners are agents of each other for the purpose of the partnership business.</p> <p>A general partner is not allowed to be an employee of his or her general partnership.</p> <p>At least of one the general partners must reside in Rwanda or appoints agent in Rwanda.</p> <p>The partnership may enter into agreement with third parties, own or acquire property for the purpose of the partnership business.</p>	<p>CHAPITRE III: SOCIÉTÉ EN NOM COLLECTIF</p> <p><u>Section première :</u> Nature d’une société en nom collectif</p> <p><u>Article 31:</u> Nature d’une société en nom collectif</p> <p>Les associés d’une société en nom collectif doivent être des personnes physiques.</p> <p>Chaque associé d’une société en nom collectif est mandataire de ses co-associés aux fins de l’entreprise commerciale de cette société.</p> <p>Il est interdit à un associé d’une société en nom collectif d’être engagé en tant qu’un employé dans la même société.</p> <p>Au moins un des associés d’une société en nom collectif doit résider au Rwanda ou nommer un représentant résidant au Rwanda.</p> <p>La société en nom collectif peut conclure un contrat avec des tiers, posséder ou acquérir un patrimoine pour des fins de son entreprise</p>
--	---	--

<p>y'ibikorwa byabwo.</p> <p>Abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bagira uburyozwe budahinnye ku birebana n'imyenda yabwo.</p> <p>Haseguriwe amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi bushobora gukomeza ibikorwa byabwo kabone n'ubwo abafatanyabikorwa babwo baba bahindutse.</p> <p>Impinduka mu miterere y'ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi iba ari uko yumvikanweho n'abafatanyabikorwa bose.</p> <p><u>Ingingo</u> ya <u>32</u>: <u>Umusanzu w'umufatanyabikorwa mu mari shingiro</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bugomba guteganya imari shingiro iteganywa mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Abafanyabikorwa batanga umusanzu ungana mu mari shingiro y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye keretse iyo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi abiteganya ukundi.</p> <p>Umufatanyabikorwa utanze umusanzu we mu</p>	<p>Partners in the general partnership have unlimited liability for debts of the partnership.</p> <p>Subject to the partnership agreement, the partnership may continue its business even if there was a change in its partners.</p> <p>No change may be made in the nature of the partnership without the consent of all the partners.</p> <p><u>Article 32: Capital contribution by a partner</u></p> <p>The general partnership must determine capital contribution as specified by the partnership agreement.</p> <p>All general partners are entitled to share equally in the capital contribution unless the partnership agreement provides otherwise.</p> <p>A partner who contributes capital to the</p>	<p>commerciale.</p> <p>Les associés de la société en nom collectif ont une responsabilité illimitée pour les dettes de cette société.</p> <p>Sous réserve du contrat de société, la mission de la société de personnes peut continuer même s'il y a eu changement d'associés.</p> <p>Aucun changement ne peut être apporté à la nature de l'entreprise commerciale de la société sans le consentement de tous les associés.</p> <p><u>Article 32: Apport au capital par un associé</u></p> <p>La société en nom collectif doit déterminer son apport au capital défini par le contrat de société.</p> <p>Tous les associés de la société en nom collectif ont le droit de partager à parts égales la contribution au capital à moins que le contrat de société n'en prévoie autrement.</p> <p>Un associé qui donne son apport au capital de</p>
---	---	--

<p>mari shingiro mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye ntagira uburenganzira bwo guhabwa inyungu ku musanzu yatanze. Icyakora, umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ugurije amafaranga ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye yemerewe guhabwa n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye inyungu ibarwa hakurikijwe igipimo fatizo cy'inyungu cyagenwe mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Inshingano z'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 33:</u> Gukora nta buriganya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Buri mufatanyabikorwa afite inshingano yo gukora nta buriganya mu bikorwa byose by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>By'umwihariko, umufatanyabikorwa agomba:</p> <p>1° kumenyesha buri mufatanyabikorwa ikintu cyose gishobora kugira ingaruka ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye;</p>	<p>general partnership is not entitled to any interest on the contribution. However, a partner who lends money to the general partnership is entitled to receive interest from the general partnership at the prescribed rate under the partnership agreement.</p> <p><u>Section 2:</u> Duties of general partners</p> <p><u>Article 33:</u> Good faith in general partnership</p> <p>Every partner has a duty to act in good faith in all transactions undertaken by a general partnership.</p> <p>In particular, a partner must:</p> <p>1° keep each of the partners informed of any issue that may affect the general partnership;</p>	<p>la société en nom collectif n'a pas droit à l'intérêt sur son apport. Toutefois, un associé qui prête des fonds à la société en nom collectif a droit à des intérêts de la part de cette société au taux prescrit dans le contrat de société.</p> <p><u>Section 2 :</u> Obligations des associés de la société en nom collectif</p> <p><u>Article 33 :</u> Bonne foi dans la société en nom collectif</p> <p>Chaque associé est tenu d'agir de bonne foi dans toutes les transactions de la société en nom collectif</p> <p>Plus particulièrement, un associé doit :</p> <p>1° informer chacun des associés de tout problème pouvant affecter la société en nom collectif ;</p>
--	---	--

<p>2° kugaragariza ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye inyungu cyangwa ibyo umufatanyabikorwa abona kandi atabyemerewe n'abandi bafatanyabikorwa, abikuye mu bucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi akoresheje umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa ubucuruzi bifatanye isano;</p> <p>3° kugaragariza ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye inyungu iturutse ku bucuruzi umufatanyabikorwa yakoze atabyemerewe n'abandi bafatanyabikorwa kandi bugahiganwa kandi bukaba busa n'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Inshingano yo gutanga amakuru ku bifuza kuba abafatanyabikorwa</u></p> <p>Buri mufatanyabikorwa cyangwa ushaka kuba umufatanyabikorwa bagomba kubwirana amakuru yose ya ngombwa kugira ngo binjire mu bufatanye mu bucuruzi bwari busanzweho cyangwa ubugiye gushingwa.</p>	<p>2° account to the general partnership for any profits or benefits derived by the partner without the consent of the other partners, from any business of the partnership or the use by the partner of the property of the general partnership, the name of the general partnership or business connection;</p> <p>3° account to the general partnership for any profits derived by the partner from a business carried out by the partner without the consent of the other partners, which competes with and is of the same nature as the general partnership.</p> <p><u>Article 34: Duty of disclosure to prospective partners</u></p> <p>Each partner or prospective partner must disclose all relevant information to each other for admission to the existing partnership or prospective partnership.</p>	<p>2° présenter à la société en nom collectif les bénéfices ou les avantages réalisés par un associé sans le consentement des autres associés, de toute entreprise commerciale de la société en nom collectif ou de l'usage, par l'associé, des biens de la société en nom collectif, le nom de la société en nom collectif ou l'entreprise commerciale connexe;</p> <p>3° présenter à la société en nom collectif tous les bénéfices réalisés par l'associé à partir de l'activité commerciale qu'il a effectuée sans le consentement des autres associés et qui est en concurrence avec l'activité commerciale de la société et qui en est de même nature que la société en nom collectif.</p> <p><u>Article 34 : Obligation de communication aux associés potentiels</u></p> <p>Chaque associé ou associé potentiel doit communiquer les uns aux autres de toute l'information pertinente pour l'admission à la société existante ou à la société potentielle.</p>
---	---	--

<p>Buri wese wifuza kuba umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bugiye gushingwa agaragariza abandi bifuza kuba abafatanyabikorwa, amakuru yose azi ko uwifuza kuba umufatanyabikorwa akwiye kumenyeshwa kugira ngo hafatwe icyemezo cyo gushinga cyangwa kureka gushinga ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>Each prospective partner of a partnership which is about to be formed discloses to the other prospective partners anything known to him or her which a prudent prospective partner would reasonably expect to be disclosed in order to decide whether or not to form the partnership.</p>	<p>Chaque associé potentiel de la société qui est sur le point d'être formée communique aux autres associés potentiels toute information qu'il a connue qu'un associé potentiel prudent peut raisonnablement s'attendre à être communiqué afin de décider s'il y a lieu ou non de former une société.</p>
<p>Inshingano yo gutanga amakuru ivugwa mu gika kibanziriza iki ireba abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi busanzweho bagomba guha amakuru uwifuza kuba umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi. Uwifuza kuba umufatanyabikorwa na we agomba gutangaza icyo azi cyose ko abafatanyabikorwa bagomba kubwirwa kugira ngo bamwemerere kuba umufatanyabikorwa.</p>	<p>The obligation of disclosure referred to in the preceding Paragraph also applies for partners of an existing partnership to any prospective partner desiring to join the partnership. Likewise, the prospective partner must disclose anything known to him or her which prudent partners would reasonably expect to be disclosed to them for his or her admission to the partnership.</p>	<p>L'obligation de communication mentionnée à l'alinéa précédent s'applique également aux associés de la société existante à tout associé potentiel désirant adhérer à la société. De même, un associé potentiel doit communiquer tout ce qui lui est connu et que les associés prudents s'attendraient raisonnablement à ce qu'il leur soit communiqué pour son admission à la société.</p>
<p><u>Ingingo ya 35: Inshingano yo guha amakuru abantu bakorana ubucuruzi n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p>	<p><u>Article 35: Duties of disclosure to persons dealing with general partnership</u></p>	<p><u>Article 35 : Obligations de communication aux personnes ayant des relations d'affaires avec la société en nom collectif</u></p>
<p>Umuntu ukorana ubucuruzi n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye afite uburenganzira bwo guhabwa amazina yose ya buri mufatanyabikorwa n'aho serivisi ya buri mufatanyabikorwa ikorera cyangwa icyicaro bukoreramo abisabye ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umufatanyabikorwa.</p>	<p>A person who deals in activities with a general partnership is entitled, on request to the partnership or to a partner, to be informed of the full name of each partner and the address of service of each partner or the registered office of the partnership.</p>	<p>Une personne qui mène une activité commerciale avec la société en nom collectif a le droit, si elle le demande à la société en nom collectif ou à un associé, d'être informé du nom de chaque associé et de l'adresse de service de chaque associé.</p>
<p>Umuntu ufite ikibazo n'ubufatanye mu</p>	<p>A person who has a complaint against a</p>	<p>Une personne qui a un litige contre la société</p>

<p>bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, giturutse ku bikorwa yakoranye na bwo, afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru nabwo, umufatanyabikorwa cyangwa uwahoze ari umufatanyabikorwa iyo abisabye ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, umufatanyabikorwa cyangwa uwahoze ari umufatanyabikorwa. Amakuru ashobora gutangwa ku byerekeye:</p> <p>1° amazina yuzuye ya buri muntu wari umufatanyabikorwa igihe igikorwa cyangwa ukudakora igikorwa byateje ikibazo bijyanye;</p> <p>2° aderesi ya serivisi cyangwa aderesi ya nyuma izwi ya buri muntu wari umufatanyabikorwa muri icyo gihe.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Uburenganzira bw'abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 36: Kugabana inyungu n'igihombo</u></p> <p>Umufatanyabikorwa afite uburenganzira bwo kugabana inyungu n'igihombo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bwagize mu buryo bungana hashingiwe ku ngano y'umusanzu we mu mari shingiro.</p>	<p>general partnership connected with the dealings the person had with the general partnership is entitled, if he or she requests the general partnership, a partner or a former partner, to be given such information as the general partnership, partner or former partner is reasonably able to provide or to obtain with regard to:</p> <p>1° the full name of each person who was a partner at the time of the act or omission to which the complaint relates;</p> <p>2° address for service or the last known address of each person who was a former partner at that time.</p> <p><u>Section 3: Rights of partners in general partnership</u></p> <p><u>Article 36: Sharing of profits and losses</u></p> <p>A partner is entitled to share any general partnership profits and is liable to bear any general partnership losses, in equal proportions of his or her capital contribution.</p>	<p>en nom collectif lié aux transactions que la personne a eues avec la société en nom collectif a le droit, si elle demande à la société en nom collectif, à l'associé ou à l'ex-associé, de recevoir des informations que la société en nom collectif, l'associé ou l'ex-associé est raisonnablement capable de donner ou d'obtenir en ce qui concerne :</p> <p>1° le nom de chaque personne qui était associé au moment de l'acte ou de l'omission en rapport avec le litige;</p> <p>2° l'adresse de service ou la dernière adresse connue de chaque personne qui était l'associé dans cette période.</p> <p><u>Section 3 : Droits des associés de la société en nom collectif</u></p> <p><u>Article 36 : Partage des bénéfices et des pertes</u></p> <p>Un associé a le droit au partage des bénéfices de la société en nom collectif et est tenu de supporter des pertes de la société en nom collectif, dans des proportions égales à son apport au capital.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 37: Igihembo n’amafaranga asubizwa umufatanyabikorwa ku byo yishyuye</u></p> <p>Umufatanyabikorwa ntagenerwa igihembo ku bikorwa by’ubucuruzi akorera ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buha indishyi kandi bugasubiza umufatanyabikorwa amafaranga yishyuye mu bihe bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. akora imirimo y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa ifitanye isano n’ikintu cya ngombwa yakoze hagamijwe kurinda ubucuruzi bw’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa umutungo wabwo; 2. arangiza inshingano z’uburyozwe bwite bw’umufatanyabikorwa buturuka ku mwenda w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa arangiza mu bwumvikane inshingano z’uburyozwe bwite zituruka ku nshingano z’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye. <p>Amafaranga asubizwa umufatanyabikorwa</p>	<p><u>Article 37: Remuneration and reimbursement for payment made by a partner</u></p> <p>A partner is not entitled to any remuneration from the general partnership for acting in the general partnership.</p> <p>A general partnership indemnifies and reimburses a partner in respect of payments made by the partner in the following circumstances:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° in the proper conduct of the general partnership business or in connection with anything necessarily done for the preservation of the general partnership business or property; 2° to discharge the whole or a part of the partner’s personal liability for a general partnership obligation or in reasonable settlement of an alleged personal liability for a general partnership obligation. <p>The reimbursement does not affect any claim</p>	<p><u>Article 37 Rémunérations et remboursement de paiements effectués par un associé</u></p> <p>Un associé n’a pas droit à une rémunération de la part de la société en nom collectif pour sa participation dans la conduite de l’entreprise commerciale de la société en nom collectif.</p> <p>La société en nom collectif indemnise et rembourse un associé pour les paiements qu’il a effectués dans les circonstances suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° dans la bonne conduite de l’entreprise commerciale de la société en nom collectif ou dans le cadre de toute activité faite pour la préservation du commerce ou des biens de la société en nom collectif; 2° pour décharger en tout ou en partie une responsabilité personnelle d’un associé pour une obligation de la société en nom collectif ou dans une résolution raisonnable d’une responsabilité personnelle alléguée pour une obligation de la société en nom collectif. <p>Le remboursement n’affecte pas toute action</p>
---	--	--

<p>ntabangamira ibyo yaba agomba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi mufatanyabikorwa.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bunaniwe kwishyura umufatanyabikorwa amafaranga bumugomba, uwo umufatanyabikorwa afite uburenganzira bwo kuyishyura umufatanyabikorwa uwo ari we wese w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p><u>Icyiciro cya 4: Kwemererwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye no kureka kuba umufatanyabikorwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 38: Kwemererwa kuba umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p>Umuntu ashobora kuba umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye iyo abafatanyabikorwa basanzwemo bese babyemeye, uretse iyo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi abiteganya ukundi. Ukwemererwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bikorwa umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi mushya ashira umukono ku nyandiko yo kwemera. Ukwemererwa kugira agaciro nyuma y'uko kwanditswe n'Umwanditsi Mukuru.</p>	<p>which the general partnership or another partner may have against the partner.</p> <p>If the general partnership fails to pay an amount to which it is liable to account to a partner, the partner has the right to request the payment from any partner in the general partnership.</p> <p><u>Section 4: Entry into a general partnership and ceasing to be a general partner</u></p> <p><u>Article 38: Admission of a new general partner</u></p> <p>A person may become a new general partner only with agreement of all existing partners unless the partnership agreement provides otherwise. Admission requires the new partner to sign the consent statement. The admission becomes effective upon registration with the Registrar General.</p>	<p>que la société en nom collectif ou un autre associé peut avoir contre l'associé.</p> <p>Lorsque la société en nom collectif n'opère pas le paiement qu'il doit envers un associé, celui-ci a le droit d'exiger le paiement de tout associé de la société en nom collectif.</p> <p><u>Section 4 : Admission dans la société en nom collectif et perte de qualité d'associé</u></p> <p><u>Article 38 : Admission d'un nouvel associé dans la société en nom collectif</u></p> <p>Une personne ne peut devenir associée dans la société en nom collectif qu'avec l'accord de tous les associés existants, à moins que le contrat de société n'en dispose autrement. L'admission exige que le nouvel associé signe la déclaration de consentement. L'admission prend effet après enregistrement par le Registraire général.</p>
---	---	--

<p>Umufatanyabikorwa mushya wemerewe mu bufatanye mu bucuruzi busanzwe buriho ntaryozwa imyenda yafashwe mbere y'uko yemererwa kuba umufatanyabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 39:</u> Kureka kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Umuntu areka gukomeza kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye iyo:</p> <p>1° igihe yagombaga kumara ari umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye kirangiye mu gihe biteganyijwe mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° iyo uwifuza kureka kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n'abandi bafatanyabikorwa bose bemeranyijwe ko areka gukomeza kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye;</p> <p>3° apfuye;</p> <p>4° aseze;</p>	<p>A new partner admitted into an existing partnership does not become liable to the creditors of the partnership for anything done before he or she become a partner.</p> <p><u>Article 39:</u> Ceasing to be a partner in a general partnership</p> <p>A person ceases to be a partner in a general partnership if:</p> <p>1° the term of partner comes to an end in accordance with the partnership agreement;</p> <p>2° the person wishing to cease to be a general business partner and all the other partners so agree;</p> <p>3° he or she dies;</p> <p>4° he or she resigns;</p>	<p>Un nouvel associé admis dans une société existante ne devient pas responsable envers les créanciers de la société en nom collectif pour tout ce qui a été fait avant qu'il devienne associé.</p> <p><u>Article 39 :</u> Perte de qualité d'associé de la société en nom collectif</p> <p>Une personne perd la qualité d'associé de la société en nom collectif lorsque :</p> <p>1° une durée prévue pour être associé prend fin conformément au contrat de société;</p> <p>2° une personne qui désire cesser d'être associée et tous les autres associés s'en conviennent;</p> <p>3° elle décède ;</p> <p>4° elle démissionne;</p>
---	---	--

<p>5° iyo yirukanywe n'abandi bafatanyabikorwa mu gihe amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi abiteganywa;</p> <p>6° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busheshwe;</p> <p>7° urukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko areka kuba umufatanyabikorwa ;</p> <p>8° hemejwe ko umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi yahombye.</p>	<p>5° he or she is dismissed by his or her co-partners where the partnership agreement so provides;</p> <p>6° the general partnership is dissolved;</p> <p>7° the competent court orders that the partner ceases to be a partner;</p> <p>8° a bankruptcy order is made against the business partner.</p>	<p>5° elle est expulsée par ses coassociés, au cas où le contrat de société le prévoit;</p> <p>6° la société en nom collectif est dissoute;</p> <p>7° la juridiction compétente ordonne qu'un associé d'une société perde la qualité d'associé;</p> <p>8° une ordonnance de faillite est rendue contre l'associé d'une société.</p>
<p><u>Ingingo ya 40: Gusezera k'umufatanyabikorwa n'uburyo bikorwa</u></p>	<p><u>Article 40: Partner's retirement and retirement modalities</u></p>	<p><u>Article 40: Retrait d'un associé et les modalités de retrait</u></p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, umufatanyabikorwa ashobora gusezera mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye binyuze mu nyandiko ikorwa huzuzwa inyandiko yo kwitandukanya ishyikirizwa abandi bafatanyabikorwa, igaragaza icyifuzo cyo gusezera mu gihe kitari muni y'iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko agenda, akagera kopi Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Umufatanyabikorwa watanze integuza yo kuva mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye ntafatwa nk'umufatanyabikorwa</p>	<p>Without prejudice to provisions of the partnership agreement, a partner may retire from a general partnership through a written notice, in the form of a statement of dissociation, submitted to other partners indicating the intention of retirement in not less than thirty (30) days before the retirement takes effect, and reserves a copy to the Registrar General.</p> <p>A partner who gives notice to retire from the general partnership is no longer considered to be a partner as from the effective date of his</p>	<p>Sans préjudice des dispositions du contrat de société, un associé peut se retirer d'une société en nom collectif par un avis écrit sous la forme d'une déclaration de dissociation soumise aux autres associés exprimant son intention de retrait dans une période d'au moins trente (30) jours avant que le retrait sort ses effets et réserve une copie au Registraire général.</p> <p>Un associé qui donne avis de retrait d'une société en nom collectif n'est plus considéré comme un associé à compter de la date</p>

<p>uhereye ku munsu yagaragarije ko atakiri umufatanyabikorwa.</p> <p>Ingingo ya 41: Kwirukanwa k’umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n’amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, umufatanyabikorwa ashobora kwirukanwa byemejwe n’abafatanyabikorwa barenze kimwe cya kabiri (½) iyo:</p> <p>1° hari icyemezo cy’urukiko rubifitiye ububasha gitegeka ko umusanzu w’umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye ukoreshwa mu kwishyura umwenda;</p> <p>2° umusanzu w’umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye uko wakabaye cyangwa igice cyawo ukozweho ifatirabwishyu ryerekeranye n’umwenda utari uw’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Abandi bafatanyabikorwa bagomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko yo kwitandukanya. Ukwirukana n’inyandiko yo kwitandukanya n’umufatanyabikorwa bita agaciro iyo icyemezo cy’urukiko rubifitiye ububasha gitegeka ubwishyu bw’umwenda ku</p>	<p>or her withdrawal.</p> <p>Article 41: Dismissal of a general business partner</p> <p>Without prejudice to provisions of the partnership agreement, a partner may be dismissed if more than a half (½) of partners so decide if:</p> <p>1° there is an order of a competent court to instruct that contributions of the partner be used in settling his or her debt;</p> <p>2° whole or part of the contributions of the partner in the general partnership is subject to an attachment in execution in respect of a debt which is not a general partnership debt.</p> <p>The remaining partners must file a statement of dissociation with the Registrar General. The expulsion and the statement of dissociation with a partner become invalid if the order of the competent court charging the partner’s contribution is revoked or the</p>	<p>d’entrée en vigueur de son retrait.</p> <p>Article 41: Exclusion d’un associé d’une société en nom collectif</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, un associé peut être exclu si plus de la moitié (½) des associés en décide ainsi lorsque:</p> <p>1° il y a une décision de la juridiction compétente qui ordonne que l’apport au capital d’un associé soit utilisé pour régler sa dette;</p> <p>2° la totalité ou une partie de l’apport au capital de l’associé dans la société en nom collectif est assujettie à une saisie-exécution à l’égard d’une dette qui n’est pas une dette de la société en nom collectif.</p> <p>Les autres associés doivent déposer une déclaration de dissociation au Registraire général. L’exclusion et une déclaration de dissociation avec un associé deviennent invalides lorsque la décision de la juridiction compétente qui charge l’action de l’associé est</p>
--	---	---

<p>musanzu we gisheshwe cyangwa ifatirabwishyu ku musanzu we risheshwe, rivanyweho cyangwa se ritaye agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Iyishyurwa ry’umusanzu w’uwari umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n’amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, uretse kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye afite:</p> <p>1° uburenganzira bwo kwishyurwa n’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa n’abandi bafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye amafaranga yemerewe ku gipimo cyagenwe cyangwa bemeranyijwe mu masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi uherye ku itariki yarekeye kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° inshingano yo kwishyura ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa n’abandi bafatanyabikorwa amafaranga yari kuzishyura uherye ku itariki arekeyeho kuba umufatanyabikorwa.</p>	<p>attachment in execution in respect of a debt is recalled, withdrawn or otherwise ceases to have effect.</p> <p><u>Article 42: Realisation of former business partner’s contribution</u></p> <p>Without prejudice to provisions of the partnership agreement, a person who ceases to be a partner in a general partnership before the break-up of the general partnership is:</p> <p>1° entitled to be paid by general partnership or other partners the amount to which he or she would have been entitled and interest on that amount at the rate prescribed or agreed in the partnership agreement from the date on which he or she ceases to be a partner;</p> <p>2° liable to pay to the general partnership and co-partners, the amount for which he or she would have been liable from the date on which he or she ceases to be a partner.</p>	<p>révoquée ou la saisie-exécution à l’égard d’une dette est révoquée, retirée ou autrement cesse d’avoir effet.</p> <p><u>Article 42: Réalisation de l’apport au capital de l’ancien associé d’une société</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions du contrat de société, une personne qui cesse d’être associé dans une société en nom collectif avant sa dissolution:</p> <p>1° a droit à être payé par la société en nom collectif ou par les autres associés le montant auquel il aurait eu droit et les intérêts sur celui-ci au taux prescrit convenu dans le contrat de société à compter de la date à laquelle il perd la qualité d’associé;</p> <p>2° est redevable à la société en nom collectif et les coassociés, le montant pour lequel il aurait été responsable à compter de la date à laquelle il perd la qualité d’associé.</p>
--	--	---

<u>Ingingo ya 43: Indishyi no gusubiza umutungo abahoze ari abafatanyabikorwa</u>	<u>Article 43: Indemnity, contribution and return of property for former partners</u>	<u>Article 43: Indemnité, apport et restitution des biens aux ex-associés</u>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bwishyura uwahoze ari umufatanyabikorwa indishyi zijyanye n'amafaranga yose yishyuye cyangwa igice cyayo ku buryozwe bwite ku mwenda w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye. Izo ndishyi ntizibangamira uburyozwe bw'ibyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi mufatanyabikorwa byaba bikurikiranye kuri uwo wahoze ari umufatanyabikorwa.</p>	<p>A general partnership indemnifies a former partner in respect of payment made by the partner to discharge the whole or part of his or her personal liability for a general partnership obligation. That indemnity does not affect any liability which the general partnership or a partner may have against the former partner.</p>	<p>La société en nom collectif indemnise un ex-associé en ce qui concerne le paiement effectué par l'ex-associé pour s'acquitter de la totalité ou d'une partie de sa responsabilité personnelle pour une obligation de la société en nom collectif. Cette indemnité n'affecte aucune réclamation que la société en nom collectif ou un associé peut avoir contre l'ex-associé.</p>
<p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bunaniwe kwishyura indishyi uwahoze ari umufatanyabikorwa ashobora gusaba:</p>	<p>If a general partnership fails to indemnify a former partner, the former partner may seek:</p>	<p>Si la société en nom collectif ne parvient pas à indemniser un ex-associé, l'ex-associé peut demander :</p>
<p>1° indishyi umuntu wese wari umufatanyabikorwa igihe yeguraga mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye kandi wakomeje kuba umufatanyabikorwa na nyuma yaho arekereye kuba umufatanyabikorwa ;</p>	<p>1° indemnity from any person who was a partner at the time he or she ceases to be a partner in the general partnership and who continued to be a partner even after he or she ceased to be a partner;</p>	<p>1° l'indemnité à toute personne qui était associé au moment de sa démission de la société en nom collectif et qui a continué d'être associé même après qu'il a perdu la qualité d'associé;</p>
<p>2° indishyi undi muntu wese wari ufite uburyozwe ku mwenda.</p>	<p>2° indemnity from any other person who was also liable for the obligation.</p>	<p>2° l'indemnité de toute personne qui était également responsable de l'obligation.</p>
<p>Uwahoze ari umufatanyabikorwa agomba,</p>	<p>A former partner must, on request by a</p>	<p>Un ex-associé doit, à la demande de la société</p>

<p>abisabwe n’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, kubusubiza umutungo wabwo yari afite mu izina ry’uwahoze ari umufatanyabikorwa cyangwa akawuha uwashinzwe gucunga umutungo w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p><u>Icyiciro cya 5: Imicungire y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 44: Imicungire y’ubucuruzi bw’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n’amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, umufatanyabikorwa afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu micungire y’ubucuruzi n’ibikorwa by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, ibyemezo byose ku bibazo bifatanye isano n’ubucuruzi cyangwa ibikorwa by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bifatwaho umwanzuro ku bwiganze bw’amajwi y’abafatanyabikorwa. Mu gihe hatabonetse ubwiganze bw’amajwi, mu gihe cyo gufata icyemezo ijwi ry’uyoboze inama ribarwa kabiri (2).</p> <p>Iyo impinduka zigomba gukorwa ku miterere</p>	<p>general partnership, transfer any general partnership property which is held in the former partner’s name to the general partnership or a trustee for the general partnership.</p> <p><u>Section 5: Management of a general partnership</u></p> <p><u>Article 44: Management of the business of a general partnership</u></p> <p>Subject to provisions of the partnership business agreement, a partner is entitled to take part in the management of the general partnership business and affairs.</p> <p>Subject to the partnership agreement, any decision related to activities and general partnership affairs are decided in affirmative by simple majority votes. In case the simple majority is not obtained the vote of the meeting chairperson is counted twice (2).</p> <p>In case a change is to be made to the nature of</p>	<p>en nom collectif, transférer toute propriété de la société en nom collectif détenue au nom de l’ex-associé de la société en nom collectif ou à un fidéicommissaire de la société en nom collectif.</p> <p><u>Section 5: Gestion de la société en nom collectif</u></p> <p><u>Article 44: Gestion de l’entreprise commerciale de la société en nom collectif</u></p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, un associé a le droit de participer à la gestion de l’entreprise commerciale et les activités de la société en nom collectif.</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, les décisions en rapport avec les activités ou les affaires de la société en nom collectif sont prises à la majorité simple des voix. À défaut, la voix du président de la séance est comptée au double.</p> <p>Lorsqu’un changement doit être apporté sur la</p>
---	--	--

<p>y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa ku masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi, icyemezo gifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abafatanyabikorwa. Iyo hatabayeho ubwumvikane busesuye, umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi wese ubifitemo inyungu ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Ibaruramari n'amakuru by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi akora ku buryo:</p> <p>1° amakuru y'ibaruramari ry'ibikorwa by'ubucuruzi yagizemo uruhare bifite aho bihuriye n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye abikwa neza mu gihe cy'imyaka icumi (10);</p> <p>2° inyandiko zose zigaragarizwa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi mufatanyabikorwa igihe babisabye.</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi agomba gukorana neza n'umuntu wese ubika inyandiko z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa wuzuzwa mu izina ryabwo, ibitabo</p>	<p>partnership business or partnership agreement, it has to be decided by a unanimous decision of all partners. In case no unanimous resolution can be reached, any interested business partner can refer the matter to the competent court.</p> <p><u>Article 45: Accounting and general partnership records</u></p> <p>A partner ensures that:</p> <p>1° accounting records of transactions relating to the general partnership in which he or she is involved are kept properly within ten (10) years;</p> <p>2° records are made available, on request, to the general partnership or any other partner.</p> <p>A partner must cooperate with any person who is keeping general partnership records or drawing up general partnership accounts on behalf of the general partnership.</p>	<p>nature de l'entreprise commerciale de la société ou sur le contrat de société, il doit être approuvé par décision de tous les associés. Lorsque le consensus n'est pas atteint, tout associé intéressé peut saisir la juridiction compétente.</p> <p><u>Article 45: Livres comptables et documents de la société en nom collectif</u></p> <p>Un associé s'assure que :</p> <p>1° les livres comptables des transactions en rapport avec la société en nom collectif dans lesquelles il est impliqué sont correctement conservés pendant dix (10) ans;</p> <p>2° les documents sont disponibles, sur demande, à la société en nom collectif ou à tout autre associé.</p> <p>Un associé doit coopérer avec toute personne qui tient des registres de la société en nom collectif ou établit des comptes de la société en nom collectif au nom de la société en nom collectif.</p>
---	---	---

<p>by'ibaruramari.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y'ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye bagomba kureba ko raporo z'ibaruramari zujuje ibisabwa byemewe mu mwuga w'ibaruramari, zifite itariki kandi zisinywe mu izina ry'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye mu gihe kitarenga amezi atandatu (6) nyuma y'itariki y'ibaruramari, bigashyikirizwa Umwanditsi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo</u> va 46: Ibikorwa by'abafatanyabikorwa bireba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Buri mufatanyabikorwa wese ni intumwa y'ubufatanye mu bucuruzi n'iy'abandi bafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bikorwa by'ubucuruzi bikorwa n'abafatanyabikorwa.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n'undi mufatanyabikorwa wese mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bitirirwa ibikorwa byakozwe n'umufatanyabikorwa mu gihe yabikoze biri mu bikorwa byabwo by'ubucuruzi.</p> <p>Icyakora, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye ntiburebwa n'ibikorwa</p>	<p>Subject to the content of general partnership, general business partners must ensure that within six (6) months after the accounting date, financial statements that comply with generally accepted accounting practice and dated and signed on behalf of the general business partners are submitted to the Registrar General.</p> <p><u>Article 46: Acts of partners binding the general partnership</u></p> <p>Every partner is an agent of the partnership and of his other partners for the purposes of the business of the partnership carried on by the partners.</p> <p>A general partnership and every other general business partner is bound by acts done by a partner while carrying on the activities business of the general partnership.</p> <p>However, a general partnership is not bound by actions of the partner if:</p>	<p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, les associés de la société en nom collectif doivent veiller à ce qu'endéans six (6) mois suivant la date comptable, les états financiers qui sont conformes à la pratique comptable généralement reconnue, datés et signés au nom des associés de la société en nom collectif sont transmis au Registraire Général.</p> <p><u>Article 46: Actes des associés engageant la société en nom collectif</u></p> <p>Chaque associé est mandataire de la société et des autres associés aux fins de l'entreprise commerciale de la société menée par les associés.</p> <p>La société en nom collectif et tout autre associé de la société en nom collectif sont liés par des actes accomplis par un associé pendant l'exercice des activités d'une entreprise commerciale de la société en nom collectif.</p> <p>Toutefois, la société en nom collectif n'est pas liée par les actes d'un associé si:</p>
---	--	---

<p>by'umufatanyabikorwa iyo:</p> <p>1° umufatanyabikorwa adafite ububasha bwo gukora igikorwa mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye;</p> <p>2° umuntu ukoranye igikorwa n'umufatanyabikorwa yari yaramenyeshewe ko uwo mufatanyabikorwa atabifitiye ububasha cyangwa uwo muntu atari azi cyangwa atemera ko uwo ari umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 47:</u> Agaciro k'inyandiko ifatwa nk'iyashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Inyandiko igira agaciro nk'iyashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye iyo:</p> <p>1° yashyizweho umukono n'umufatanyabikorwa cyangwa undi muntu wabiherewe uburenganzira n'umufatanyabikorwa ;</p> <p>2° igaragaza ko yashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite</p>	<p>1° the partner has no authority to act on behalf of the general partnership;</p> <p>2° the person with whom the partner is dealing has notice that the partner has no authority or does not know or believe him or her to be a partner in the general partnership.</p> <p><u>Article 47:</u> Validity of a document signed by partners on behalf of the general partnership</p> <p>A document is validly signed by a general partnership if it is:</p> <p>1° signed by a partner or any other person authorised to do so by the partner;</p> <p>2° expressed to be signed on behalf of the general partnership.</p>	<p>1° l'associé n'a pas le pouvoir d'agir au nom de la société en nom collectif;</p> <p>2° la personne avec qui l'associé traite a connaissance que l'associé n'a pas le pouvoir ou ne sait pas ou ne croit pas être un associé de la société en nom collectif.</p> <p><u>Article 47:</u> Validité d'un document signé par des associés au nom de la société en nom collectif</p> <p>Un document est valablement signé par la société en nom collectif si :</p> <p>1° il est signé par un associé ou une autre personne autorisée à le faire par l'associé;</p> <p>2° il est manifestement signé au nom de la société en nom collectif.</p>
--	---	--

<p>uburyozwe budahinnye.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buri mu gihe cy'iseswa kandi umufatanyabikorwa umwe akaba ari we usigaye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, inyandiko irebana n'ikusanya n'igabagabana ry'umutungo ifatwa nk'iyashyizweho umukono ku buryo bwemewe iyo iriho umukono w'uwo mufatanyabikorwa.</p> <p>Icyiciro cya 6: Uburyozwe bw'abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Ingingo ya 48: Uburyozwe bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buturuka ku gihombo cyangwa ubwangirike butewe n'umufatanyabikorwa</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buryozwa igihombo cyangwa ubwangirike bitejwe undi muntu biturutse ku makosa umufatanyabikorwa yakoze cyangwa bitewe no kudakora igitegetswe, iyo icyakozwe cyangwa ikitarakozwe cyari mu buryo ibintu bisanzwe bikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa cyari cyatangiwe uburenganzira n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye cyangwa abafatanyabikorwa</p>	<p>If a general partnership is being wound up and there is only one partner remaining in the general partnership, the document relevant to winding up procedure is validly signed if it is signed by that partner.</p> <p>Section 6: Liability of partners in general partnership</p> <p>Article 48: Liability of general partnership for loss or injury caused by a partner</p> <p>A general partnership is liable for loss or injury to another person caused by a partner's wrongful act or omission if the act or omission occurs in the ordinary course of the general partnership business or is authorised by the general partnership or its partners.</p>	<p>Si la société en nom collectif est en liquidation et qu'il n'y a qu'un seul associé dans ladite société, le document relatif à la liquidation est valablement signé s'il l'a été par cet associé.</p> <p>Section 6: Responsabilité des associés de la société en nom collectif</p> <p>Article 48 : Responsabilité de la société en nom collectif en cas de perte ou de dommage causé par un associé</p> <p>La société en nom collectif est responsable des pertes ou dommages causés par un acte illicite ou une omission d'un associé envers une autre personne si l'acte ou l'omission se produit dans le cours normal du commerce de la société en nom collectif ou s'il est autorisé par la société en nom collectif ou ses associés.</p>
---	---	--

<p>babwo.</p> <p><u>Ingingo ya 49: Uburyozwe budahinnye bw'abafatanyabikorwa</u></p> <p>Buri mufatanyabikorwa afatanyije n'abandi bafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi kimwe n'umufatanyabikorwa ku giti cye bishyura imyenda n'uburyozwe by'ubufatanye mu bucuruzi byabayeho igihe yari umufatanyabikorwa.</p> <p>Umutungo w'umufatanyabikorwa uwo ari wo wose nyuma y'urupfu rwe ukoreshwa mu kwishyura imyenda n'uburyozwe by'ubufatanye mu bucuruzi byabayeho mu gihe yari umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Icyiciro cya 7: Isenyuka, ikusanya n'igabagabanya by'umutungo n'iseswa by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p><u>Akiciro ka mbere: Isenyuka ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 50: Isenyuka ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busenyuka iyo:</p>	<p><u>Article 49: Unlimited liability of partners</u></p> <p>Each partner is jointly and severally liable with other partners for the debts of the partnership incurred while that person was a partner.</p> <p>If a partner is an individual, his or her estate, after death is also used to settle the debts of the partnership incurred while that person was a partner.</p> <p><u>Section 7: Breaking up, winding up and dissolution of a general partnership</u></p> <p><u>Sub-section One: Break-up of a general partnership</u></p> <p><u>Article 50: Break-up of a general partnership</u></p> <p>A general partnership breaks up if:</p>	<p><u>Article 49: Responsabilité illimitée des associés</u></p> <p>Chaque associé est conjointement et solidairement responsable avec les autres associés pour les dettes contractées par la société en nom collectif pendant que cette personne était un associé.</p> <p>Si un associé est un individu, son patrimoine successoral après le décès est également utilisé pour payer les dettes de la société encourues au moment où cette personne était un associé.</p> <p><u>Section 7: Cessation d'activité, liquidation et dissolution de la société en nom collectif</u></p> <p><u>Sous-section première: Cessation d'activité de la société en nom collectif</u></p> <p><u>Article 50: Cessation d'être en activité pour la société en nom collectif</u></p> <p>La société en nom collectif cesse d'être en activité lorsque :</p>
--	---	--

<p>1° umubare w'abafatanyabikorwa umanutse ukagera muni ya babiri (2);</p> <p>2° igihe bwari kumara kirangiye iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bumara igihe kizwi;</p> <p>3° urukiko rubifitiye ububasha rufashe icyemezo gitegeka iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye rubisabwe n'umwe mu bafatanyabikorwa;</p> <p>4° urukiko rubifitiye ububasha rufashe icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye rushingiye ku biteganywa n'iri tegeko;</p> <p>5° nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abafatanyabikorwa bemeje iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bumara igihe kizwi kirangiye ntihabeho amasezerano mashya yeruye yo kucyongera, umufatanyabikorwa agumana uburenganzira n'inshingano nk'ibyo yari asanzwe afite mu gihe bihuje n'ibikorwa by'ubufatanye bufite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>1° the number of partners falls below two (2) partners;</p> <p>2° the term expires while the general partnership is for a fixed term;</p> <p>3° a competent court issues an order to dissolve the general partnership upon application by one of the partners;</p> <p>4° a competent court decides to dissolve the general partnership pursuant to this Law;</p> <p>5° at least two thirds (2/3) of partners decide to break up the partnership.</p> <p>If a general partnership entered into for a fixed term continues after the expiration of the term without any express new agreement, the rights and duties of a partner remain the same as they were at the expiration of the term, so far as is consistent with the activities of a partnership.</p>	<p>1° le nombre des associés est inférieur à deux (2);</p> <p>2° la durée d'existence expire au moment où cette société en nom collectif est pour une durée déterminée;</p> <p>3° une juridiction compétente émet une ordonnance de dissoudre la société en nom collectif sur demande de l'un des associés;</p> <p>4° une juridiction compétente prend une décision de dissoudre la société en nom collectif conformément à la présente loi.</p> <p>5° au moins les deux tiers (2/3) des associés décident de cesser les activités de la société.</p> <p>Si la société en nom collectif formée pour une durée déterminée continue d'exister après l'expiration de la durée sans aucun nouvel accord exprès, les droits et obligations d'un associé restent les mêmes qu'ils étaient à l'expiration de la durée, dans la mesure où cela est conforme aux activités de la société en nom collectif.</p>
---	--	---

<p>Ingingo ya 51: Inkurikizi z’isenyuka ry’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busenyutse bukomeza gukora gusa imirimo y’ubucuruzi ya ngombwa kugira ngo abafatanyabikorwa, ushinzwe kugabanya umutungo cyangwa ushinzwe kugabanya umutungo w’agateganyo bashobore gusoza ubucuruzi bw’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Ububasha bw’umufatanyabikorwa bwo kugira icyo akora mu izina ry’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n’ubundi burenganzira n’inshingano by’umufatanyabikorwa birakomeza hatitawe ko ubufatanye mu bucuruzi kwasenyutse mu gihe cyose bibaye ngombwa gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye no kurangiza ibikorwa by’ubucuruzi byatangiye ariko bitari byarangira mu gihe cy’isenyuka. Ibiteganywa n’iki gika ntibireba umuntu waretse kuba umufatanyabikorwa bidaturutse ku bushake bwe.</p> <p>Binyuze mu masezerano yanditse, abafatanyabikorwa bashobora guha umufatanyabikorwa umwe cyangwa benshi ububasha bwo gukomeza imirimo y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe</p>	<p>Article 51: Effects of the break-up of a general partnership</p> <p>A general partnership which breaks up continues to conduct only the business activities necessary in order to enable the partners, a liquidator or a provisional liquidator to wind up the business of the general partnership.</p> <p>The power of a partner to act on behalf of the general partnership and other rights and obligations of a partner continue notwithstanding the break-up of the general partnership in so far as may be necessary to dissolve the general partnership and to complete transactions begun but unfinished at the time of the break up. The provisions of this Paragraph do not apply to a person who ceased to be a partner involuntarily.</p> <p>The partners may, by an agreement in writing, confer on one or more of the partners, authority to carry on the business of the general partnership for the purposes of winding up of a general partnership by the</p>	<p>Article 51: Effets de cessation d’activité de la société en nom collectif</p> <p>La société en nom collectif qui a cessé d’être en activité continue à mener les activités nécessaires pour permettre aux associés, à un liquidateur ou un liquidateur provisoire de liquider le commerce de la société en nom collectif.</p> <p>Le pouvoir d’un associé d’acter au nom de la société en nom collectif et d’autres droits et obligations d’un associé continuent malgré la cessation des activités de la société en nom collectif dans la mesure nécessaire pour dissoudre une société en nom collectif et pour compléter les transactions déjà commencées mais non terminées au moment de la cessation des activités. Les dispositions du présent alinéa ne s’appliquent pas à une personne qui a involontairement cessé d’être associée.</p> <p>Les associés peuvent, par accord écrit, conférer à un ou plusieurs associés le pouvoir d’exercer l’entreprise commerciale de la société en nom collectif aux fins de la liquidation de la société en nom collectif par les associés.</p>
---	--	--

<p>budahinnye mu rwego rwo gukusanya no kugabagabanya umutungo wabwo bikoze n'abafatanyabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 52:</u> Kumenyesha isenyuka ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busenyutse, ubufatanye mu bucuruzi bugomba kumenyesha Umwanditsi Mukuru bwuzuzanya inyandiko yabigenewe kugira ngo abitangarize rubanda.</p> <p><u>Ingingo ya 53:</u> Ikusanya n'igabagabanya by'umutungo</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busenyutse, umutungo wabwo ushobora gukusanywa no kugabagabanywa n'umufatanyabikorwa umwe (1) cyangwa benshi mu bayigize. Iyo, nyuma yo gusenywa hari abafatanyabikorwa babiri (2) cyangwa benshi, ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bushobora gukomeza gukorwa iyo abafatanyabikorwa bemera ko bikorwa mu nyungu zo gukusanya no kugabagabanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>partners.</p> <p><u>Article 52:</u> Notice of break-up of a general partnership</p> <p>In case of break-up of a general partnership, the partnership has to notify and file the relevant statement with the Registrar General who gives a public notice of such a break-up.</p> <p><u>Article 53:</u> Winding up</p> <p>If a general partnership breaks up, it may be wound up by one (1) or more of its partners. If, after the break up, there are two (2) or more partners, the general partnership business may be carried on if the partners agree that it must be carried on for the beneficial winding up of the general partnership.</p>	<p><u>Article 52:</u> Notification de cessation d'activité de la société en nom collectif</p> <p>En cas de cessation d'activité de la société en nom collectif, la société en nom collectif doit notifier et déposer une déclaration en la matière au Registraire Général pour avis public de cette cessation.</p> <p><u>Article 53:</u> Liquidation</p> <p>Si la société en nom collectif cesse d'être en activité, elle peut être liquidée par un (1) ou plusieurs associés. Si, après la cessation des activités, il y a deux (2) ou plusieurs associés, l'entreprise commerciale de la société peut continuer si les associés en conviennent qu'elle doit être poursuivie aux fins de la liquidation bénéfique de la société en nom collectif.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 54:</u> Ifatwa ry'icyemezo igihe habayeho kutumvikana kw'abafatanyabikorwa mu gihe cy'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo</p> <p>Ikitumvikanyweho cyose kirebana n'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye gifatwaho icyemezo ku bwiganze bw'abafatanyabikorwa. Igihe hatabonetse ubwiganze, ijwi ry'uyoboze inama ribarwa kabiri (2).</p> <p><u>Ingingo ya 55:</u> Isaranganya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye mu gihe cy'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo</p> <p>Inyungu z'abafatanyabikorwa ku mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, uburenganzira n'inshingano byabo bijyanye n'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi birebana n'ikusanya n'igabagabana ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye biteganywa hakurikijwe urutonde rukurikira:</p> <p>1° buri mufatanyabikorwa yishyura ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye amafaranga abubereyemo;</p>	<p><u>Article 54:</u> Decision-making modalities in case of disagreement of partners in the process of winding up</p> <p>Any disagreement relating to the winding up of the general partnership is decided by a majority of the partners. In case the simple majority is not reached, the chairperson of the meeting has a casting vote.</p> <p><u>Article 55:</u> Distribution of assets of a general partnership in the process of winding up</p> <p>The interests of partners in the general partnership property and their rights and duties in relation to the general partnership property on the winding up of the general partnership are determined in the following order:</p> <p>1° each partner pays to the general partnership an amount which the partner owes to the general partnership;</p>	<p><u>Article 54:</u> Modalités de prise de décision en cas de désaccord des associés lors de la liquidation</p> <p>Tout désaccord relatif à la liquidation de la société en nom collectif est décidé à la majorité simple des associés. A défaut, de la majorité, la voix du président de la séance est comptée au double.</p> <p><u>Article 55:</u> Distribution des actifs de la société en nom collectif en liquidation</p> <p>Les intérêts des associés sur les biens de la société en nom collectif et leurs droits et obligations en relation avec les biens de la société en nom collectif lors de la liquidation de la société en nom collectif sont déterminés selon l'ordre qui suit :</p> <p>1° chaque associé paie à la société en nom collectif le montant qu'il lui doit;</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>2° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bwishyura amafaranga bubereyemo abandi bantu batari abafatanyabikorwa babwo;</p>	<p>2° the general partnership pays amount it owes to other persons other than its partners;</p>	<p>2° la société en nom collectif paie le montant qu'elle doit aux personnes autres que les associés;</p>
<p>3° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bwishyura buri mufatanyabikorwa amafaranga bumubereyemo hatarimo umusanzu watanzwe ku mari shingiro, hashingiwe ku mari shingiro iriho;</p>	<p>3° the general partnership pays to each partner an amount owed to him or her, excluding the contribution of the partner towards the capital of the general partnership in respect of the existing capital contribution;</p>	<p>3° la société en nom collectif paie à chaque associé le montant qui lui est dû à l'exclusion de l'apport de l'associé au capital de la société en nom collectif selon l'apport capital existant;</p>
<p>4° abafatanyabikorwa bagabagabana umutungo usagutse mu buryo bumwe nk'uko bemerewe kugabana inyungu z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye iyo zihari;</p>	<p>4° the partners share any surplus assets in the same proportion as they would be entitled to share the general partnership profits, if any;</p>	<p>4° les associés partagent l'excédent des actifs dans la même proportion qu'ils auraient le droit de partager les bénéfices de la société en nom collectif, le cas échéant;</p>
<p>5° iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye budashobora kuzuza inshingano zabwo zivugwa mu gace ka 2°, abafatanyabikorwa bateranya ibibura nk'uko bari kubikora mu gihe bagabana igihombo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye kugira ngo bashobore kuzuza inshingano zabwo;</p>	<p>5° if the general partnership is unable to meet its obligations under item 2°, the partners contribute towards the deficiency in the same proportions as they would be liable to share any general partnership losses in order to meet a general partnership obligation;</p>	<p>5° si la société en nom collectif est incapable de satisfaire à ses obligations en vertu du point 2°, les associés contribuent à l'épurement du manquant dans les mêmes proportions qu'ils partageraient les pertes de la société afin de satisfaire à une obligation de la société en nom collectif;</p>
<p>6° iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye budashoboye kwishyura buri mufatanyabikorwa amafaranga angana n'ayo yatanze mu gihe</p>	<p>6° if a general partnership is unable to pay to each partner the amount contributed by the partner towards the capital of the general partnership, the</p>	<p>6° si la société en nom collectif est incapable de payer à chaque associé l'apport au capital apporté par l'associé de la société en nom</p>

<p>yateranyaga imari shingiro y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, ubufatanye mu bucuruzi buha abafatanyabikorwa umutungo usigaye iyo uhari, ku buryo bungana hakurikijwe umusanzu watanzwe n'umufatanyabikorwa mu mari shingiro.</p> <p><u>Akicro ka 2:</u> Iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 56:</u> Iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye busenyutse, buseswa iyo ibi bikurikira byubahirijwe:</p> <p>1° umutungo wose w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye wagabanyijwe abantu bawufiteho uburenganzira;</p> <p>2° umutungo wose ucungwa ufitwe n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye wahawe umuntu uwufiteho uburenganzira cyangwa umucungira umutungo w'umwuga;</p> <p>3° kuba nta myenda ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bufite;</p>	<p>general partnership transfers to the partners the remaining assets of the general partnership if any, in equal proportion to the capital contributed by the partner.</p> <p><u>Sub-section 2:</u> Dissolution of a general partnership</p> <p><u>Article 56:</u> Dissolution of a general partnership</p> <p>A general partnership which has broken up is dissolved if the following conditions are fulfilled:</p> <p>1° all the general partnership property has been distributed to the persons entitled to it;</p> <p>2° any trust property held by the general partnership has been transferred to the person entitled to it or a trustee for that person;</p> <p>3° there are no outstanding liabilities of the general partnership;</p>	<p>collectif, la société transfère aux associés les actifs restants de la société en nom collectif s'il y en a, en proportion égale à l'apport apporté par l'associé.</p> <p><u>Sous-section 2:</u> Dissolution de la société en nom collectif</p> <p><u>Article 56:</u> Dissolution de la société en nom collectif</p> <p>La société en nom collectif qui a cessé d'exercer ses activités est dissoute lorsque les conditions suivantes sont remplies:</p> <p>1° tous les biens de la société en nom collectif ont été distribués aux personnes qui y ont droit;</p> <p>2° tous les biens en fiducie détenus par la société en nom collectif ont été transférés à la personne qui en a le droit ou à son fidéicommissaire;</p> <p>3° il n'y a pas d'obligations de la société en nom collectif non encore exécutées;</p>
---	--	---

<p>4° kuba nta birego ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buregwamo cyangwa buregamo, byaba mu nkiko cyangwa mu bukemurampaka.</p> <p><u>Ingingo ya 57:</u> Ububasha bw'urukiko bwo gutegeka kwishyura inyungu umufatanyabikorwa afite mu bufatanye</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'uberewemo umwenda n'umufatanyabikorwa, gutegeka ko hishyurwa ku nyungu umufatanyabikorwa afite ku mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n'inyungu ku byishyuwe ku rubanza rw'umwenda n'inyungu bijyanye.</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha, rugendeye kuri icyo cyemezo, rushobora gushyiraho ucunga inyungu z'umusanzu w'umufatanyabikorwa n'inyungu cyangwa andi mafaranga umufatanyabikorwa ashobora kubona avuye mu bucuruzi bw' ubufatanye bufite uburyozwe budahinnye kandi rugategeka gukusanya amakuru ku birebana na konti ze nk'uko byari kuba byarakozwe igihe urukiko rwari kuba rwarafashe icyemezo kimutegeka kwishyura uwo abereyemo umwenda.</p> <p>Abandi bafatanyabikorwa bashobora, igihe icyo ari cyo cyose, kugarura inyungu yishyuwe</p>	<p>4° there are no outstanding claims by or against the general partnership; whether the claims are made in legal or arbitral proceedings.</p> <p><u>Article 57:</u> Power of the court to order payment of partner's interest in the partnership</p> <p>The competent court may, upon request by a creditor of a partner, charge the partner's interest and profits in the general partnership with payment of the judgment debt and interest thereon.</p> <p>The court may, by such an order, appoint a receiver of the partner's share of profits and interests or any other money which the partner may receive from the business of the general partnership and order for the taking of accounts and inquiries as it would have been if the payment had been made in favour of the judgment creditor by the partner.</p> <p>Other partners in the general partnership may at any time redeem the interest charged, or,</p>	<p>4° il n'y a pas de litige en cours par ou contre la société en nom collectif, devant la juridiction ou en arbitrage.</p> <p><u>Article 57:</u> Pouvoir de la juridiction d'ordonner le paiement d'intérêt de l'associé dans la société</p> <p>La juridiction compétente, à la demande d'un créancier d'un associé, peut ordonner l'affectation d'intérêts et bénéfices de l'associé dans la société en nom collectif au paiement de la créance découlant du jugement et des intérêts y afférents.</p> <p>La juridiction compétente peut, par son ordonnance mentionnée à l'alinéa premier du présent article, nommer un séquestre des bénéfices de la part de l'associé au bénéfice, aux intérêts ou toute autre somme que l'associé peut recevoir du commerce de la société en nom collectif et donner des instructions pour la prise de comptes et d'enquêtes comme il devrait l'être si le paiement avait été fait par l'associé à la partie ayant obtenu gain de cause.</p> <p>Les autres associés de la société en nom collectif peuvent, à tout moment, racheter les</p>
--	--	--

<p>cyangwa iyo kugurisha byategetswe n’urukiko rubifitiye ububasha, bakagura inyungu z’umusanzu w’umufatanyabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 58:</u> icyemezo cy’urukiko cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha hashingiwe ku mpamvu zumvikana rushobora, bisabwe n’umufatanyabikorwa, Umwanditsi Mukuru cyangwa uberewemo umwenda, gutegeka ko ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buseswa.</p> <p>Gusaba icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo bishobora kujyana n’ubundi busabe cyangwa ibyemezo by’inyongera hashingiwe kuri iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 59:</u> Umwanzuro wo kwirukana umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n’amasezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, umwanzuro wo kwirukana umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye ufatwa n’abafatanyabikorwa bose, uretse urebwa n’ uwo mwanzuro.</p>	<p>where a sale is directed by the competent court, purchase the partner’s interest in the share.</p> <p><u>Article 58:</u> Court’s order for dissolution of a general partnership</p> <p>Where appropriate, the competent court may, on the application of any partner, Registrar General or Creditor, order for dissolution of a general partnership.</p> <p>The application for an order referred to under Paragraph One of this Article may be combined with additional applications or orders pursuant to this Law.</p> <p><u>Article 59:</u> Decision of expulsion of a partner from a general partnership</p> <p>Subject to the express provisions of the partnership agreement, the expulsion of a partner from a general partnership must be approved by unanimous decision of partners other than the one concerned.</p>	<p>intérêts facturés, ou, lorsqu’une vente est ordonnée par la juridiction compétente, acheter l’intérêt de la part de l’associé.</p> <p><u>Article 58:</u> Ordonnance d’une juridiction pour la dissolution de la société en nom collectif</p> <p>S’il est jugé opportun, la juridiction compétente peut, sur demande de tout associé, du Registraire général ou du créancier, ordonner la dissolution de la société en nom collectif.</p> <p>La demande de l’ordonnance visée à l’alinéa premier du présent article peut être combinée avec les demandes ou les ordonnances supplémentaires conformément à la présente loi.</p> <p><u>Article 59:</u> Décision d’exclusion d’un associé de la société en nom collectif</p> <p>Sous réserve des dispositions expresses du contrat de société, l’exclusion d’un associé de la société en nom collectif doit être approuvée par décision unanime des associés autre que celui concerné.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 60:</u> Itariki y'iyirukanwa ry'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi</p> <p>Icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha gitegeka ko umufatanyabikorwa akurwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye kigomba kugaragaza itariki umufatanyabikorwa arekera kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Iyo umwanzuro wo kwirukana umufatanyabikorwa wafashwe n'abandi bafatanyabikorwa, itariki y'iyirukanwa ry'umufatanyabikorwa ni itariki yafatiweho umwanzuro nk'uko biteganywa mu ngingo ya 41 y'iri tegeko.</p> <p>Iryo yirukanwa ry'umufatanyabikora rigomba kumenyeshwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo abitangarize rubanda.</p>	<p><u>Article 60:</u> Effective date of removal of a partner</p> <p>A decision of the competent court ordering for removal of a partner from a general partnership must specify the date a partner ceases to be a partner.</p> <p>Where a partner is removed by the decision of other partners pursuant to Article 41 of this Law, the date of removal of a partner is the date on which the decision was taken.</p> <p>Such a removal of a business partner must be notified to the Registrar General for notification to the public.</p>	<p><u>Article 60:</u> Date effective d'exclusion d'un associé de la société</p> <p>Une décision de la juridiction compétente ordonnant l'exclusion d'un associé de la société en nom collectif doit spécifier la date à laquelle un associé cesse de l'être.</p> <p>En cas d'exclusion d'un associé par décision d'autres associés conformément aux dispositions de l'article 41 de la présente loi, la date d'exclusion est celle de la prise de cette décision.</p> <p>Cette exclusion d'un associé est notifiée au Registraire général pour avis au public.</p>
<p><u>Ingingo ya 61:</u> Icyemezo cy'agateganyo</p> <p>Ku bijyanye n'ubusabe bwo kwirukana umufatanyabikorwa, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo kibuzwa cyangwa kigabanya uburyo umufatanyabikorwa usabirwa kuva mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye agira uruhare mu bucuruzi</p>	<p><u>Article 61:</u> Interim decision</p> <p>In relation to an application to remove a partner from a general partnership, the competent court may decide to prohibit or to limit the extent to which the partner sought to be removed from general partnership takes part in the general partnership business pending the determination of the application</p>	<p><u>Article 61:</u> Décision provisoire</p> <p>La juridiction compétente peut, en ce qui concerne la demande visant d'exclure un associé de la société en nom collectif, décider d'interdire ou de limiter la mesure dans laquelle l'associé faisant l'objet de demande d'exclusion de la société en nom collectif participe au commerce de la société en nom</p>

<p>bw'ubufatanye mu bucuruzi mu gihe hatagerejwe gufata icyemezo kuri ubwo busabe.</p> <p><u>Ingingo ya 62:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'urukiko</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha rushobora kugena uburyo ibyemezo rwafashe bishyirwa mu bikorwa harimo by'umwihariko:</p> <p>1° uburenganzira bw'umufatanyabikorwa wagaragajwe mu cyemezo cy'urukiko bwo kubona umusanzu ku nyungu z'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° kubuza uburenganzira bwahawe umufatanyabikorwa wavuzwe.</p> <p>Iyo icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha kigaragaje ko umufatanyabikorwa areka kuba umufatanyabikorwa guhera ku itariki iri imbere y'igihe icyemezo cyafatiwe, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo rubona ko ari ngombwa kugira ngo rushyire umufatanyabikorwa n'abandi bantu mu mwanya bari bakwiye kuba barimo iyo umufatanyabikorwa aba yararetse kuba umufatanyabikorwa kuri iyo tariki nk'uko urukiko rubifitiye ububasha rubona bikwiye.</p>	<p><u>Article 62:</u> Implementation of Court orders</p> <p>The competent court may give directions as it considers appropriate for giving effect to orders, including, in particular:</p> <p>1° the rights of a partner specified in the court order to realise the partner's participation in the partnership;</p> <p>2° restricting the rights conferred on a specified partner.</p> <p>If the competent court decision specifies that a partner ceases to be a partner from the date before the date of the decision, the competent court may take such a decision as it thinks appropriate for putting the partner and other persons in the position they would have been in if the partner had in fact ceased to be a partner on that date as the competent court considers appropriate.</p>	<p>collectif en attendant la prise de la décision sur la demande.</p> <p><u>Article 62:</u> Exécution de décisions judiciaires</p> <p>Aux fins de l'exécution des décisions judiciaires, la juridiction compétente peut donner des instructions s'il en est jugé nécessaire, y compris, en particulier :</p> <p>1° les droits d'un associé déterminé dans la décision judiciaire pour réaliser la participation de l'associé dans la société en nom collectif;</p> <p>2° les directives de limitation des droits conférés à un associé déterminé.</p> <p>Lorsqu'une juridiction compétente décide qu'un associé cesse de l'être à partir d'une date antérieure à la date de la décision, elle peut prendre une décision qu'elle juge appropriée pour mettre l'associé et d'autres personnes dans la position où ils seraient si l'associé avait cessé de l'être à cette date.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 63:</u> Ububasha bwo kuregera urukiko gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda cyangwa umufatanyabikorwa abona ko ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bugomba guseswa, ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha ko rufata icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Bisabwe n’Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda cyangwa umufatanyabikorwa, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye hashingiwe ku mategeko n’amabwiriza rubona ko ari ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 64:</u> Indishyi zijyanye n’uburiganya, kugaragaza ibintu uko bitari no kudatanga amakuru</p> <p>Umuntu wese wasabye ko urukiko rubifitiye ububasha rufata icyemezo, afite uburenganzira bwo guhabwa indishyi n’umufatanyabikorwa uri mu ikosa zijyanye n’igihombo yatewe n’uburiganya, kugaragaza ibintu uko bitari cyangwa kudatanga amakuru k’umufatanyabikorwa uri mu ikosa.</p>	<p><u>Article 63:</u> Powers to refer to the court for the dissolution of a general partnership</p> <p>Where the Registrar General, the creditor or the partner believes that the general partnership must be dissolved, he or she may apply to the competent court to take a decision to dissolve the general partnership.</p> <p>On an application by the Registrar General, creditor or partner, the competent court may take a decision to dissolve the general partnership according to laws and regulations as it may consider appropriate.</p> <p><u>Article 64:</u> Indemnity related to fraud, misrepresentation or non-disclosure</p> <p>Any applicant who requested the competent court to take a decision is entitled to be indemnified by the partner at fault in respect of any loss suffered by the applicant which is attributable to the fraud, misrepresentation or non-disclosure of the partner at fault.</p>	<p><u>Article 63:</u> Pouvoirs de saisir la juridiction pour une ordonnance de dissolution de la société en nom collectif</p> <p>Lorsqu’il apparaît au Registraire général, au créancier ou à un associé qu’une société en nom collectif doit être dissoute, il peut demander à la juridiction compétente d’ordonner la dissolution de la société en nom collectif.</p> <p>Sur une demande du Registraire général, des créanciers ou des associés, la juridiction compétente peut prendre une ordonnance de dissolution de la société en nom collectif conformément aux lois et règlements qu’elle juge appropriés.</p> <p><u>Article 64:</u> Indemnité liée à la fraude, à la fausse déclaration ou à la non-révélation d’information</p> <p>Tout demandeur qui requiert la juridiction compétente de prendre une décision a le droit d’être indemnisé par l’associé en faute pour toute perte qu’il a subi qui est imputable à la fraude, la fausse déclaration ou à la non-révélation par l’associé fautif.</p>
---	---	--

<p>Iyo icyemezo cyafashwe ku busabe bw'Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda cyangwa umufatanyabikorwa, buri mufatanyabikorwa udafite ikosa afite uburenganzira, mu gihe imitungo y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye isaranganywa, bwo kwishyurwa amafaranga yose ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bumubereyemo mbere y'uko umufatanyabikorwa uri mu ikosa agira icyo yishyurwa.</p>	<p>If the decision is made on application of the Registrar General, creditors or partners, each partner not at fault is entitled, when the general partnership assets are distributed, to be paid all amounts, which the general partnership owes to the partner before any amount is paid to the partner at fault.</p>	<p>Lorsque la décision est prise sur demande du Registraire général, des créanciers ou des associés, chaque associé qui n'est pas en faute a droit, lorsque les actifs de la société en nom collectif sont distribués, à être payé tous les montants que la société en nom collectif doit à l'associé avant qu'aucun montant ne soit versé à l'associé en faute.</p>
<p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi waretse kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bivuye ku cyemezo cyafashwe bisabwe n'Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda cyangwa umufatanyabikorwa agumana uburenganzira yari kuba afite ku mugabane we mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>A partner who ceases to be a partner under a decision made on application of the Registrar General, creditor or partner, retains any rights he or she would otherwise have had to realise his or her share in the general partnership.</p>	<p>Un associé qui cesse de l'être en vertu d'une ordonnance rendue à la demande du Registraire général, des créanciers ou des associés, conserve tous les droits qu'il aurait eu pour réaliser sa part dans la société en nom collectif.</p>
<p><u>Ingingo ya 65:</u> Icyemezo cyo kwishyura umusanzu mu mari shingiro igihe habayeho guhagarika ibikorwa imburagihe ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye</p>	<p><u>Article 65:</u> Decision to repay capital contribution on premature break-up of general partnership</p>	<p><u>Article 65:</u> Décision de remboursement d'apport au capital lors de la cessation d'activité prématurée de la société en nom collectif</p>
<p>Umuntu winjiye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bufite igihe buzamara kizwi cyangwa wishyuye umusanzu mu mari shingiro mu bufatanye mu bucuruzi ku mufatanyabikorwa usanzwe muri ubwo</p>	<p>A person who joins a general partnership whose duration is fixed or pays a capital contribution to an existing partner in the general partnership and the general partnership breaks up before its term expires,</p>	<p>Une personne qui rejoint la société en nom collectif à durée déterminée ou qui paie un apport au capital à un associé existant dans la société en nom collectif et que la société en nom collectif est dissoute avant l'expiration de</p>

<p>bufatanye mu bucuruzi kandi ubwo bufatanye mu bucuruzi bugahagarikwa mbere y’uko igihe bwagombaga kumara kigera, ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha ko asubizwa umusanzu wose ku mari shingiro yatanze cyangwa igice cyawo.</p> <p>Mu gufata icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, urukiko rubifitiye ububasha rugomba kubanza kureba ibikubiye mu masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, igihe ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bugomba kumara n’uburyo usaba yitwaye mu gihe yari umufatanyabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 66:</u> Guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bushobora gusaba Umwanditsi Mukuru guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye bimaze kwemezwa n’ abafatanyabikorwa bose b’ubufatanye bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Uko guhinduka kugira agaciro uhereye igihe cy’iyandikwa ry’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye.</p>	<p>may request the competent court to take a decision to refund whole or part of the joining premium.</p> <p>In order to take the decision referred to under Paragraph One of this Article, the competent court must have regard to the terms of the partnership agreement, duration of the general partnership and the conduct of the applicant during the period in which he or she was a partner.</p> <p><u>Article 66:</u> Conversion into the limited partnership</p> <p>Subject to the partnership agreement, a general partnership may apply to the Registrar General for conversion to the limited partnership upon approval by all partners of the general partnership.</p> <p>This conversion becomes effective from the time of the registration of limited partnership.</p>	<p>sa durée, elle peut demander à la juridiction compétente d’ordonner le remboursement de tout ou partie de l’apport au capital.</p> <p>Pour prendre la décision mentionnée à l’alinéa premier du présent article, la juridiction compétente doit tenir compte des termes du contrat de la société en nom collectif, de la durée de la société en nom collectif et de la conduite du demandeur pendant la période où il était associé.</p> <p><u>Article 66:</u> Conversion à la société en commandite</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, la société en nom collectif peut demander au Registraire Général sa conversion à la société en commandite sur approbation par tous les associés de la société en nom collectif.</p> <p>Cette conversion prend effet à partir de l’enregistrement de la société en commandite.</p>
--	--	--

<p>Buri mufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bwahindutse ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye akomeza kubazwa ubwe cyangwa ari kumwe n'abandi inshingano z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye zabayeho mbere y'uko bwandikwa nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa zaturutse ku masezerano yakozwe mbere y'iryo yandikwa.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: UBUFATANYE MU BUCURUZI BUFITE UBURYOZWE BUHINNYE N'UBUDAHINNYE</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Imiterere y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 67: Imiterere y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bugomba kuba bufite nibura abafatanyabikorwa babiri (2) barimo nibura umwe (1) ufite uburyozwe budahinnye uba mu Rwanda cyangwa hari intumwa ye iba mu Rwanda n'umwe (1) ufite uburyozwe buhinnye.</p>	<p>Each partner in a general partnership converted to limited partnership continues to be jointly and severally liable for the obligations of limited partnership that were incurred before its registration as a limited partnership or that arose from a contract entered into before that registration.</p> <p><u>CHAPTER IV: LIMITED PARTNERSHIP</u></p> <p><u>Section One: Nature of limited partnership</u></p> <p><u>Article 67: Nature of limited partnership</u></p> <p>A limited partnership must consist of at least two (2) partners of which at least one (1) is a general partner resident in Rwanda or who has an appointed agent in Rwanda and at least one (1) limited partner.</p>	<p>Chaque associé de la société en nom collectif converti en société en commandite continue à être collectivement et solidairement responsable pour les obligations que la société en commandite a contractées avant son enregistrement en tant que société en commandite ou découlant d'un contrat conclu avant cet enregistrement.</p> <p><u>CHAPITRE IV: SOCIÉTÉ EN COMMANDITE</u></p> <p><u>Section première: Nature de la société en commandite</u></p> <p><u>Article 67: Nature de la société en commandite</u></p> <p>La société en commandite doit avoir au moins deux (2) associés dont au moins un (1) associé commandité résidant au Rwanda ou un représentant nommé résidant au Rwanda et un (1) associé commanditaire.</p>
--	---	--

<p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ashobora kuba umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi.</p> <p>Mu bufatanye bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye acunga ibikorwa by'ubwo bufatanye mu bucuruzi kandi akagira uruhare mu bikorwa byabwo mu gihe umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye atagira uruhare mu micungire y'ibikorwa by'ubwo bufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Ku birebana n'uburyozwe mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye agira uburyozwe budahinnye ku birebana n'imyenda y'ubufatanye mu bucuruzi mu gihe umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye agira uburyozwe bugarukira ku ngano y'umusanzu yatanze mu bufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Umufatanyabikorwa ntashobora kuba icyarimwe umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bumwe.</p>	<p>A partner in a limited partnership may be an individual or a body corporate.</p> <p>In a limited partnership, a general partner is responsible for the management of the limited partnership business or affairs and takes part in the management of the partnership business or affairs whereas a limited partner does not take part in the management of the partnership business or affairs.</p> <p>The liabilities of a general partner in a limited partnership are unlimited for the debts of the partnership whereas the liabilities of a limited partner are limited to the contribution in the share capital made by such a partner in the limited partnership.</p> <p>A person cannot be both a general partner and a limited partner of the same limited partnership.</p>	<p>Un associé dans une société en commandite peut être une personne physique ou une personne morale.</p> <p>Dans la société en commandite, un associé commandité est responsable de la gestion d'une entreprise commerciale ou des affaires de la société et participe dans la gestion de l'entreprise ou des affaires de la société tandis que l'associé commanditaire ne peut pas prendre part à la gestion d'une entreprise commerciale ou des affaires de la société.</p> <p>L'associé commandité dans la société en commandite est indéfiniment et solidairement responsable des dettes de la société tandis que l'associé commanditaire dans la société en commandite n'est responsable des dettes de la société qu'à concurrence de son apport au capital.</p> <p>Une personne ne peut être à la fois un associé commanditaire et un associé commandité dans la société en commandite.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 68: Umusanzu w'umufatanyabikorwa mu mari shingiro</u></p> <p>Umufatanyabikorwa w'ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ntashobora:</p> <p>1° gutanga umusanzu mu mari shingiro y'ubwo bufatanye mu bucuruzi cyangwa guhindura umugabane we mu mari shingiro y'ubwo bufatanye mu bucuruzi abahuriye muri ubwo bufatanye mu bucuruzi bose batabyemeye;</p> <p>2° kugira uburenganzira ku nyungu y'umusanzu yatanze mu mari shingiro.</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ufite buryozwe buhinnye n'ubudahinnye uhayeho ubwo bufatanye mu bucuruzi avansi irenze umusanzu agomba gutanga mu mari shingiro yabwo afite uburenganzira bwo guhabwa n'ubwo bufatanye mu bucuruzi inyungu iri ku ijanisha ryumvikanweho mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi kandi iyo nyungu itangira kubarwa uhereye ku itariki atangiyeho iyo avansi.</p>	<p><u>Article 68: Capital contribution by a partner</u></p> <p>A partner of limited partnership cannot:</p> <p>1° contribute capital or vary the amount of his or her capital contribution to the partnership without agreement of all partners;</p> <p>2° be entitled to any interest on the contribution.</p> <p>A partner in the limited partnership who, beyond his or her capital contribution, makes an advance to that partnership is entitled to receive interest from the partnership at the rate agreed in the partnership agreement with effect from the date of the advance.</p>	<p><u>Article 68: Apport au capital par un associé</u></p> <p>Un associé de la société en commandite ne peut pas:</p> <p>1° donner son apport au capital ou modifier la valeur de son apport au capital dans la société en commandite sans le consentement de tous les associés ;</p> <p>2° percevoir les intérêts sur l'apport au capital;</p> <p>Un associé de la société en commandite qui, en dehors de l'apport au capital, avance les fonds à la société, a le droit de percevoir de cette société, les intérêts calculés au taux convenu au contrat de société et à partir de la date à laquelle les fonds ont été avancés.</p>
---	---	---

<u>Ingingo ya 69: Kwemererwa kuba umufatanyabikorwa mushya</u>	<u>Article 69: Admission of a new partner</u>	<u>Article 69: Admission d'un nouvel associé</u>
<p>Kugira ngo umuntu cyangwa ikigo cy'ubucuruzi gifite ubuzimagatozi bibe umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bisabwa ubufatanye mu bucuruzi buriho mu nyandiko kandi na bwo bugasubiza hakoreshejwe inyandiko.</p>	<p>An application for a person or a body corporate to become a new partner is submitted to the partnership which also responds in writing.</p>	<p>Pour qu'une personne physique ou morale devienne un nouvel associé d'une société, elle présente une demande écrite à la société qui répond également par écrit.</p>
<p>Kugira ngo umuntu cyangwa ikigo cy'ubucuruzi gifite ubuzimagatozi bibe umufatanyabikorwa mushya ufite uburyozwe buhinnye cyangwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi, umufatanyabikorwa uyobora ubufatanye mu bucuruzi ashidikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko y'umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi yo kwemera kuba umwe mu bagize ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>A general partner who manages the limited partnership submits the notice to the Registrar General with a written consent of a new general or limited partner to be a partner in the limited partnership.</p>	<p>Pour qu'une personne physique ou morale devienne associée de la société en commandite, l'associé responsable de la société transmet au Registraire général l'avis d'admission du nouvel associé commandité ou commanditaire.</p>
<p>Inyandiko imenyeshya isobanura izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, izina ry'ushaka kuba umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi, ubwoko bw'uburyozwe mu bufatanye mu bucuruzi n'umusanzu mu mari shingiro watanzwe n'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p>	<p>The notice specifies the name of the limited partnership, the name of the prospective partner, the type of liability of the prospective partner, the amount of any capital contribution being made by the prospective limited partner to the limited partnership.</p>	<p>La demande précise le nom de la société en commandite, le nom de l'associé proposé, le type de responsabilité de l'associé proposé et la valeur de l'apport au capital libellé par l'associé commanditaire proposé dans la société en commandite.</p>
<p>Inyandiko imenyeshya isinywa</p>	<p>The notice is signed by a general partner or a</p>	<p>L'avis est signé par un associé ou une personne</p>

<p>n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi muntu utari umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ufite ububasha bwo gutanga inyandiko imenyeshya mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p>	<p>person other than a general partner who has authority to give the notice on behalf of the limited partnership.</p>	<p>autre qu'un associé qui a le pouvoir de donner l'avis au nom de la société en commandite.</p>
<p>Umuntu cyangwa ikigo cy'ubucuruza baba umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye cyangwa buhinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye uherye ku itariki uwo muntu cyangwa icyo kigo cy'ubucuruza bandikiweho nk'umufatanyabikorwa n'Umwanditsi Mukuru.</p>	<p>An individual or a body corporate becomes a limited or general partner in the limited partnership from the date such an individual or body corporate is registered as partner by the Registrar General.</p>	<p>Une personne physique ou morale devient associé commanditaire ou commandité de la société en commandite, à partir de la date à laquelle cette personne physique ou morale est enregistrée en qualité d'associé par le Registraire général.</p>
<p><u>Ingingo ya 70:</u> Kumenyeshya Umwanditsi Mukuru umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p>	<p><u>Article 70:</u> Notification of a new general partner of the limited partnership to the Registrar General</p>	<p><u>Article 70:</u> Notification d'un nouvel associé commandité de la société en commandite au Registraire général</p>
<p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye agomba koherereza Umwanditsi Mukuru ukwemera kwanditse k'umufatanyabikorwa mushya w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p>	<p>General partner in a limited partnership must submit to the Registrar General a written consent of a new partner of the limited partnership.</p>	<p>L'associé commandité dans de la société en commandite doit soumettre au Registraire général le consentement écrit d'un nouvel associé.</p>
<p>Ukwemera kugomba kuba kuri mu nyandiko yagenwe n'Umwanditsi Mukuru.</p>	<p>The consent must be in the form prescribed by the Registrar General.</p>	<p>Le consentement doit être donné au moyen du formulaire prescrit par le Registraire général.</p>

<p>Ukwemererwa kugira agaciro ari uko kumaze kwandikwa n’Umwanditsi Mukuru.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Abafatanyabikorwa b’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 71:</u> Ibyo umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy’ubucuruzi gifite ubuzimagatozi basabwa kugira ngo babe umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</p> <p>Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy’ubucuruzi gifite ubuzimagatozi bemerewe kuba umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye.</p> <p>Icyakora, abantu bakurikira ntibemerewe kuba abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye cyangwa kugira umwanya w’ubuyobozi mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye:</p> <p>1° umuntu uri munsi y’imyaka cumi n’umunani (18) y’amavuko;</p> <p>2° umuntu waguye mu gihombo kandi ataragihanagurwaho;</p>	<p>The admission takes effect upon registration with the Registrar General.</p> <p><u>Section 2:</u> Partners of a limited partnership</p> <p><u>Article 71:</u> Qualifications for individual or a body corporate to be a general partner of a limited partnership</p> <p>An individual or a body corporate is qualified to be appointed as a general partner of a limited partnership.</p> <p>However, the following persons are disqualified from being appointed or holding office as a general partner of a limited partnership:</p> <p>1° a person who is under eighteen (18) years of age;</p> <p>2° a person who is an undischarged bankrupt;</p>	<p>L’admission prend effet lors de son enregistrement par le Registraire général.</p> <p><u>Section 2:</u> Associés de la société en commandite</p> <p><u>Article 71:</u> Conditions requises pour qu’une personne physique ou morale devienne un associé commandité de la société en commandite</p> <p>Une personne physique ou morale peut devenir un associé commandité dans la société en commandite.</p> <p>Toutefois, les personnes suivantes ne sont pas qualifiées à être nommées ou avoir une occupation en tant qu’associé commandité dans la société en commandite:</p> <p>1° une personne âgée de moins de dix-huit (18) ans;</p> <p>2° un failli non-réhabilité;</p>
---	---	---

<p>3° umuntu urebwa n'icyemezo cyafashwe hashingiye ku itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi kigifite agaciro kandi kikaba kimubuza kuba umuyobozi cyangwa kugira uruhare mu micungire ya sosiyete y'ubucuruzi.</p> <p>Ikigo gifite ubuzimagatozi cyemerewe kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ni icyashyizweho kandi kigacungwa hakurikijwe amategeko agenga ibyo bigo.</p> <p><u>Ingingo ya 72: Kuba no kureka kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p>Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi aba umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye cyangwa umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye iyo yanditswe gutyo n'Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye cyangwa umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ufite uburyozwe budahinnye bareka kuba abafatanyabikorwa</p>	<p>3° a person who is subject to an order made under the law governing companies that continues to have effect prohibiting him or her from being a director or taking part in the management of a company.</p> <p>A body corporate qualified to be a partner in a limited partnership is an entity created and managed pursuant to the relevant laws.</p> <p><u>Article 72: Becoming and ceasing to be a partner in a limited partnership</u></p> <p>An individual or body corporate becomes a limited partner or general partner in a limited partnership when such person is registered by the Registrar General as such.</p> <p>A limited partner or general partner ceases to be partner, if at the time specified in the partnership agreement:</p>	<p>3° une personne dont la décision rendue en vertu de la loi sur les sociétés commerciales l'interdit d'être administrateur ou de participer à la gestion d'une société commerciale.</p> <p>Une personne morale qualifiée pour devenir un associé de la société en commandite est une entité établie et gérée conformément aux lois en la matière.</p> <p><u>Article 72: Devenir associé de la société en commandite et perte de la qualité d'associé</u></p> <p>Une personne physique ou morale devient un associé commanditaire ou un associé commandité dans de la société en commandite lorsqu'elle est enregistrée en tant que tel par le Registraire général.</p> <p>Un associé commanditaire ou un associé commandité cesse de l'être si, au moment indiqué dans le contrat de de société :</p>
---	---	--

<p>iyo:</p> <p>1° umuntu asibwe mu gitabo;</p> <p>2° umuntu apfuye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi gisheshwe;</p> <p>3° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye busheshwe.</p> <p><u>Ingingo</u> va 73: Guhindura abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye afite uburenganzira bwo guhindura akaba umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye afite uburenganzira bwo guhindura akaba umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ashidikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko imenyeshya ko umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye cyangwa umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye ahinduye ubwoko bw'uburyozwe.</p>	<p>1° the person is deregistered;</p> <p>2° the person dies or body corporate is dissolved;</p> <p>3° a limited partnership is dissolved.</p> <p><u>Article 73: Changes of partners in a limited partnership</u></p> <p>A general partner has the right to change to become a limited partner.</p> <p>A limited partner has the right to change to become a general partner.</p> <p>A notice proposing that a partner changes the type of liability to become a general partner or a limited partner in an existing limited partnership is delivered to the Registrar General by a general partner.</p>	<p>1° la personne est rayée du registre;</p> <p>2° la personne meurt ou la personne morale est dissoute;</p> <p>3° la société en commandite est dissoute.</p> <p><u>Article 73: Changement des associés de la société en commandite</u></p> <p>Un associé commandité a droit de changer pour devenir un associé commanditaire.</p> <p>Un associé commanditaire a droit de changer pour devenir un associé commandité.</p> <p>Un avis proposant qu'un associé change le type de responsabilité pour devenir un associé commandité ou un associé commanditaire est remis au Registraire général par l'associé commandité.</p>
--	--	--

<p>Inyandiko imenyeshya igaragaza izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, izina ry'umufatanyabikorwa wifuza guhindura ubwoko bw'uburyozwe, n'umusanzu w'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye mu mari shingiro.</p> <p>Inyandiko imenyeshya ishyirwaho umukono n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi muntu utari umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye kandi ufite ububasha bwo gutanga inyandiko imenyeshya mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye. Ushaka kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ntashobora gushyira umukono kuri iyo nyandiko imenyeshya.</p> <p>Akibona inyandiko imenyeshya, Umwanditsi Mukuru yandika umufatanyabikorwa ubyifuza nk'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye kandi akareba ko igitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi cyahinduwe kugira ngo hashyirwemo ko umufatanyabikorwa yanditse atakiri umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite</p>	<p>The notice specifies the name of the limited partnership, the name of the proposed partner changing the type of liability and the value of capital contribution being made by the general partner and the limited partner.</p> <p>The notice is signed by a general partner or a person other than a general partner who has authority to give the notice on behalf of the limited partnership. The proposed limited partner cannot sign on that notice.</p> <p>On receiving the notice, the Registrar General registers the proposed general or limited partner as such in the limited partnership and ensures that the register is amended to record the fact that the partner has ceased to be a general partner or a limited partner in the limited partnership.</p>	<p>L'avis précise le nom de la société en commandite, le nom d'un associé qui change le type de responsabilité et la valeur de l'apport au capital effectué par l'associé commandité et l'associé commanditaire.</p> <p>L'avis est signé par un associé commandité ou une personne autre qu'un associé commandité qui a le pouvoir de donner l'avis au nom de la société en commandite. L'associé commanditaire proposé ne peut pas signer cet avis.</p> <p>À la réception de l'avis, le Registraire général enregistre l'associé commandité ou commanditaire proposé en tant que tel dans la société en commandite et veille à ce que le registre soit modifié afin de mentionner que l'associé a cessé d'être associé commanditaire ou commandité dans la société en commandite.</p>
---	---	--

<p>uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p>Uwifuza guhindura ubwoko bw'uburyozwe aba umufatanyabikorwa mu bwoko bw'uburyozwe yahinduriwe uhereye ku itariki uko guhindura kwandikiweho mu gitabo cy'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Mu gihe ihinduka ry'abafatanyabikorwa ritumye hatabamo umufatanyabikorwa nibura umwe ufite uburyozwe budahinnye cyangwa buhinnye mu bufatanye mu bucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi buraseswa.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Imicungire y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 74: Uruhare mu micungire rw'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye n'ufite uburyozwe buhinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p>Buri mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ufite uburyozwe budahinnye ashinzwe imicungire y'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye ntabwo agira uruhare mu micungire</p>	<p>The proposed partner changing the type of liability becomes a limited partner or a general partner on the date such a change is recorded in the register as the date of his or her registration.</p> <p>Where, after changes in the type of liability of partners in the limited partnership, there is not at least one limited partner or one general partner, the limited partnership is dissolved.</p> <p><u>Section 3: Management of limited partnership</u></p> <p><u>Article 74: Role of a general partner and limited partner in the management of a limited partnership</u></p> <p>Each general partner is responsible for the management of the limited partnership business or affairs.</p> <p>A limited partner shall not take part in the management of the partnership business or</p>	<p>Un associé proposé qui change de type de responsabilité devient un associé commandité ou un associé commanditaire à la date où ce changement est inscrit dans le registre comme la date de son enregistrement.</p> <p>Si le changement de type de responsabilité entraîne que dans la société en commandite, il ne reste pas au moins un associé commanditaire ou un associé commandité, la société est dissoute.</p> <p><u>Section 3: Gestion de la société en commandite</u></p> <p><u>Article 74: Rôle d'un associé commandité et d'un associé commanditaire dans la gestion de la société en commandite</u></p> <p>Chaque associé commandité est responsable de la gestion de l'entreprise commerciale ou des affaires de la société en commandite.</p> <p>Un associé commanditaire ne peut pas prendre part à la gestion de l'entreprise commerciale ou</p>
---	--	---

<p>y'ubucuruzi cyangwa y'ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p>Mu gihe bibaye ngombwa ko umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye agira uruhare mu micungire y'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ariyozwa imyenda n'inshingano by'ubufatanye mu bucuruzi nk'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye by'igihe yagiriye uruhare mu micungire y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye ntafatwa nk'uwagize uruhare mu micungire y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, iyo akoze kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikorwa bikurikira:</p> <p>1° akora nka rwiyemezamirimo cyangwa umukozi w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye;</p> <p>2° akora nk'umukozi cyangwa umunyamigabane w'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye w'ikigo</p>	<p>affairs.</p> <p>A limited partner who participates in the management of the partnership business or affairs is liable for the debts and obligations of the partnership as a general partner for the period during which he or she participated in the management of the business of the partnership.</p> <p>A limited partner shall not be considered to have participated in the conduct or management of the business of a limited partnership by reason only of any one or more of the following circumstances:</p> <p>1° he or she is a contractor for or an agent or employee of limited partnership or a general partner;</p> <p>2° he or she acts as an officer or shareholder of a general partner which is a body corporate or an</p>	<p>des affaires de la société en commandite.</p> <p>Un associé commanditaire qui participe dans la gestion de l'entreprise commerciale ou des affaires de la société est responsable des dettes et obligations de la société en tant qu'associé commandité pour la période dans laquelle il a participé à la gestion de l'entreprise commerciale de la société.</p> <p>Un associé commanditaire n'est pas considéré comme ayant participé à la conduite ou à la gestion de l'entreprise commerciale ou des affaires de la société en commandite par raison uniquement d'une ou plusieurs des circonstances suivantes:</p> <p>1° il est un contractant, un représentant ou employé de la société en commandite ou un associé commandité;</p> <p>2° il agit en qualité d'agent ou d'actionnaire d'un associé commandité qui est une personne morale ou un</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>cy'ubucuruzi cyangwa ikindi kigo kidafite ubuzima gatozi;</p> <p>3° yatanze ibitekerezo cyangwa yatanze inama ku mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye zerekeye ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>4° yakoze iperereza, yasuzumye, yemeje akanatanga inama ku byerekeye konti y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>5° akoresheje uburenganzira n'ububasha by'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye buteganywa n'iri tegeko;</p> <p>6° yakoze nk'umwishingizi cyangwa nk'uwatanze ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bw'ingwate mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, muri rusange hakurikizwa inshingano zihariye;</p> <p>7° yemeje cyangwa yanze kwemeza impinduka mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi;</p>	<p>unincorporated body;</p> <p>3° he or she consults with and advises a general partner on business of limited partnership;</p> <p>4° he or she investigates, reviews, approves or is advised on account or affairs of limited partnership;</p> <p>5° he or she exercises any right or power conferred on limited partners under this Law;</p> <p>6° he or she acts as surety or guarantor or provides any other form of security for the limited partnership, generally or in respect of specific obligations;</p> <p>7° he or she approves or disapproves an amendment to the partnership agreement;</p>	<p>organisme sans personnalité juridique;</p> <p>3° il consulte et conseille un associé commandité pour l'entreprise commerciale ou des affaires de la société en commandite;</p> <p>4° il enquête, examine, approuve ou est conseillé pour le compte ou les affaires de la société en commandite;</p> <p>5° il exerce tout droit ou pouvoir conféré aux associés commanditaires en vertu de la présente loi;</p> <p>6° il agit comme caution ou garant ou fournit toute autre forme de garantie pour la société en commandite, généralement ou à l'égard d'obligations particulières;</p> <p>7° il approuve ou désapprouve une modification du contrat de société;</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>8° abitse icyemezo cy'iyandikwa ry'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>9° atanze ikirego mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye kugira ngo atangize ikurikirana ry'ikirego mu izina ry'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye iyo banze kubikora;</p> <p>10° ari mu kanama k'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, ashiraho, atora cyangwa agira uruhare mu guhitamo uhagarariye ubufatanye mu bucuruzi cyangwa undi muntu ujya muri ako kanama, akora nk'umwe mu bagize ako kanama, ku buryo buziguye cyangwa binyuze ku muhagarariye;</p> <p>11° atora, yemera, yemeza, yanga kwemeza cyangwa atanga uruhushya ku itora, ku kwemera cyangwa kwemeza nk'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye kuri kimwe mu bibazo bikurikira:</p> <p>a. ikusanywa n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye n'iseswa ryabwo;</p>	<p>8° he or she files a declaration on registration of a partnership;</p> <p>9° he or she brings an action on behalf of the limited partnership to institute proceedings on behalf of a partnership where the general partners refuse to do so;</p> <p>10° he or she serves on committee of the limited partnership, or appoints, elects or otherwise participates in the choice of a representative or another person to serve on any such committee, or acts as a member of any such committee, directly or through a representative;</p> <p>11° he or she votes, consents, approves, withholds or authorises any vote, consent or approval as a limited partner on any of the following matters:</p> <p>a. the dissolution and winding up of the limited partnership;</p>	<p>8° il dépose une déclaration d'enregistrement de la société;</p> <p>9° il intente une action au nom de la société en commandite pour engager une procédure au nom de la société lorsque les associés commandités refusent de le faire;</p> <p>10° il siège au comité de la société en commandite, ou nomme, élit ou participe d'une autre manière au choix d'un représentant ou d'une autre personne pour siéger à un tel comité, ou agit en tant que membre d'un tel comité, directement ou par l'intermédiaire d'un représentant;</p> <p>11° il vote, consent, approuve, retient ou autorise tout vote, consentement ou approbation en tant qu'associé commanditaire sur l'une des questions suivantes:</p> <p>a. la dissolution et la liquidation de la société en commandite;</p>
--	--	--

<p>b. iyegukana, igurisha, ihererekanya, igurana, ikodesha, igwatiriza, ingwate ku mutungo utimukanwa, gutanga ingwate ku kindi kintu cyose cyangwa ku mutungo wimukanwa bitanzwe cyangwa bikoze n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>c. ivuka ry'umwenda, ivugurura ry'uburyo bwo kwishyura cyangwa kwishyura umwenda uwo ari wo wose bikoze n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>d. igihindutse icyo ari cyo cyose mu miterere y'ubucuruzi, mu ntego no muri politiki by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa icyahindutse mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>e. kwinjira, kwirukana, gusezera cyangwa kwegura k'umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>f. igikorwa cyose cyateza igongana ry'inyungu iriho cyangwa ishobora kubaho hagati y'umufatanyabikorwa</p>	<p>b. the acquisition, sale, transfer, exchange, lease or pledge, mortgage, creation of a security interest charging of or other dealing with any property or assets by, or of the limited partnership;</p> <p>c. the incurrence, renewal repayment or discharge of any debt by limited partnership;</p> <p>d. any change in the nature of the business, objectives or policies of the limited partnership or a variation of the partnership agreement;</p> <p>e. the admission, removal, retirement or resignation of a partner in a limited partnership;</p> <p>f. any transaction in which a general partner has an actual or potential conflict of interest with one or</p>	<p>b. l'acquisition, la vente, le transfert, l'échange, la location ou la mise en gage, l'hypothèque, la constitution d'une sûreté réelle mobilière grevant tout autre bien ou élément d'actif ou de la société en commandite;</p> <p>c. la naissance, le renouvellement du remboursement ou le règlement de toute dette par la société en commandite;</p> <p>d. tout changement dans la nature de l'entreprise commerciale, les objectifs ou les politiques de la société en commandite ou une modification de l'accord de société;</p> <p>e. l'admission, la révocation, la retraite ou la démission d'un associé commanditaire et commandité;</p> <p>f. toute transaction dans laquelle un associé commandité a un conflit d'intérêts réel ou potentiel avec un ou</p>
--	---	---

<p>ufite uburyozwe budahinnye y'umwe cyangwa benshi mu bafatanyabikorwa bafite uburyoze buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p>Iyo umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye akoresheje uburenganzira, ububasha cyangwa akora umurimo utagaragara mu duce tumaze kuvugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, ntafatwa ku mpamvu y'ibyo gusa nk'uwagize uruhare mu micungire y'ubucuruzi n'ibikorwa by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye nk'uko bisobanuwe muri iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo ya 75: Inshingano z'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</u></p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye agomba:</p> <p>1° gukora nta buriganya ku bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye no kuri buri mufatanyabikorwa ku bireba ibibazo byose bifite ingaruka ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p>	<p>more of the limited partners.</p> <p>Where a limited partner exercises any right, power or function which is not set out in the sub items mentioned in Paragraph 4 of this Law, he or she shall not necessarily, by reason of that fact alone, be considered to have participated in the conduct or management of the business of the limited partnership within the meaning of this Article.</p> <p><u>Article 75: Duties of a general partner in a limited partnership</u></p> <p>A general partner in a limited partnership must:</p> <p>1° act in good faith towards the limited partnership and each of the partners in relation to any matter affecting the limited partnership;</p>	<p>plusieurs associés commanditaires.</p> <p>Lorsqu'un associé commanditaire exerce un droit, un pouvoir ou une fonction qui n'est pas énoncé aux sous points mentionnés à l'alinéa 4 du présent article, il ne doit pas nécessairement, pour ce seul fait, être réputé avoir participé à la conduite ou à la gestion des affaires de la société en commandite au sens du présent article.</p> <p><u>Article 75 : Obligation d'un associé commandité dans la société en commandite</u></p> <p>Un associé commandité dans la société en commandite doit :</p> <p>1° agir de bonne foi vis-à-vis la société en commandite, et chacun des associés en rapport avec toute question affectant la société en commandite;</p>
---	--	---

<p>2° gutanga amakuru yose ku bibazo byose bireba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye hakurikijwe ibiteganywa mu masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi ku mufatanyabikorwa uwo ari we wese cyangwa umuhagarariye cyangwa uwo yeguriye umusanzu we.</p> <p><u>Ingingo ya 76: Guhabwa inyungu no kugira uruhare mu kuziba icyuho cy’igihombo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</u></p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye afite uburenganzira bwo guhabwa ku nyungu z’ubwo bufatanye mu bucuruzi hashingiwe ku musanzu yatanze mu mari shingiro kandi akanagira inshingano yo kugira uruhare mu kuziba icyuho cy’igihombo ubwo bufatanye mu bucuruzi bugize byabonetse mu gihe yari umufatanyabikorwa muri ubwo bufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Icyakora umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye ntasabwa kugira uruhare mu kuziba icyuho cy’igihombo cy’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye burenze umusanzu we mu bufatanye.</p>	<p>2° provide true accounts and full information on all matters affecting the limited partnership in accordance with the terms of the partnership agreement to any partner or his or her personal representative or his or her assignee.</p> <p><u>Article 76: Sharing profits and losses among partners of the limited partnership</u></p> <p>A partner is entitled to share in the profits of the limited partnership and is liable to contribute towards the loss incurred by the limited partnership in equal proportions to their contributions in the capital. A partner is not entitled to share in the profits of the partnership, and is not liable to contribute to any losses incurred by the limited partnership before he or she became a partner.</p> <p>However, a limited partner is not liable to contribute to any losses of the limited partnership beyond his or her contribution to the capital of the limited partnership.</p>	<p>2° fournir de véritables comptes et informations complètes sur toutes les questions concernant la société en commandite conformément aux clauses du contrat de société à tout associé ou à son représentant personnel ou son cessionnaire.</p> <p><u>Article 76 : Partage des bénéfices et des pertes entre associés de la société en commandite</u></p> <p>L'associé a le droit de participer aux bénéfices de la société en commandite et est tenu de contribuer à ses pertes proportionnellement à son apport au capital. Un associé n'a pas droit à une part des bénéfices de la société en commandite et n'est pas tenu de contribuer aux pertes subies par la société en commandite avant qu'il ne devienne associé.</p> <p>Toutefois, l'associé commanditaire n'a pas l'obligation de contribuer aux pertes subies par la société en commandite au-delà de son apport au capital.</p>
--	---	--

<p>Umutungo usizwe n’umufatanyabikorwa igihe apfuye urebwa n’uburyozwe ku birebana n’imyenda yafashwe n’ubwo bufatanye mu bucuruzi ndetse ukanarebwa n’inshingano zaherereye kuri ubwo bufatanye mu bucuruzi nyuma y’uko uwo wari umufatanyabikorwa apfuye.</p> <p><u>Ingingo ya 77:</u> Ibihembo, amafaranga akoresheya n’uburyozwe bw’umuntu ku giti cye</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye ntashobora guhabwa ibihembo n’ubwo bufatanye ku bwo kugira uruhare mu bikorwa byabwo.</p> <p>Icyakora ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye busubiza umufatanyabikorwa amafaranga ye bwite yakoresheje mu bikorwa bisanzwe kandi bikwiye by’ubwo bufatanye mu bucuruzi cyangwa ayo yakoresheje mu bijyanye n’ikintu cyose gikozwe hagamijwe kubungabunga ibikorwa cyangwa umutungo by’ubwo bufatanye mu bucuruzi, ayo akoresheje mu kwishyura uburyozwe, yaba ari igice cyabwo cyangwa bwose, bumureba ku giti cye ariko bujyanye n’inshingano ireba ubwo bufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>The estate of a partner who dies is liable to debts and obligations incurred by the limited partnership after becoming a partner.</p> <p><u>Article 77:</u> Remuneration and reimbursement for payment made by a partner</p> <p>A partner is not entitled to any remuneration from the limited partnership for acting in the business of the partnership.</p> <p>However, a limited partnership reimburses any money claimed by a partner against the limited partnership due to the proper conduct of the partnership business or in connection with anything necessarily done for the preservation of the limited partnership business or property, to discharge the whole or a part of the partner’s personal liability for a limited partnership obligation or in reasonable settlement of an alleged personal liability for a limited partnership obligation.</p>	<p>La succession de l’associé décédé est responsable des dettes et obligations contractées par la société en commandite après qu’il est devenu associé.</p> <p><u>Article 77:</u> Rémunération et remboursement de paiements effectués par un associé</p> <p>Un associé de la société en commandite n’a pas droit à une rémunération provenant de cette société pour avoir participé dans la conduite de ses affaires.</p> <p>Toutefois, la société en commandite rembourse un associé pour les paiements qu’il a effectué dans la bonne conduite des affaires de la société en commandite ou dans le cadre de toute activité faite pour la préservation du commerce ou des biens de la société, pour décharger en tout ou en partie une responsabilité personnelle d’un associé pour une obligation de la société en commandite ou dans le règlement raisonnable d’une responsabilité personnelle alléguée pour une obligation de la société en commandite.</p>
---	--	---

<p>Ingingo ya 78: Ibikorwa by'abafatanyabikorwa bireba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p>	<p>Article 78: Acts of partners binding the limited partnership</p>	<p>Article 78 : Actes des associés engageant la société en commandite</p>
<p>Buri mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ni intumwa y'ubufatanye mu bucuruzi n'iy'abandi bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye mu bikorwa by'ubucuruzi bigamijwe n'ubucuruzi bikorwa n'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>Every general partner is an agent of the partnership and of his or her other partners for the purposes of the usual business of the partnership carried on by the partners.</p>	<p>Chaque associé commandité est un mandataire de la société et des autres associés aux fins de l'activité habituelle de la société menée par les associés.</p>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye n'undi mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye bitirirwa ibikorwa byakozwe n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu gihe yabikoze biri mu bikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>A limited partnership and every general partner are bound by acts done by a general partner while carrying on the activities of the limited partnership.</p>	<p>La société en commandite et tout associé commandité sont liés par les actes accomplis par un associé commandité pendant l'exercice des activités de la société en commandite.</p>
<p>Icyakora, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ntiburebwa n'ibikorwa by'umufatanyabikorwa iyo:</p>	<p>However, a limited partnership is not bound by actions of the partner if:</p>	<p>Toutefois, la société en commandite n'est pas liée par les actes d'un associé si :</p>
<p>1° umufatanyabikorwa adafite ububasha bwo gukora igikorwa mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p>	<p>1° the partner has no authority to act on behalf of the limited partnership;</p>	<p>1° l'associé n'a pas le pouvoir d'agir au nom de la société en commandite;</p>
<p>2° umuntu ukoranye igikorwa n'umufatanyabikorwa yari</p>	<p>2° the person with whom the partner is dealing has notice that the partner has</p>	<p>2° la personne avec qui l'associé traite a connaissance que l'associé n'a pas le</p>

<p>yaramenyeshewe ko uwo mufatanyabikorwa atabifitiye ububasha cyangwa uwo muntu atari azi cyangwa atemera ko uwo ari umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 79:</u> Agaciro k'inyandiko ifatwa nk'iyashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Inyandiko igira agaciro nk'iyashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye iyo:</p> <p>1° yashyizweho umukono n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye cyangwa undi muntu yabiherewe uburenganzira;</p> <p>2° igaragaza ko yashyizweho umukono mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p>	<p>no authority or does not know or believe him or her to be a partner in the limited partnership.</p> <p><u>Article 79:</u> Validity of a document signed by partners on behalf of the limited partnership</p> <p>A document is validly signed by a limited partnership if it is:</p> <p>1° signed by a general partner or any other person authorised to do so by the general partner;</p> <p>2° expressed to be signed on behalf of the limited partnership.</p>	<p>pouvoir ou ne sait pas ou ne croit pas être un associé commandité dans la société en commandite.</p> <p><u>Article 79 :</u> Validité d'un document signé par des associés au nom de la société en commandite</p> <p>Un document est valablement signé par la société en commandite si:</p> <p>1° il est signé par un associé commandité ou une autre personne autorisée à le faire par l'associé commandité;</p> <p>2° il est manifestement signé au nom de la société en commandite.</p>
--	--	---

<p><u>Icyiciro cya 4:</u> Uburyozwe bw'abafatanyabikowa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 80:</u> Uburyozwe bw'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ku bijyanye n'imyenda n'uburyozwe</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye agira uburyozwe burenze umusanzu yashyize mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p> <p>Buri mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye afatanya n'abandi bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye kuriha imyenda n'uburyozwe by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye byabayeho mu gihe uwo mufatanyabikorwa yari afite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Iyo umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ari umuntu ku giti cye, nyuma yo gupfa kwe, umutungo we na wo mu gihe cyo kuwucunga ukoreshwa mu kwishyura iyo hari imyenda n'uburyozwe bitishyuwe n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe</p>	<p><u>Section 4: Liability of partners in a limited partnership</u></p> <p><u>Article 80: Liability of a general partner in a limited partnership</u></p> <p>A general partner of the limited partnership has unlimited liability.</p> <p>Each general partner is jointly and severally liable with the other general partners for the unpaid debts and liabilities of the limited partnership incurred while that person was a general partner.</p> <p>The estate of a general partner who dies is liable to debts and obligations incurred by the limited partnership after becoming a partner.</p>	<p><u>Section 4 : Responsabilité des associés de la société en commandite</u></p> <p><u>Article 80 : Responsabilité d'un associé commandité dans la société en commandite</u></p> <p>Un associé commandité de la société en commandite a une responsabilité illimitée.</p> <p>Chaque associé commandité est conjointement et solidairement responsable avec les autres associés commandités pour les dettes de la société en commandite contractées pendant que cette personne était un associé commandité.</p> <p>La succession de l'associé commandité décédé est responsable des dettes et obligations contractées par l'associé commandité après qu'il soit devenu associé.</p>
---	---	---

<p>buhinnye n’ubudahinnye mu gihe uwo muntu yari umufatanyabikorwa wabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 81:</u> Uburyozwe bw’umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Uburyozwe bw’umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye bugarukira ku musanzu yatanze.</p> <p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye wakuye umusanzu we wose cyangwa igice cyawo yatanze mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, ariyozwa ku giti cye ibyo ubufatanye mu bucuruzi bugomba abandi byabayeho mu gihe yari akiri umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye, bishobora kuba birenze cyangwa bitarenze amafaranga yakuye mu bufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 82:</u> Uburyozwe bw’umuntu ku giti cye mu gihe kwishyura bidashoboka</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha rushobora, bisabwe n’Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda, umufatanyabikorwa cyangwa undi muntu ushinze ikusanya n’igabagabanya ry’umutungo w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye,</p>	<p><u>Article 81:</u> Liability of a limited partner</p> <p>A limited partner’s liability is limited to the contribution paid.</p> <p>A limited partner who, either directly or indirectly has withdrawn all or part of his or her capital contribution to the limited partnership, is personally liable for any limited partnership obligation incurred while he/she is a limited partner, which may or not exceed the amount drawn out by the limited partner.</p> <p><u>Article 82:</u> Individual liability in case of insolvency</p> <p>The competent court may, upon request by Registrar General, a creditor, a partner or any person conducting the winding up of the limited partnership, declare that a partner be personally liable for the debts of the limited partnership or part of such debts, in the way</p>	<p><u>Article 81 :</u> Responsabilité d’un associé commanditaire</p> <p>L’associé commanditaire ne supporte les dettes de la société qu’à concurrence de son apport au capital.</p> <p>Un associé commanditaire qui, directement ou indirectement, retire la totalité ou une partie de son apport au capital de la société en commandite est personnellement responsable de toute obligation de la société en commandite encourue pendant qu’il était un associé commanditaire, qui peut dépasser ou non le montant retiré par cet associé commanditaire.</p> <p><u>Article 82 :</u> Responsabilité individuelle en cas d’insolvabilité</p> <p>La juridiction compétente peut, à la demande du Registraire général, d’un créancier, d’un associé ou de toute personne qui effectue la liquidation de la société en commandite, déclarer qu’un associé soit personnellement responsable en tout ou en partie des dettes de</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>gutangaza ko umufatanyabikorwa ariyozwa ku giti cye imyenda y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa igice cyayo, mu buryo bugenwa n'urukiko rubifitiye ububasha, iyo umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye yagize uruhare rugaragara mu micungire yabwo kandi:</p> <p>1° yaragize uruhare mu gutuma ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye butabasha kwishyura imyenda yabwo;</p> <p>2° hari ibyo yayobeje cyangwa yabeshye umwe mu bafatanyabikorwa cyangwa uberewemo umwenda byatumye hatabaho kumenya imitungo ifatika, imyenda, amafaranga y'umukiriya cyangwa ibikoresho by'ishoramari by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>3° yabangamiye ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ku buryo bugaragara.</p>	<p>specified by the competent court, where a partner in the limited partnership has actively participated in its management and:</p> <p>1° has contributed to the inability of the limited partnership to pay its debts;</p> <p>2° has materially misled or deceived any partner or creditor or has resulted in substantial uncertainty as to the assets, liabilities, client money or investment instruments of the limited partnership;</p> <p>3° has substantially impeded the winding up of the limited partnership.</p>	<p>la société en commandite, selon la manière spécifiée par la juridiction compétente si un associé de la société en commandite a activement participé dans sa gestion et :</p> <p>1° a contribué à l'incapacité de la société en commandite à payer ses dettes;</p> <p>2° a substantiellement induit en erreur ou trompé un associé ou un créancier ou a entraîné une incertitude importante quant à l'actif, au passif, à l'argent d'un client ou aux instruments d'investissement de la société en commandite;</p> <p>3° a substantiellement entravé la liquidation de la société en commandite.</p>
---	--	---

<u>Icyiciro cya 5: Inyandiko n'ubugenzuzi</u>	<u>Section 5: Records and audit</u>	<u>Section 5 : Documents et audit</u>
<u>Ingingo ya 83: Ibaruramari</u>	<u>Article 83: Financial statements</u>	<u>Article 83 : États financiers</u>
<p>Umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye akora ku buryo:</p>	<p>A general partner of the limited partnership must ensure that:</p>	<p>L'associé commandité d'une société en commandite doit s'assurer que :</p>
<p>1° amakuru y'ibaruramari ry'ibikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye abikwa neza mu gihe cy'imyaka icumi (10);</p>	<p>1° accounting records of transactions affecting the limited partnership are kept properly within ten (10) years;</p>	<p>1° les livres comptables des transactions touchant la société en commandite sont correctement gardés pendant dix (10) ans;</p>
<p>2° inyandiko zose z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye zigagarizwa undi mufatanyabikorwa wese igihe abisabye.</p>	<p>2° records of the limited partnership are made available, on request, to any other partner.</p>	<p>2° les documents de la société en commandite sont mis à la disposition, sur demande, de tout autre associé.</p>
<p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y'ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bagomba kureba ko mu gihe kitarenga amezi atandatu (6) nyuma y'itariki y'ibaruramari, raporo z'ibaruramari zujuje ibisabwa byemewe mu mwuga w'ibaruramari, zifite itariki kandi zisinywe mu izina ry'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye n'abafatanyabikorwa</p>	<p>Subject to the limited partnership agreement, the general partners of a limited partnership must ensure that, within six (6) months after the balance date of the limited partnership, financial statements that comply with generally accepted accounting practices and dated and signed on behalf of the general partners by two (2) general partners of the limited partnership or, if the limited partnership has only one (1) general partner, by that general partner are filed with the Registrar General for registration.</p>	<p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, les associés commandités de la société en commandite doivent veiller à ce que, endéans six (6) mois suivant la date du bilan de la société en commandite, les états financiers conformes à la pratique comptable généralement reconnue, datés et signés au nom des associés commandités par deux (2) des associés commandités ou, si la société en commandite ne compte qu'un (1) associé commandité par cet associé, soient transmis au Registraire général pour l'enregistrement.</p>

<p>babiri (2) b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye mu gihe ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bufite umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye umwe (1) gusa, bigashyikirizwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo byandikwe.</p> <p><u>Ingingo ya 84: Gushyiraho umugenzuzi w'imari</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bushyiraho umugenzuzi w'imari kugira ngo agenzure raporo z'ibaruramari zabwo. Gushyiraho umugenzuzi w'imari bikorwa hakurikijwe amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Iyo umugenzuzi w'imari ashyizweho n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, igihembo cye kigenwa n'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye kandi umugenzuzi w'imari ashobora kwegura akoresheje inyandiko imenyeshya akayihabira abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye.</p> <p>Mu gukora igenzura, umugenzuzi w'imari agomba kubahiriza ibipimo ngenderwaho n'amabwiriza bikoreshwa mu igenzura.</p>	<p><u>Article 84: Appointment of an auditor</u></p> <p>A limited partnership appoints an auditor to audit its financial statement. The appointment of an auditor is done in accordance with the partnership agreement.</p> <p>Where an auditor is appointed by a limited partnership, his or her remuneration is determined by the general partners and the auditor may resign by giving notice in writing to the general partners.</p> <p>The auditor must, in carrying out an audit comply with all applicable auditing and assurance standards. The auditor's report</p>	<p><u>Article 84 : Nomination d'un auditeur</u></p> <p>Une société en commandite nomme un auditeur pour vérifier son état financier. La nomination d'un auditeur est effectuée conformément au contrat de société.</p> <p>Lorsqu'un auditeur est nommé par la société en commandite, sa rémunération est déterminée par les associés commandités et l'auditeur peut démissionner par avis écrit les associés commandités.</p> <p>Dans l'exécution de l'audit, l'auditeur doit se conformer à toutes les normes d'audit et d'assurance applicables. Le rapport de</p>
---	--	---

<p>Raporo y'umugenzuzi w'imari igomba kuba ikurikije ibipimo ngenderwaho n'amabwiriza bikoreshwa mu igenzura.</p> <p><u>Icyiciro cya 6:</u> Isenyuka, ikusanya n'igabagabanya by'umutungo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p><u>Ingingo ya 85:</u> Isenyuka, ikusanya n'igabagabanya by'umutungo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Isenyuka, ikusanya n'igabagabanya by'umutungo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bikorwa n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye keretse urukiko rubitegetse ukundi igihe ari ngombwa.</p> <p>Isenyuka, ikusanya n'igabagabanya by'umutungo mu bufatanye bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bikorwa nk'uko biteganywa mu gice cyerekeye ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p>	<p>must comply with the requirements of all applicable auditing and assurance standards.</p> <p><u>Section 6:</u> Breaking up, liquidation and dissolution of a limited partnership</p> <p><u>Article 85:</u> Breaking up, liquidation and dissolution of a limited partnership</p> <p>Breaking up, liquidation and dissolution of a limited partnership is carried out by a general partner unless otherwise decided by a court, if necessary.</p> <p>Breaking up, liquidation and dissolution of a limited partnership is carried out as provided in a section relating to general partnership.</p>	<p>l'auditeur doit se conformer aux exigences de toutes les normes d'audit et d'assurance applicables.</p> <p><u>Section 6 :</u> Cessation d'activité, liquidation et dissolution de la société en commandite</p> <p><u>Article 85 :</u> Cessation d'activité, liquidation et dissolution de la société en commandite</p> <p>La cessation d'activité, la liquidation et la dissolution de la société en commandite sont exécutées par un associé commandité, à moins que la juridiction n'en dispose autrement.</p> <p>La cessation d'activité, la liquidation et la dissolution sont effectués selon les dispositions de la section relative à la société en nom collectif.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 86:</u> Uburenganzira bw'abafatanyabikorwa ku mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye nyuma y'iseswa</p> <p>Buri mufatanyabikorwa afite uburenganzira bwo gutuma umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ukoreshwa mu kwishyura imyenda yabwo no kwishyurwa ku mutungo usigaye hagendewe ku byo bugomba abafatanyabikorwa hamaze gukurwamo ibyo abafatanyabikorwa bagomba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye.</p>	<p><u>Article 86:</u> Rights of partners to the limited partnership property upon dissolution</p> <p>Every partner is entitled to have the property of the limited partnership applied in payment of its debts and to have the surplus assets applied in payment of what is respectively due to the partners after deducting what they respectively owe to the limited partnership.</p>	<p><u>Article 86 :</u> Droits des associés sur les biens de la société en commandite après la dissolution</p> <p>Chaque associé a le droit de faire affecter les biens de la société en commandite au paiement de ses dettes et de faire affecter l'excédent des actifs au paiement de ce qui est respectivement dû aux associés après déduction de ce qu'ils doivent à la société en commandite.</p>
<p><u>Ingingo ya 87:</u> Isaranganya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Mu gihe cy'isenyuka n'ikusanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, umutungo usaranganywa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° ku baberewemo imyenda hishyurwa imyenda ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bubagomba;</p> <p>2° ku bafatanyabikorwa bafite uburyozwe buhinnye basubizwa umusanzu batanze,</p>	<p><u>Article 87:</u> Distribution of assets of a limited partnership</p> <p>Upon break up and liquidation of a limited partnership, its assets are distributed in the following order:</p> <p>1° to creditors in satisfaction of debts of the limited partnership;</p> <p>2° to limited partners for the return of their contributions or where</p>	<p><u>Article 87 :</u> Distribution des actifs de la société en commandite</p> <p>Lors de la cessation d'activité et liquidation de la société en commandite, la distribution de ses actifs est faite selon l'ordre suivant :</p> <p>1° aux créanciers en règlement des dettes de la société en commandite;</p> <p>2° aux associés commanditaires pour le retour de leurs contributions ou le cas</p>

<p>cyangwa iyo bikwiye, bakurwaho inshingano yo kugira umusanu batanga;</p> <p>3° ku bafatanyabikorwa bafite uburyozwe buhinnye, hishyurwa inyungu z’umusanu wabo mu mari shingiro ;</p> <p>4° ku bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye, bishyurwa iyo atari ibijyanye n’imari shingiro n’inyungu;</p> <p>5° ku bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye, bishyurwa ku bijyanye n’imari shingiro;</p> <p>6° ku bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye bishyurwa ku bijyanye n’inyungu.</p>	<p>appropriate for the release of their obligations to make contributions;</p> <p>3° to limited partners for their share of the profits on their contributions;</p> <p>4° to general partners other than for capital and profits;</p> <p>5° to general partners in respect of capital;</p> <p>6° to general partners in respect of profits, if any;</p>	<p>échéant, pour la libération de leurs obligations de donner des apports au capital;</p> <p>3° aux associés commanditaires pour leur part des bénéfices sur leurs apports au capital;</p> <p>4° aux associés commandités autres que le capital et les bénéfices;</p> <p>5° aux associés commandités en rapport avec le capital;</p> <p>6° aux associés commandités en ce qui concerne les bénéfices.</p>
<p><u>Icyiciro cya 7: Gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</u></p>	<p><u>Section 7: Dissolution of a limited partnership</u></p>	<p><u>Section 7 : Dissolution de la société en commandite</u></p>
<p><u>Ingingo ya 88: Impamvu zo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye</u></p>	<p><u>Article 88: Grounds for dissolution of a limited partnership</u></p>	<p><u>Article 88 : Causes de dissolution de la société en commandite</u></p>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye buseswa iyo:</p>	<p>A limited partnership is dissolved if:</p>	<p>La société en commandite est dissoute lorsque:</p>
<p>1° habaye impamvu iyo ari yo yose</p>	<p>1° there is any of the events specified in</p>	<p>1° il y a la survenance d’un événement</p>

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>yateganyijwe mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi nk'imbarutso y'iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p>	<p>the partnership agreement that triggers dissolution of the limited partnership;</p>	<p>spécifié dans le contrat de société en commandite qui déclenche la dissolution de la société en commandite;</p>
<p>2° igihe cyayo cyo kubaho kirangiye, keretse iyo inyandiko isaba gukomeza ishyikirijwe Umwanditsi Mukuru mu gihe kitari muni y'iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko icyo gihe kigera;</p>	<p>2° the expiration of its fixed duration is due, unless notice of its continuance is filed with the Registrar General not less than fifteen (15) days before the date of expiration;</p>	<p>2° l'expiration de sa durée déterminée est due, à moins que l'avis de sa prolongation ne soit déposé auprès du Registraire général au moins quinze (15) jours avant la date d'expiration;</p>
<p>3° abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye bemeranyije ku bwiganze ko basesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, iyo nta gihe cyo kubaho cy'ubufatanye mu bucuruzi cyagenwe;</p>	<p>3° the general partners agree by majority to dissolve the limited partnership in case no duration is of its existence was fixed;</p>	<p>3° les associés commandités conviennent à la majorité de dissoudre la société en commandite si aucune durée d'existence de société n'est fixée;</p>
<p>4° umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye apfuye, nta bushobozi mu rwego rw'amategeko agifite, yeguye, yirukanwe cyangwa agize igihombo iyo ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bufite umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye umwe (1);</p>	<p>4° the general partner dies, is legally incapacitated, retired, removed or bankrupt in case the limited partnership has only one (1) general partner;</p>	<p>4° l'associé commandité décède, est légalement incapable, démis, renvoyé ou tombe en faillite au cas où la société en commandite n'a qu'un (1) seul associé;</p>
<p>5° iseswa rikozwe n'urukiko rubifitiye ububasha cyangwa urukiko rubifitiye ububasha rutegetse ko ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p>	<p>5° the dissolution is ordered by the competent court or if the competent court orders deletion of the limited partnership from the register of</p>	<p>5° la dissolution est ordonnée par la juridiction compétente ou si la juridiction compétente ordonne la radiation de la société en commandite</p>

<p>n'ubudahinnye busibwa mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 89:</u> Gusaba urukiko gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka ko ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye buseswa bisabwe n'umubafatanyabikorwa wese, uberewemo umwenda cyangwa Umwanditsi Mukuru iyo rubona ko:</p> <p>1° bitagishoboka ko ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye bukora ubucuruzi mu buryo bujyanye n'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi ;</p> <p>2° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye butagishoboye kwishyura imyenda;</p> <p>3° imikorere y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ishobora gutuma ababerewemo umwenda bariganywa, baba ab'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa undi muntu cyangwa bukora mu buryo bunyuranyije n'amategeko;</p>	<p>limited partnerships.</p> <p><u>Article 89:</u> Requesting the court to dissolve a limited partnership</p> <p>The competent court may order the dissolution of a limited partnership on the application of any partner, creditor or Registrar General, where in its opinion:</p> <p>1° it is not reasonably practicable for the limited partnership to carry on its business in conformity with the partnership agreement;</p> <p>2° the limited partnership is insolvent;</p> <p>3° the affairs of the limited partnership are being conducted in such a way as to defraud creditors, whether of the limited partnership or of any other person or in an unlawful manner;</p>	<p>du registre des sociétés.</p> <p><u>Article 89 :</u> Demander à la juridiction de dissoudre une société en commandite</p> <p>La juridiction compétente peut ordonner la dissolution de la société en commandite sur la demande de tout associé, du créancier ou du Registraire général, lorsque elle estime que:</p> <p>1° il n'est pas raisonnablement possible pour la société en commandite d'exercer son entreprise commerciale conformément aux termes du contrat de société;</p> <p>2° la société en commandite est insolvable;</p> <p>3° les affaires de la société en commandite sont frauduleusement menées à l'encontre des créanciers, que ce soit ceux de la société en commandite ou de toute autre personne ou de manière illégale;</p>
---	--	---

<p>4° hakomeje kubaho amakosa y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye cyangwa ay’umufatanyabikorwa wabwo ufite uburyozwe budahinnye yo kutubahiriza ibisabwa muri iri itegeko;</p> <p>5° abantu bafitanye isano n’ishingwa n’imicungire by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye barakoze uburiganya cyangwa barangwa n’indi myitwarire mibi iyo ari yo yose irebana n’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye cyangwa uwo ari we wese mu bafatanyabikorwa bayo.</p> <p>Iyo urukiko rubifitiye ububasha rufashe icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye, rushobora kandi iyo rubona ari ngombwa, gushyiraho ushinzwe ikusanya n’igabagabanya by’umutungo umwe cyangwa benshi kugira ngo basoze ibikorwa by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye no gusaranganya umutungo wabwo.</p> <p>Iyo ushinzwe ikusanya n’igabagabanya ry’umutungo amaze gushyirwaho, ububasha bwose bw’abafatanyabikorwa bafite</p>	<p>4° there has been persistent default by the limited partnership or by its general partner in complying with the requirements or conditions under this Law;</p> <p>5° persons connected with the formation or management of the limited partnership committed fraud or are characterized by any other misconduct in relation to the limited partnership or any of its partners.</p> <p>In case the competent court takes a decision to dissolve the limited partnership, it may also if it considers it appropriate, appoint one or more liquidators to wind up the affairs of the limited partnership and distribute its assets.</p> <p>In case a liquidator is appointed, all powers of the general partners cease.</p>	<p>4° il y a eu un défaut persistant de la société en commandite ou de son associé dans le respect des exigences ou des conditions prévues par la présente loi;</p> <p>5° les personnes liées à la création ou à la gestion de la société en commandite ont commis une fraude ou sont caractérisées par toute autre comportement illégal par rapport à la société en commandite ou à n’importe qui de ses associés.</p> <p>Dans le cas où la juridiction compétente prend la décision de dissoudre la société en commandite, elle peut également, si elle le juge approprié, nommer un ou plusieurs liquidateurs pour liquider les affaires de la société en commandite et distribuer ses actifs.</p> <p>Lorsqu’un liquidateur est nommé, tous les pouvoirs des associés commandités cessent.</p>
---	---	---

<p>uburyozwe budahinnye burahagarara.</p> <p><u>Ingingo ya 90:</u> Ingaruka z'icyemezo cy'urukiko cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye</p> <p>Iyo urukiko rufashe icyemezo cyo gusesa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye hakorwa ibi bikurikira:</p> <p>1° guhagarika ibikorwa keretse iyo bibaye ngombwa mu nyungu zo gukusanya no gusaranganya umutungo;</p> <p>2° gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwari ry'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>3° gushyiraho umuntu ukora ibikorwa byo gukusanya no kugabagabanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye, mu izina ryabwo no mu nyungu zabwo, atanga umutungo wabwo akawugurisha;</p> <p>4° gushyiraho umuntu ukora ibikorwa byo gukusanya no kugabagabanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye mu izina ryabwo no mu nyungu zabwo,</p>	<p><u>Article 90:</u> Effects of court's decision to dissolve a limited partnership</p> <p>In case a court decides to dissolve a limited partnership the following take place:</p> <p>1° the partnership ceases to carry on business except to the extent necessary for the interest of dissolution and liquidation;</p> <p>2° the certificate of partnership registration ceases to be valid;</p> <p>3° appointment of a person winding up the limited partnership in its name and on its behalf disposes of its property and realising its assets;</p> <p>4° appointment of a person winding up the limited partnership, in the name of and on behalf of the limited partnership discharging its debts and distributing to the partners their</p>	<p><u>Article 90:</u> Effets de la décision d'une juridiction de dissoudre la société en commandite</p> <p>Si la juridiction décide de dissoudre la société en commandite, il est procédé à ce qui suit :</p> <p>1° la société cesse d'exercer son activité sauf dans la mesure nécessaire aux fins de la liquidation et dissolution;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement de la société devient invalide;</p> <p>3° nommer une personne qui exécute la liquidation de la société en commandite en son nom et pour son compte, dispose de ses biens et réalise ses actifs;</p> <p>4° nommer une personne qui exécute la liquidation de la société en commandite en son nom et pour son compte, qui paie ses dettes et distribue aux associés leurs actifs restants.</p>
--	--	--

<p>yishyura imyenda yabwo kandi akagabagabanya abafatanyabikorwa umutungo wabwo usigaye.</p> <p>UMUTWE WA V: UBUFATANYE MU BUCURUZI BUFINTE UBURYOZWE BUHINNYE</p> <p>Icyiciro cya mbere: Imiterere y’ubufatanye mu bucuruzi bufinite uburyozwe buhinnye</p> <p>Ingingo ya 91: Ibiranga ubufatanye mu bucuruzi bufinite uburyozwe buhinnye</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufinite uburyozwe buhinnye burangwa ni ibi bikurikira :</p> <p>1° kuba ari ikigo cy’ubucuruzi gishyirwaho hashingiwe ku masezerano y’ubufatanye mu bucuruzi hagati y’abafatanyabikorwa ubwabo cyangwa hagati y’ubufatanye mu bucuruzi n’umufatanyabikorwa kandi cyandikwa hakurikijwe iri tegeko;</p> <p>2° kuba ari ikigo gifite ubuzimagatozi butandukanye n’ubw’abafatanyabikorwa bacyo;</p> <p>3° kuba bushobora kugira imitungo yanditse itandukanye n’iy’abafatanyabikorwa;</p>	<p>remaining assets.</p> <p>CHAPTER V: LIMITED LIABILITY PARTNERSHIP</p> <p>Section One: Nature and capacity of a limited liability partnership</p> <p>Article 91: Nature of a limited liability partnership</p> <p>A limited liability partnership has the following characteristics:</p> <p>1° a body corporate with legal personality established based on agreement between partners or between a limited liability partnership and partners which is registered in accordance with the law;</p> <p>2° to be a body corporate with legal personalities separate from their partners’;</p> <p>3° it has the capacity to own assets different from those of the partners and registered in its name;</p>	<p>CHAPITRE V: SOCIÉTÉ À RESPONSABILITÉ LIMITÉE</p> <p>Section première : Nature et capacité d’une société à responsabilité limitée</p> <p>Article 91: Nature d’une société à responsabilité limitée</p> <p>La société à responsabilité limitée est caractérisée par :</p> <p>1° être une entité dotée de la personnalité juridique établie sur la base d’un contrat de société entre les associés ou entre la société et les associés et qui doit être enregistrée conformément à la présente loi;</p> <p>2° être une personne morale dotée de la personnalité juridique distincte de ses associés ;</p> <p>3° la capacité de posséder des biens différents de ceux des associés enregistrés en son nom ;</p>
--	---	---

<p>4° kuba uburyozwe bw'abafatanyabikorwa bugarukira ku musanzu wabo mu mari shingiro;</p> <p>5° kuba uburenganzira n'inshingano by'abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bigenwa n'amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 92: Ibisabwa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugomba kuba bugizwe nibura n'abafatanyabikorwa babiri (2).</p> <p>Umuntu cyangwa ikigo cy'ubucuruzi gifite ubuzimagatozi bishobora kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Mu gihe umubare w'abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ugabanutse ukagera muni ya babiri (2), ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bushobora gukomeza ubucuruzi mu gihe kitarenga amezi atandatu (6). icyo gihe, umuntu usigaye ari umufatanyabikorwa wenyine w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ariyozwa ku giti cye inshingano ubufatanye mu bucuruzi bufite</p>	<p>4° the liability of the partners is limited to their contribution to the capital of the limited liability partnership;</p> <p>5° the rights and responsibilities of the partners in the partnership are determined by the partnership agreement or by this law.</p> <p><u>Article 92: Requirements for establishing a limited liability partnership</u></p> <p>A limited liability partnership must have at least two (2) partners.</p> <p>An individual or body corporate may be a partner in a limited liability partnership.</p> <p>In case the number of partners of a limited liability partnership is reduced below two (2), the limited liability partnership can carry on business in a period not exceeding six (6) months. In this instance, the sole partner of the limited liability partnership is liable personally for the obligations of the limited liability partnership incurred during that period.</p>	<p>4° la responsabilité des associés est limitée à leur apport au capital;</p> <p>5° les droits et responsabilités des associés dans la société sont déterminés par le contrat de société ou par la présente loi.</p> <p><u>Article 92: Conditions requises pour former une société à responsabilité limitée</u></p> <p>La société à responsabilité limitée doit avoir au moins deux (2) associés.</p> <p>Une personne physique ou morale peut être un associé d'une société à responsabilité limitée.</p> <p>Lorsque le nombre des associés d'une société à responsabilité limitée est réduit à moins de deux (2), la société à responsabilité limitée exerce son entreprise dans un délai n'excédant pas six (6) mois. Dans ce cas, la personne qui est le seul associé d'une société à responsabilité limitée est personnellement responsable des obligations de la société à responsabilité limitée engagées pendant cette période.</p>
--	---	--

<p>uburyozwe buhinnye bwagize muri icyo gihe.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p><u>Ingingo ya 93:</u> Kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bwandikwa n'Umwanditsi Mukuru. Mu iyandikwa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, abafatanyabikorwa bandikishije amazina yabo ku nyandiko y'ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi ni abafatanyabikorwa babwo.</p> <p><u>Ingingo ya 94:</u> Kwemererwa kuba umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi ashobora kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye iyo abafatanyabikorwa basanzwemo bose babyemeye, uretse iyo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi abiteganyanya ukundi. Ukwinjira mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bikorwa umufatanyabikorwa mu bufatanye mu</p>	<p><u>Section 2:</u> Partners of limited liability partnership</p> <p><u>Article 93:</u> Being a partner in a limited liability partnership</p> <p>The registration of a limited liability partnership is done by the Registrar General. Persons who subscribed their names to the incorporation document statement of the limited liability partnership are its partners.</p> <p><u>Article 94:</u> Acceptance of a new partner in a limited liability partnership</p> <p>An individual or a body corporate may be a partner in a limited liability partnership upon acceptance of all existing partners, unless the partnership agreement provides otherwise. A new partner in a limited liability partnership must sign a written consent to become a partner in a limited liability partnership.</p>	<p><u>Section 2:</u> Associés d'une société à responsabilité limitée</p> <p><u>Article 93:</u> Être associé dans une société à responsabilité limitée</p> <p>L'enregistrement d'une société à responsabilité limitée est effectué par Registraire général. Les personnes qui ont souscrit leurs noms au document constitutif d'une société à responsabilité limitée sont ses associés.</p> <p><u>Article 94:</u> Acceptation d'un nouvel associé d'une société à responsabilité limitée</p> <p>Une personne physique ou morale peut être associée d'une société à responsabilité limitée après acceptation de tous les associés existants, à moins que le contrat de société n'en dispose autrement. L'entrée dans une société à responsabilité limitée est faite par la signature du document d'acceptation par le nouvel associé.</p>
--	---	--

<p>bucuruzi mushya ashira umukono ku nyandiko yo kwemera.</p> <p>Umufatanyabikorwa mushya mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye yandikishwa n’umuyobozi w’ubufatanye mu bucuruzi mu biro by’Umwanditsi Mukuru amaze kubona inyandiko yo kwemera kuba umufatanyabikorwa mushya.</p> <p><u>Ingingo ya 95: Isano hagati y’abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p>Uretse iyo biteganyijwe ukundi muri iri tegeko, uburenganzira buhuriweho n’ishingano by’abafatanyabikorwa b’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bigengwa n’amasezerano hagati y’abafatanyabikorwa.</p> <p>Amasezerano akozwe mbere y’ishingwa ry’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye hagati y’abafatanyabikorwa bandikishije amazina yabo ku nyandiko y’ishingwa, ashobora gutegeka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ko atangira gukurikizwa igihe icyo ari cyo cyose nyuma y’iyandikishwa ryayo.</p> <p>Mu gihe hari ibidateganyijwe mu masezerano, uburenganzira buhuriweho n’ishingano</p>	<p>The manager of a limited liability partnership, after obtaining the written consent of the new partner, causes the new partner to be registered by the Office of the Registrar General.</p> <p><u>Article 95: Relationship between partners in a limited liability partnership</u></p> <p>Except provided otherwise by this Law, the mutual rights and duties of partners of a limited liability partnership are governed by agreement between partners.</p> <p>An agreement made before the incorporation of a limited liability partnership between the persons who subscribe their names to the incorporation document may impose obligations on the limited liability partnership, to take effect at any time after its registration.</p> <p>In case of silence of the agreement, the mutual rights and duties of the partners are</p>	<p>Le gérant d'une société à responsabilité limitée fait enregistrer un nouvel associé auprès du bureau du Registraire général après avoir obtenu le consentement écrit du nouvel associé.</p> <p><u>Article 95: Relations entre les associés d'une société à responsabilité limitée</u></p> <p>Sauf les dispositions contraires de la présente loi, les droits et obligations mutuels des associés d'une société à responsabilité limitée sont régis par un accord entre les associés.</p> <p>Un accord conclu avant la constitution d'une société à responsabilité limitée entre les personnes qui souscrivent leurs noms au document constitutif peut imposer des obligations à la société à responsabilité limitée, qui prennent effet à tout moment après son enregistrement.</p> <p>En cas de silence du contrat de société, les droits et obligations mutuels des associés sont</p>
--	--	---

<p>by'abafatanyabikorwa bigenwa n'iri tegeko.</p> <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Imari shingiro, uburenganzira n'inshingano by'abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p><u>Ingingo va 96:</u> Umusanzu w'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Umusanzu w'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ushobora kugirwa n'umutungo ufatika cyangwa udafatika, umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa cyangwa ibindi byagererwa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye harimo amafaranga, impapuro mpeshabwishyu kimwe n'amasezerano yo gutanga amafaranga cyangwa umutungo n'amasezerano ya serivisi zakozwe cyangwa zizakorwa.</p> <p>Inshingano y'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi yo gutanga umusanzu mu mafaranga cyangwa umutungo cyangwa ibindi byagererwa cyangwa gukora serivisi z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bikorwa nk'uko amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi abiteganyaga.</p> <p>Agaciro mu mafaranga k'umusanzu wa buri</p>	<p>determined by the provisions of this Law.</p> <p><u>Section 3:</u> Capital contribution, rights and duties of a partner in a limited liability partnership</p> <p><u>Article 96:</u> Contribution of a partner in a limited liability partnership</p> <p>The contribution of a business partner to a partnership can be made with tangible or intangible assets, movable or immovable property or any other benefit to limited liability partnership including money, receipts as well as a money transfer agreement or property and a service agreement made or will be made.</p> <p>The responsibility of a business partner in a partnership to contribute in money or property or other purposes or to perform services in limited liability partnership is carried out in accordance with the terms of the partnership agreement.</p> <p>The value of the contribution of each partner</p>	<p>déterminés conformément aux dispositions de la présente loi.</p> <p><u>Section 3:</u> Apport au capital, droits et attributions d'un associé d'une société à responsabilité limitée</p> <p><u>Article 96:</u> Apport au capital d'un associé dans une société à responsabilité limitée</p> <p>L'apport au capital d'un associé à la société à responsabilité limitée peut être constitué des biens corporels ou incorporels, un bien mobilier ou immobilier ou tout autre avantage à une société à responsabilité limitée, y compris de l'argent, des reçus ainsi qu'un contrat de transfert d'argent ou un contrat de biens et de services rendus ou à rendre.</p> <p>La responsabilité d'un associé dans la société d'apporter une contribution en argent ou en propriété ou à d'autres fins ou de fournir des services à la société à responsabilité limitée est exercée conformément aux termes du contrat de société.</p> <p>La valeur de l'apport de chaque associé dans la</p>
---	--	--

<p>mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi kabarwa kandi bikerekanwa mu makonti y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye mu buryo bwagenwe.</p> <p>Abafatanyabikorwa bose b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bemerewe kugabana inyungu, igihombo n'imari shingiro hakurikijwe amasezerano yabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 97: Uburenganzira bwo kugira uruhare mu bucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ashobora kugira uruhare mu miyoborere y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Ku mpamvu z'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye buri mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ni intumwa y'ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye ariko si intumwa y'abandi bafatanyabikorwa.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, nta mufatanyabikorwa ushobora guhemberwa ko yagize ibyo akora mu bucuruzi cyangwa mu micungire</p>	<p>in the partnership is calculated and reflected in the accounts of the partnership in the business with the limited liability in the prescribed manner.</p> <p>All partners of a limited liability partnership are allowed to share profits, losses and capital in accordance with the related agreement.</p> <p><u>Article 97: Right to take part in the business of the limited liability partnership</u></p> <p>A partner may take part in the management of the limited liability partnership.</p> <p>For the purpose of the business of the limited liability partnership, each partner is the agent of the limited liability partnership, but not of other partners.</p> <p>Subject to the partnership agreement, no partner is entitled to remuneration for acting in the business or management of the limited liability partnership.</p>	<p>société est calculée et reflétée dans les comptes de la société à responsabilité limitée de la manière prescrite.</p> <p>Tous les associés de la société à responsabilité limitée ont le droit au partage des bénéfices, des pertes et du capital conformément au contrat y relatif.</p> <p><u>Article 97: Droit de prendre part dans la gestion des affaires de la société à responsabilité limitée</u></p> <p>Un associé peut prendre part à la gestion des affaires de la société à responsabilité limitée.</p> <p>Aux fins de l'entreprise commerciale de la société à responsabilité limitée, chaque associé est mandataire de la société à responsabilité limitée, mais n'est pas mandataire d'autres associés.</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, aucun associé n'a droit à une rémunération pour sa participation dans la conduite de l'entreprise commerciale ou la gestion des affaires de la société à</p>
--	--	--

<p>by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 98:</u> Inshingano yo kwerekana ishusho y'ibyacunzwe no gutanga amakuru</p> <p>Buri mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi agomba kwerekana ishusho nyakuri y'ibyo acunga no gutanga amakuru yafasha mu migendekere myiza y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ku bintu byose bifite ingaruka ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ku mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi cyangwa abamuhagarariye bemewe n'amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 99:</u> Uburenganzira bwo guhererekanya umusanzu ku mari shingiro</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye afite uburenganzira bwo guhererekanya umusanzu ku mari shingiro cyangwa igice cyawo. Amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi ateganya uko bikorwa.</p> <p>Kugira ngo uwahawe umusanzu wose ku mari shingiro cyangwa uwahawe igice cy'umusanzu ku mari shingiro abe umufatanyabikorwa mu bufatanye mu</p>	<p><u>Article 98:</u> Duty of disclosure of state of affairs and provide information</p> <p>Each partner or his or her representative in a partnership must render true accounts and provide full information that will help in the smooth running of the business of a limited liability partnership and inform to any partner or his or her legal representatives all factors that affect the limited liability partnership.</p> <p><u>Article 99:</u> Right to transfer capital contributions</p> <p>A partner in a limited liability partnership has the right to transfer whole or part of the ownership of its capital contribution to other individual person or body corporate. The partnership agreement provides for the modalities of that transfer.</p> <p>In order for the beneficiary of whole or part of the contributions to the capital to become a partner in a limited liability partnership must be approved by existing partners in the</p>	<p>responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 98:</u> Obligation de rendre des comptes exacts et donner des informations complètes</p> <p>Chaque associé ou son représentant dans une société de personnes doit rendre compte de la situation réelle de sa gestion et fournir des informations complètes qui aident au bon fonctionnement de l'activité commerciale d'une société à responsabilité limitée et informer tout associé ou ses représentants légaux de tous les facteurs qui affectent la société à responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 99:</u> Droit de transférer les apports au capital</p> <p>Un associé d'une société à responsabilité limitée a le droit de transférer une partie ou la totalité de son apport au capital. Le contrat de société prévoit les modalités de ce transfert.</p> <p>Pour devenir associé d'une société à responsabilité limitée, le bénéficiaire de tout ou partie de l'apport au capital doit obtenir l'approbation des associés déjà existants.</p>
--	--	---

<p>bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye agomba kwemererwa n’abandi bafatanyabikorwa basanzwe mu bufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 100: Guhererekanya inyungu z’umufatanyabikorwa</u></p> <p>Umufatanyabikorwa ashobora gutanga uburenganzira ku nyungu n’igihombo by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’uburenganzira bwe bwo kubona ku mutungo w’ubufatanye mu bucuruzi harimo amafaranga agenewe umufatanyabikorwa n’iby’igihe yamaze ari umufatanyabikorwa w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Gutanga uburenganzira ntibituma umufatanyabikorwa ahagarika kuba umufatanyabikorwa w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Gutanga uburenganzira bw’umufatanyabikorwa bivugwa muri iyi ngingo ntibishobora ubwabyo guha uweguriwe uburenganzira bwo kugira uruhare mu micungire cyangwa gukora ibikorwa by’ubufatanye mu bucuruzi bushingiye ku buryozwe buhinnye cyangwa kubona amakuru areba ibikorwa by’ubucuruzi bw’ubufatanye mu bucuruzi bushingiye ku buryozwe buhinnye.</p>	<p>partnership.</p> <p><u>Article 100: Transfer of interest of a partner</u></p> <p>A partner may transfer whole or part the partner’s share of the profits and losses of the limited liability partnership and the partner’s right to receive distributions of a limited liability partnership property, including any sum due to a partner and for the time as a partner of a limited liability partnership.</p> <p>The transfer of right does not cause the partner to cease from being a partner of a limited liability partnership.</p> <p>The transfer of a partner’s right under this Article does not by itself entitle the transferee to participate in the management or conduct of the activities of the limited liability partnership or access information concerning the transactions of the limited liability partnership.</p>	<p><u>Article 100: Transfert d’intérêt d’un associé</u></p> <p>Un associé peut transférer en tout ou en partie sa part aux intérêts et pertes de la société à responsabilité limitée ainsi que ses droits sur les biens de la société à responsabilité limitée, y compris toute somme due à l’associé et pour la période de son appartenance à la société à responsabilité limitée.</p> <p>Le transfert d’un droit en soi n’implique pas que l’associé cesse d’être associé de la société à responsabilité limitée.</p> <p>Le transfert d’un droit d’un associé en vertu du présent article ne permet pas, lui seul, au cessionnaire de participer à la gestion ou à la conduite des activités de la société à responsabilité limitée ou d’accéder à des informations relatives aux opérations commerciales de la société à responsabilité limitée.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 101:</u> Uburenganzira n'inshingano by'umufatanyabikorwa mu gikorwa cy'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Umufatanyabikorwa ashobora kuguriza amafaranga akanakorana ibindi bikorwa n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye kandi icyo gihe umufatanyabikorwa aba afite uburenganzira n'inshingano ku bijyanye n'inguzanyo cyangwa ibindi bikorwa nk'umuntu utari umufatanyabikorwa.</p> <p><u>Icyiciro cya 4:</u> Uburyozwe bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p><u>Ingingo ya 102:</u> Aho uburyozwe bw'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugarukira</p> <p>Uburyozwe bw'umufatanyabikorwa w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugarukira kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° umufatanyabikorwa ntaryozwa ku giti cye ku buryo butaziguye cyangwa buziguye inshingano z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye hashingiwe gusa ko ari umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi wabwo;</p>	<p><u>Article 101:</u> Rights and obligations of a partner in the business of a limited liability partnership</p> <p>The partner may lend money and engage in business with a limited liability partnerships and in that case the partner has rights and obligations with respect to the loan or other activities as a non-partner.</p> <p><u>Section 4:</u> Liability of a limited liability partnership</p> <p><u>Article 102:</u> Extent of liability of a partner in a limited liability partnership</p> <p>The liability of a partner in a limited liability partnership is limited as follows:</p> <p>1° a partner is not liable individually, directly or indirectly for the obligations of a limited liability partnership solely on the grounds that he or she is a partner in the partnership;</p>	<p><u>Article 101:</u> Droits et obligations d'un associé dans l'entreprise commerciale de la société à responsabilité limitée</p> <p>L'associé peut prêter de l'argent et s'engager dans une entreprise commerciale avec la société à responsabilité limitée et, dans ce cas, il a des droits et obligations en ce qui concerne le prêt ou d'autres activités en tant qu'un non-associé.</p> <p><u>Section 4 :</u> Responsabilité de la société à responsabilité limitée</p> <p><u>Article 102:</u> Étendue de la responsabilité d'un associé de la société à responsabilité limitée</p> <p>La responsabilité d'un associé d'une société à responsabilité limitée se limite comme suit :</p> <p>1° un associé n'est pas tenu responsable individuellement, directement ou indirectement des obligations d'une société à responsabilité limitée au seul motif qu'il est un associé de cette société.</p>
---	---	---

<p>2° umufatanyabikorwa aryoze ku giti cye amakosa yakoze cyangwa kudakora igitegetswe, ariko ntaryozwa igikorwa kitari cyo cyangwa kudakora igitegetswe byakozwe n’undi mufatanyabikorwa w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>3° inshingano y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye yaba ikomoka ku masezerano cyangwa ahandi igomba gusa kuba inshingano y’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye;</p> <p>4° ibiryoze ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bigomba gukurwa mu mutungo wabwo.</p> <p><u>Icyiciro cya 5: Ubuyobozi n’inyandiko by’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 103: Umuyobozi w’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugira umuyobozi nibura umwe (1) utuye mu Rwanda, kandi utarigeze ahomba, ushoboye gukora kandi udafite ubumuga bw’umubiri cyangwa bwo mu mutwe byatuma adakora, byemejwe na muganga wemewe na</p>	<p>2° a partner is personally liable for his or her wrongful act or omission but he or she is not liable for the wrongful act or omission of another partner of the limited liability partnership;</p> <p>3° an obligation of a limited liability partnership whether arising from an agreement or otherwise, must be solely the obligation of the limited liability partnership;</p> <p>4° the liabilities of a limited liability partnership must be settled from its property.</p> <p><u>Section 5: Management and documents of a limited liability in partnership</u></p> <p><u>Article 103: Manager of a limited liability partnership</u></p> <p>A limited liability partnership has at least one manager (1) residing in Rwanda who is not an undischarged bankrupt, who is able to perform his or her duties and without mental or physical disability certified by a recognised medical doctor, preventing him or her from</p>	<p>2° un associé est individuellement, responsable de son acte ou omission illicite mais il n’est pas tenu responsable d’acte ou omission illicite d’un autre associé de la société à responsabilité limitée.</p> <p>3° l’obligation d’une société à responsabilité limitée, qu’elle résulte d’un accord ou non, doit être uniquement l’obligation de la société à responsabilité limitée ;</p> <p>4° les dettes d’une société à responsabilité limitée doivent être déduites de ses biens.</p> <p><u>Section 5: Gestion et documents d’une société à responsabilité limitée</u></p> <p><u>Article 103: Gérant d’une société à responsabilité limitée</u></p> <p>La société à responsabilité limitée a au moins un (1) gérant résidant au Rwanda, qui n’est pas un failli non-réhabilité, qui est en mesure d’exercer ses fonctions et sans incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé, l’empêchant d’exercer ses fonctions ou</p>
---	---	---

<p>Leta, cyangwa ngo abe yarambuwe ububasha bwo kuba umuyobozi hashingiwe ku itegeko iryo ari ryo ryose.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bushyikiriza Umwanditsi Mukuru, mu buryo yateganyije, umwirondoro w'umuntu washyizweho kuba umuyobozi wabwo n'ubwemere bwe.</p> <p><u>Ingingo ya 104: Imenyeshya ngarukamwaka ku bushobozi bwo kwishyura cyangwa kutishyura imyenda</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye buba bufite ubushobozi bwo kwishyura iyo:</p> <p>1° bufite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yabwo igeze igihe cy'ubwishyu nta bukererewe bubayeho kandi nta gihungabanyije imirimo isanzwe y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° umutungo wabwo uva ku byinjira uruta agaciro k'imyenda ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye burimo n'ay'imari shingiro yatanzwe, yaba imyenda iriho cyangwa indi.</p> <p>Umuyobozi w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ageza ku Mwanditsi</p>	<p>performing his or her duties or who has not been stripped of his or her right to be a manager based on any law.</p> <p>The limited liability partnership submits to the Registrar General, in the manner he or she prescribed, the identity of the person appointed as its manager and his or her consent.</p> <p><u>Article 104: Annual declaration of solvency or insolvency</u></p> <p>A limited liability partnership is solvent if:</p> <p>1° it has the ability to repay its debts on time of payment and without prejudice to the normal course of business of the partnership;</p> <p>2° the value of its assets is above the total value of its liabilities including the capital contributed, existing and contingent liabilities.</p> <p>The manager of a limited liability partnership declares to the Registrar General that the</p>	<p>qui n'a pas été privé de son droit d'être un gérant sur la base d'une loi quelconque.</p> <p>La société à responsabilité limitée remet au Registraire général, dans la manière qu'il a prescrite, les détails de la personne qui est désignée comme son gérant et son consentement.</p> <p><u>Article 104: Déclaration annuelle de solvabilité ou d'insolvabilité</u></p> <p>La société à responsabilité limitée est solvable lorsque :</p> <p>1° il a la capacité de rembourser ses créances échues et sans préjudice du cours normal des affaires de la société;</p> <p>2° la valeur de son actif est supérieure à celle de ses dettes et obligations, y compris le capital fourni, des dettes courantes et éventuelles.</p> <p>Le gérant d'une société à responsabilité limitée déclare au Registraire général que la société à</p>
--	---	--

<p>Mukuru niba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bufite cyangwa budafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda bimaze kwemezwa n'abafatanyabikorwa</p> <p>Inyandiko igaragaza ubushobozi bwo kwishyura cyangwa bwo kudashobora kwishyura itangwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'atanu (15) nyuma yo kwandikisha ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'inshuro imwe buri mwaka mu ntera y'igihe kitarenze amezi cumi n'atanu (15).</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora, bisabwe n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, kongera igihe cyo kumugezaho inyandiko igaragaza ubushobozi bwo kwishyura cyangwa bwo kudashobora kwishyura</p> <p><u>Ingingo ya 105: Gusubiza ibyishyuwe no kwishyura k'umufatanyabikorwa ku gihombo yateje ubufatanye mu bucuruzi</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye busubiza umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ibyo yakoresheje yishyura imyenda ku giti cye yagize mu gihe gisanzwe ndetse n'imigendekere y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p>	<p>limited liability partnership either appears to be solvent or insolvent upon approval by partners.</p> <p>The declaration of solvency or insolvency must be filed in a period not exceeding fifteen (15) months after the registration of the limited liability partnership and subsequent declaration once in every calendar year at intervals of not more than fifteen (15) months.</p> <p>The Registrar General may, on application by a limited liability partnership, extend the period in which the declaration on his or her solvency or insolvency may be filed.</p> <p><u>Article 105: Restitution and compensation of loss caused to a partnership</u></p> <p>A limited liability partnership reimburses each partner in respect of payments made and personal liabilities incurred by the partner in the ordinary and proper conduct of the business of the limited liability partnership or in anything necessarily done for the preservation of the business or property of the</p>	<p>responsabilité limitée semble être soit solvable ou soit insolvable après approbation par les associés.</p> <p>La déclaration de solvabilité ou d'insolvabilité doit être déposée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) mois après l'enregistrement d'une société à responsabilité limitée et une déclaration subséquente une fois par année civile à des intervalles n'excédant pas quinze (15) mois.</p> <p>Le Registraire général peut, sur demande de la société à responsabilité limitée, prolonger le délai dans lequel la déclaration de sa solvabilité ou son insolvabilité peut être déposée.</p> <p><u>Article 105: Restitution et indemnisation de la perte causée à la société</u></p> <p>Une société à responsabilité limitée rembourse à chaque associé les paiements effectués et les dettes encourues par l'associé dans le cadre de la conduite normale de l'entreprise commerciale de la société à responsabilité limitée ou de tout ce qui a été nécessairement réalisé pour la préservation d'une entreprise</p>
--	--	---

<p>cyangwa ikintu cyakozwe cya ngombwa kugira ngo ubucuruzi cyangwa umutungo byabwo bibungabungwe.</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi yishyura ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye ku gihombo bwagize bitewe n'uburiganya bw'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi mu migendekere y'ubucuruzi bw'ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 106:</u> Guhabwa inyungu no kugira uruhare mu kuziba icyuho cy'igihombo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye afite uburenganzira bwo guhabwa ku nyungu z'ubwo bufatanye mu bucuruzi hashingiwe ku musanzu yatanze mu mari shingiro kandi akanagira inshingano yo kugira uruhare mu kuziba icyuho cy'igihombo ubwo bufatanye mu bucuruzi bugize byabonetse igihe yari umufatanyabikorwa muri ubwo bufatanye.</p> <p>Umutungo usizwe n'umufatanyabikorwa igihe apfuye urebwa n'uburyozwe ku birebana n'imyenda yafashwe n'ubwo bufatanye mu bucuruzi ndetse ukanarebwa n'inshingano zaherereye kuri ubwo bufatanye mu bucuruzi</p>	<p>limited liability partnership.</p> <p>A partner indemnifies the limited business liability partnership for any loss caused to it by the partner's fraud in the conduct of the business of a limited liability partnership.</p> <p><u>Article 106:</u> Granting of interests and contributing to reduction of the loss in a limited liability partnership</p> <p>A partner in a limited liability partnership has the right to be entitled to the benefits of that partnership in the business based on his or her contribution to the capital and is also responsible for contributing to reduce the loss incurred during the partnership of limited business liability partnership.</p> <p>The estate of a partner who dies is liable to debts and obligations incurred by the partnership after becoming a partner.</p>	<p>commerciale ou des biens de la société à responsabilité limitée.</p> <p>Un associé indemnise la société à responsabilité limitée pour toute perte lui causé par l'acte frauduleux de l'associé dans la conduite d'une entreprise de la société à responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 106:</u> Partage des bénéfices et des pertes d'une société à responsabilité limitée</p> <p>Un associé d'une société à responsabilité limitée a droit de partage aux bénéfices d'une société à responsabilité limitée et est tenu de contribuer aux pertes encourues lorsqu'il était associé d'une société à responsabilité limitée en fonction de son apport au capital.</p> <p>La succession de l'associé décédé est responsable des dettes et obligations contractées par la société après qu'il est devenu associé.</p>
--	---	---

<p>nyuma y'uko uwo wari umufatanyabikorwa apfuye.</p> <p><u>Ingingo ya 107:</u> Ibyemezo by'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, ikibazo kijyanye n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye gifatwaho icyemezo hakurikije ubwiganze bw'umubare w'abafatanyabikorwa kandi buri mufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi afite ijwi rimwe (1). Igihe ubwiganze butabonetse ijwi ry'uyoboye ribarwa kabiri (2).</p> <p>Icyakora, nta mpinduka zishobora gukorwa ku miterere y'ubucuruzi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye abafatanyabikorwa bose batabyemeye.</p> <p>Ibyemezo bifashwe n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bigomba gushyirwa mu nyandikomvugo mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ibyo byemezo bifashwe ikabikwa ku cyicaro cyabwo.</p> <p>Umwanditsi Mukuru amenyeshwa ibyemezo bifatwa n'ubufatanye mu bucuruzi bihindura imiterere y'ubufatanye mu bucuruzi bufite</p>	<p><u>Article 107:</u> Resolutions of a limited liability partnership</p> <p>Without prejudice to provisions of the partnership agreement of a limited liability partnership, any issue relating to the limited liability partnership is decided by a resolution passed by a majority votes and each partner has one (1) vote. In case there is tie in voting, the vote of chairperson of the meeting is counted twice (2).</p> <p>However, no change may be made in the nature of business of the limited liability partnership without the consent of all the existing partners.</p> <p>Decisions taken by the limited liability partnership must be recorded in minutes within fifteen (15) days of taking such decisions and kept and maintained at the registered office of the limited liability partnership.</p> <p>The Registrar-General is notified of the decisions taken by the partnership that change the nature of the partnership in the business in</p>	<p><u>Article 107:</u> Résolutions d'une société à responsabilité limitée</p> <p>Sans préjudice des dispositions du contrat de société à responsabilité limitée, la question relative à la société à responsabilité limitée est décidée par une résolution adoptée par la majorité des associés et chaque associé dispose d'une (1) voix. Lorsque la majorité n'est pas obtenue, le président a une voix prépondérante.</p> <p>Toutefois, aucun changement ne peut être apporté à la nature d'une société à responsabilité limitée sans le consentement de tous les associés existants.</p> <p>Les décisions prises par la société à responsabilité limitée doivent faire objet d'un procès-verbal endéans quinze (15) jours suivant la prise des décisions et est conservé au siège social de la société à responsabilité limitée.</p> <p>Les décisions prises par la société à responsabilité limitée qui modifient la nature de la société à responsabilité limitée sont</p>
--	--	--

<p>uburyozwe buhinnye mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) bifashwe. Ibyo byemezo bitangira gukurikizwa ku munsu byanditswe mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p><u>Icyiciro cya 6: Guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p><u>Ingingo ya 108: Gusaba guhinduka ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye kw’isosiyete</u></p> <p>Isosiyete y’ubucuruzi ishobora gusaba guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye iyo:</p> <p>1° nta mutungo wayo ukiri mu bugwate igihe cy’isaba;</p> <p>2° ari isosiyete y’ubucuruzi idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane aho abifuzwa kuba abafatanyabikorwa b’ubufatanye mu bucuruzi ari abanyamigabane bose bari bagize sosiyete y’ubucuruzi;</p> <p>3° yubahirije ibijyanye n’imisoro;</p> <p>4° yujuje ibisabwa n’iri tegeko byerekeye iyandikwa ry’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p>	<p>period not exceeding fifteen (15) days. Such decisions are implemented after being recorded in the register of partnerships.</p> <p><u>Section 6: Conversion to a limited liability partnership</u></p> <p><u>Article 108: Application for conversion of a business company to a limited liability partnership</u></p> <p>A company may apply for conversion to a limited liability partnership if:</p> <p>1° no security interest over its assets subsists at the time of the application;</p> <p>2° it is a private company in which the partners of the proposed partnership comprise all the shareholders of the company;</p> <p>3° it is tax compliant;</p> <p>4° complies with the requirements of this law on the registration of a limited liability partnership;</p>	<p>notifiées au Registraire général dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter de leur adoption. Ces décisions prennent effet à compter du jour de leur inscription dans le registre des sociétés de personnes.</p> <p><u>Section 6: Conversion en société à responsabilité limitée</u></p> <p><u>Article 108: Demande de conversion en société à responsabilité limitée</u></p> <p>Une société commerciale peut présenter une demande de conversion en société à responsabilité limitée lorsque :</p> <p>1° aucune sûreté sur ses biens ne subsiste au moment de la demande;</p> <p>2° elle est une société privée dans laquelle les associés de la société de personnes proposée comprennent tous les actionnaires de la société commerciale;</p> <p>3° elle est conforme à la fiscalité ;</p> <p>4° elle satisfait aux exigences de la présente loi concernant l'enregistrement d'une société à responsabilité limitée</p>
---	--	---

<p>Amabwiriza y’umwanditsi Mukuru ashobora kugena ibindi bisabwa isosiyete y’ubucuruzi isaba guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye akagena uburyo bwo guhinduka.</p> <p><u>Ingingo ya 109:</u> Gusaba guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye k’ubundi bwoko bw’ubufatanye</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye n’ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n’ubudahinnye bushobora gusaba guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Guhindura ubwoko bw’ubufatanye mu bucuruzi bifatwaho umwanzuro n’abagize ubufatanye mu bucuruzi busaba guhindurwa bose.</p> <p>Umwanzuro wo guhindura ubwoko bw’ubufatanye mu bucuruzi uherekejwe n’amasezerano mashya y’ubufatanye mu bucuruzi bishyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15).</p> <p><u>Ingingo ya 110:</u> Kwandikwa n’ingaruka zo guhindura</p> <p>Umwanditsi Mukuru, akibona inyandiko isaba</p>	<p>The instructions of the Registrar General may determine other requirements for a company to request for conversion into a limited liability partnership and modalities for such a conversion.</p> <p><u>Article 109:</u> Application for conversion of a limited liability partnership to other type of partnership</p> <p>General partnership and a limited partnership may request for the conversion to a limited liability partnership.</p> <p>The change in the type of partnership is decided by all members of the partnership that requires all change.</p> <p>The resolution for converting the type of partnership together with a new partnership agreement is submitted to the Registrar-General within fifteen (15) days.</p> <p><u>Article 110:</u> Registration and effect of conversion</p> <p>The Registrar General, upon receipt of a</p>	<p>Les instructions du Registraire Général peuvent déterminer d’autres conditions requises à une société qui demande de se convertir en société à responsabilité limitée et les modalités de conversion.</p> <p><u>Article 109:</u> Demande de conversion d’autres types de sociétés de personnes en société à responsabilité limitée</p> <p>La société en nom collectif ainsi que la société en commandite peuvent demander de se convertir en société à responsabilité limitée.</p> <p>Le changement de type d’une société de personnes est décidé par tous les membres de la société qui nécessite tout changement.</p> <p>La décision de modifier le type d’une société de personnes, accompagnée d’un nouveau contrat de société est soumise au Registraire Général dans un délai de quinze (15) jours.</p> <p><u>Article 110:</u> Enregistrement et effet de conversion</p> <p>Le Registraire général, dès la réception d’une</p>
---	--	---

<p>guhindura, yandika ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye agatanga icyemezo cy'iyandikwa.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora kwanga kwandika ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye iyo ibisabwa mu kwandikwa bitubahirijwe.</p> <p>Guhinduka ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bigira ingaruka zikurikira:</p> <p>1° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye buvuzwe mu cyemezo cy'iyandikisha bugira inshingano zose ziteganywa n'iri tegeko kandi bugengwa n'iri tegeko;</p> <p>2° umutungo wose wimukanwa n'utimukanwa wari uw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, uw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa isosiyete y'ubucuruzi, imitungo yose, inyungu, uburenganzira n'imyenda ndetse n'ibigomba gukorwa byose bijya mu</p>	<p>statement requesting for conversion, registers a partnership or the company as a limited liability partnership and issue a certificate of registration.</p> <p>The Registrar General may refuse to register the partnership or a private Ltd company as a limited liability partnership if the requirements for registration are not complied with.</p> <p>The conversion to limited liability partnership has the following effects:</p> <p>1° the limited liability partnership named in the certificate of registration has all the obligations described in this Law and it is subject to this Law;</p> <p>2° all movable and immovable property vested in a general partnership or a limited partnership or a company, all assets, interests, rights, privileges and liabilities and the whole of the undertaking are entrusted with the limited liability partnership without further instrument than this Law;</p>	<p>déclaration demandant la conversion, enregistre la société de personnes ou la société commerciale en tant que société à responsabilité limitée et émet un certificat d'enregistrement.</p> <p>Le Registraire général peut refuser d'enregistrer une société de personnes ou une société commerciale privée en tant que société à responsabilité limitée si les conditions requises pour l'enregistrement ne sont pas respectées.</p> <p>La conversion en société à responsabilité limitée a les effets suivants :</p> <p>1° la société à responsabilité limitée ainsi nommée dans le certificat d'enregistrement a toutes les obligations décrites dans la présente loi et est soumise à la présente loi;</p> <p>2° tous les biens meubles et immeubles qui appartenaient à la société en nom collectif ou à la société en commandite ou à une société commerciale, tous les actifs, intérêts, droits, privilèges et responsabilités et l'intégralité de l'engagement sont transférés à la société à responsabilité limitée sans autre instrument autre que</p>
---	--	--

<p>maboko y'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye nta yindi nyandiko uretse iri tegeko;</p> <p>3° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bifatwa nk'ibisheshwe.</p> <p><u>Ingingo ya 111:</u> Gukomeza ibijyanye n'ihinduka</p> <p>Imanza zose ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byari byarezemo cyangwa byarezwemo, zari zitararangira mbere yo kwandikwa nk'ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye zirakomeza, zikarangizwa ndetse zikubahirizwa ku nyungu cyangwa bibangamiye ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p>Ihamwa, icyemezo, itegeko cyangwa urubanza biri mu nyungu cyangwa bibangamiye ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byanditswe nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bishobora gushyirwa mu bikorwa ku nyunyu cyangwa bibangamiye ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye.</p>	<p>3° the general partnership, a limited partnership or a company is considered as dissolved.</p> <p><u>Article 111:</u> Continuation in relation to conversion</p> <p>All proceedings by or against the partnership or the company that were pending before its registration as a limited liability partnership may be continued, completed and enforced for or against the limited liability partnership.</p> <p>A conviction, a ruling, an order or a judgment in favour of or against a general partnership, limited partnership or a company registered as a limited liability partnership may be enforced for or against the limited liability partnership.</p>	<p>la présente loi;</p> <p>3° la société en nom collectif, la société en commandite ou une société commerciale sont considérées comme dissoutes.</p> <p><u>Article 111:</u> Continuité en relation avec la conversion</p> <p>Toutes les procédures menées par ou contre la société de personnes ou la société commerciale qui étaient en cours avant son enregistrement en tant que société à responsabilité limitée peuvent être poursuivies, complétées et exécutées pour ou contre la société à responsabilité limitée.</p> <p>Une condamnation, une décision, une ordonnance ou un jugement en faveur ou contre la société en nom collectif, la société en commandite ou une société commerciale enregistrée en tant que société à responsabilité limitée peuvent être exécutés pour ou contre la société à responsabilité limitée.</p>
---	--	--

<p>Amazezerano ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byarimo mbere y'iyandikwa ryayo nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye agira agaciro uhereye ku munsu w'iyandikwa nk'aho ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bwari mu masezerano kandi ikibazo cyose kirebana n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byahindutse, bisimburwa hakurikijwe ibigomba gukorwa nyuma y'iyandikwa ku bireba ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p>	<p>An agreement to which the partnership or the company was a party before its registration as a limited liability partnership has effect as from the date of registration as if the limited liability partnership was a party to the agreement and any matters related to the converted general partnership, a limited partnership or company are substituted in respect of anything to be done after registration in case of limited liability partnership.</p>	<p>Un accord auquel la société de personnes ou la société commerciale était partie avant son enregistrement en tant que société à responsabilité limitée a effet à compter de cet enregistrement comme si la société à responsabilité limitée était partie à l'accord et toutes les questions relatives à la société en nom collectif, à la société en commandite ou une société commerciale convertie, sont remplacées en ce qui concerne tout ce qui doit être fait après l'enregistrement en cas d'une société à responsabilité limitée.</p>
<p><u>Ingingo ya 112:</u> Ishyirwaho cyangwa ububasha bisanzweho by'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bihindutse</p>	<p><u>Article 112:</u> Existing appointment or power of a converted partnership or company</p>	<p><u>Article 112:</u> Nomination ou pouvoir existant d'une société de personnes ou d'une société commerciale convertie</p>
<p>Ishyirwaho ry'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi rigira agaciro bikimara kwandikwa nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye butangira kugira agaciro guhera kuri iryo yandikwa nk'aho ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bwari busanzweho.</p>	<p>Appointment of a partnership or a company has effect immediately after its registration as a limited liability partnership and takes effect from that registration as if the limited liability partnership had been appointed instead.</p>	<p>La nomination d'une société de personnes ou d'une société commerciale a effet immédiatement après son enregistrement comme société à responsabilité limitée et prend ses effets à partir de cet enregistrement comme si la société à responsabilité limitée avait été plutôt nommée.</p>
<p>Ububasha buhabwa ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p>	<p>Powers conferred on general partnership, limited partnership or a company which had effect before their registration as a limited</p>	<p>Les pouvoirs conférés à une société en nom collectif, à une société en commandite ou à une société commerciale qui avaient effet avant</p>

<p>n'ubudahinnye cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byari bifite agaciro mbere yo kwandikwa kwabyo nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bukomeza kugira agaciro nk'ak'igihe cy'iyandikwa nk'aho ububasha bwari bwahawe isosiyete y'ubufatanye mu bucuruzi ifite uburyozwe buhinnye.</p> <p><u>Ingingo</u> va <u>113</u>: Uburyozwe bw'abafatanyabikorwa ku nshingano z'ubufatanye mu bucuruzi mbere y'ihinduka</p> <p>Buri mufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye w'ubufatanye mu bucuruzi bwahindutse ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye akomeza kubazwa ubwe cyangwa afatanyije n'abandi mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ku nshingano ubufatanye mu bucuruzi bwari bufite mbere y'uko bwandikwa nk'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye cyangwa zaturutse ku masezerano yakozwe mbere y'iryo yandikwa.</p> <p>Haseguriwe amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi yabiteganya ukundi, umufatanyabikorwa wujuje inshingano ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo afite uburenganzira bwo kwishyurwa n'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ku bijyanye n'iyi nshingano.</p>	<p>liability partnership continue to have effect as from the date of registration as if the powers were conferred on the limited liability partnership.</p> <p><u>Article 113</u>: Liability of partners to the obligations of partnership before conversion</p> <p>Each general partner in partnership converted into limited liability partnership is individually or collectively liable for obligations or agreements of the converted partnership before its registration as a limited liability partnership.</p> <p>Subject to partnership agreement, a partner who has fulfilled his her obligation mentioned in Paragraph One of this article has the right to be paid by the limited liability partnership in relation to that obligation.</p>	<p>leur enregistrement en tant que société à responsabilité limitée continuent à avoir effet à compter de cet enregistrement comme si les pouvoirs étaient conférés à la société à responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 113</u>: Responsabilité des associés par rapport aux obligations d'une société de personnes avant sa conversion</p> <p>Chaque associé ou associé commandité d'une société de personnes convertie en société à responsabilité limitée est individuellement ou collectivement responsable pour les obligations ou les contrats qu'a contractés une société de personnes convertie avant son enregistrement en tant que société à responsabilité limitée.</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, un associé qui remplit l'obligation visée à l'alinéa premier du présent article a droit au paiement par la société à responsabilité limitée en ce qui concerne cette obligation.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 114: Kumenyesha impinduka ku nyemezabuguzi n'inyandiko zoherezwa</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bugomba, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku minsi cumi n'ine (14) nyuma y'itariki yo kwandikwa k'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye, kugaragaza kuri buri nyemezabuguzi, buri butumwa bwanditse, butangwa cyangwa bwohererezwa ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu izina ryabyo ibi bikurikira:</p> <p>1° inyandiko igaragaza ko ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byahindutse ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye;</p> <p>2° izina na numero by'iyandikisha ry'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa isosiyete y'ubucuruzi uhereye igihe byahindukiye.</p>	<p><u>Article 114: Notice of change on invoices and correspondence</u></p> <p>A limited liability partnership must, in a period of twelve (12) months from fourteen (14) days after the date of its registration, ensure that every invoice or other written communication given or sent by or on behalf of the partnership or company bears:</p> <p>1° a statement that partnership or a company, is converted to a limited liability partnership;</p> <p>2° the name and registration number of the partnership or company from which it was converted.</p>	<p><u>Article 114: Avis de modification sur les factures et les correspondances</u></p> <p>Une société à responsabilité limitée doit, endéans douze (12) mois à partir de quatorze (14) jours après la date de son enregistrement, veiller à ce que toute facture ou autre communication écrite donnée ou envoyée par ou au nom de la société de personnes ou de la société commerciale porte :</p> <p>1° une déclaration selon laquelle la société de personnes ou la société commerciale est convertie en société à responsabilité limitée;</p> <p>2° le nom et le numéro d'enregistrement de la société de personnes ou de la société commerciale dont il est issu.</p>
<p><u>Ingingo ya 115: Iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bushobora guseswa iyo:</p> <p>1° habayeho impamvu yateganyijwe mu</p>	<p><u>Article 115: Winding up a limited liability partnership</u></p> <p>A limited liability partnership may be wound up if:</p> <p>1° it happens an event specified in the</p>	<p><u>Article 115: Liquidation d'une société à responsabilité limitée</u></p> <p>Une société à responsabilité limitée peut être liquidée lorsque :</p> <p>1° il arrive un événement prévu dans le</p>

<p>masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>2° umubare w'abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye ugabanutse ukajya muni ya babiri (2);</p> <p>3° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bunaniwe kwishyura imyenda yabwo;</p> <p>4° ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye butahaye Umwanditsi Mukuru inyandiko igaragaza gushobora kwishyura cyangwa ibyo bwinjiza buri mwaka mu gihe cy'imyaka itanu (5) ikurikiranye y'ingengo y'imari;</p> <p>5° urukiko rubifitiye ububasha rubisabwe n'Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda, umufatanyabikorwa cyangwa undi muntu ushinze ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye.</p> <p><u>Ingingo ya 116: Umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bwasheshwe</u></p> <p>Umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye bwasheshwe</p>	<p>partnership agreement;</p> <p>2° the number of partners of the limited liability partnership is reduced to less than two (2);</p> <p>3° the limited liability partnership is unable to pay its debts;</p> <p>4° the limited liability partnership has made a default in filing with the Registrar General the statement of solvency or annual return for five (5) consecutive financial years;</p> <p>5° The competent court is so requested by the Registrar-General, the creditor, the partner or another person responsible for winding up a limited liability partnership.</p> <p><u>Article 116: Outstanding assets of dissolved limited liability partnership</u></p> <p>The distribution of the outstanding assets of dissolved limited liability partnership is</p>	<p>contrat de société;</p> <p>2° le nombre des associés de la société à responsabilité limitée est réduit à moins de deux (2);</p> <p>3° la société à responsabilité limitée est incapable de payer ses dettes;</p> <p>4° la société à responsabilité limitée n'a pas déposé auprès du Registraire général la déclaration de solvabilité ou la déclaration annuelle de revenu pour cinq (5) exercices financiers consécutifs;</p> <p>5° la demande y relative est faite à la juridiction compétente par le Registraire général, le créancier, l'associé ou une autre personne chargée de la liquidation de la société à responsabilité limitée.</p> <p><u>Article 116: Actifs en suspens d'une société à responsabilité limitée dissoute</u></p> <p>La distribution des actifs en suspens d'une société à responsabilité limitée dissoute est</p>
---	---	--

<p>usaranganywa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>UMUTWE WA VI: UBUFATANYE MU BUCURUZI BW'UBUNYAMAHANGA</p> <p><u>Ingingo ya 117: Kwandikisha ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bufite uburyozwe budahinnye, ubufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye n'ubufite uburyozwe buhinnye bwemerewe gukorera mu Rwanda.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga ntibushobora gukorera mu Rwanda nk'ubufatanye mu bucuruzi butabanje kwiwandikisha hakurikijwe iri tegeko.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga ntibufatwa nk'ubukorera ubucuruzi mu Rwanda iyo bukoreye mu Rwanda nibura kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>1° iyo ari umuburanyi cyangwa bwabaye umuburanyi mu kirego icyo ari cyo cyose mu manza z'ubutegetsu, mu bukemurampaka, bwaragize uruhare mu icyemura ry'ikibazo, mu kurega cyangwa mu kindi kibazo cyangwa amakimbirane;</p>	<p>carried out in accordance with relevant laws.</p> <p>CHAPTER VI: FOREIGN PARTNERSHIP</p> <p>Article 117: Registration of a foreign partnership</p> <p>A foreign general partnership, a foreign limited partnership and foreign limited liability partnership are allowed to operate in Rwanda.</p> <p>A foreign partnership does not carry on business in Rwanda as a partnership before being registered in accordance with this Law.</p> <p>Foreign partnership is not considered as doing business in Rwanda when it performs in Rwanda at least one of the following:</p> <p>1° if it is a party to or has become a party to any action or suit or any administrative or arbitration proceeding or effects settlement of an action, suit or proceeding or of any claim or dispute;</p>	<p>effectuée conformément à la législation en la matière.</p> <p>CHAPITRE VI: SOCIÉTÉ DE PERSONNES ÉTRANGÈRE</p> <p>Article 117: Enregistrement d'une société de personnes étrangère</p> <p>Une société en nom collectif étrangère, une société en commandite étrangère, ainsi qu'une société à responsabilité limitée étrangère sont autorisées à opérer au Rwanda.</p> <p>Une société de personnes étrangère ne peut pas opérer au Rwanda en tant que société de personnes avant d'être enregistrée en vertu de la présente loi.</p> <p>Une société de personnes étrangère n'est pas considérée comme opérant au Rwanda lorsqu'elle pose au Rwanda l'un des actes suivants :</p> <p>1° elle est partie ou est devenue partie à toute action ou poursuite ou à toute procédure administrative ou d'arbitrage ou effectue le règlement d'une action, poursuite ou procédure ou de toute réclamation ou différend;</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

2° iyo bwahakoreye inama cyangwa ikindi gikorwa kibureba ubwabwo;	2° if it holds meetings or carries out any other activity concerning its internal affairs;	2° elle tient des réunions ou exerce toute autre activité concernant ses affaires internes;
3° iyo buhafite konti muri banki;	3° if it has a bank account;	3° elle a un compte bancaire ;
4° iyo buhagurishiriza ikintu bukoreshije umuntu wigenga;	4° if it effects any sale through an independent contractor;	4° elle effectue une vente par l'intermédiaire d'un entrepreneur indépendant;
5° iyo bwerekanye ikimenyetso cy'umwenda cyangwa ibyo bugomba kwishyura ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa;	5° if it presents evidence of any debt or possesses a charge on movable or immovable property;	5° elle présente la preuve d'une dette ou possède une charge sur des biens meubles ou immeubles;
6° iyo bushinganye cyangwa bwishyuye umwenda uwo ari we wese cyangwa bushyize mu bikorwa uburenganzira bwabwo ku bijyanye n'ingwate zirebana n'imyenda;	6° if it secures or pays any of its debts or enforces its rights in regard to any securities relating to those debts;	6° elle garantit ou paie l'une de ses dettes ou fait valoir ses droits à l'égard de toute garantie relative à ces dettes;
7° iyo bukoze igikorwa cy'ubucuruzi cyihariye kirangira mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ariko kitari kimwe mu bisa n'ibihora bikorwa;	7° if it conducts an isolated transaction that is completed within thirty (30) days but which is not similar to one of a number of similar transactions from time to time;	7° elle effectue une transaction commerciale isolée qui est conclue dans les trente (30) jours mais qui n'est pas similaire à l'une des transactions similaires de temps à autre;
8° iyo bushoye amafaranga yabwo cyangwa bufite umutungo;	8° if it invests its funds or holds property;	8° elle investit ses fonds ou détient des biens;
9° iyo butumije ibicuruzwa bugamije	9° if it imports goods only for the purpose of display, exhibition,	9° elle importe des marchandises uniquement à des fins d'exposition, de

<p>kubyerekana, kubimurika, kubigaragaza nka bimwe mu bicuruzwa buteganya kuzongera kohereza mu mahanga mu gihe cy'amezi atatu (3) cyangwa kirenga bitewe n'ibyo ubuyobozi bw'imisoro n'amahoro bushobora kwemera.</p> <p><u>Ingingo ya 118:</u> Ibisabwa kugira ngo ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bwandikwe</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga buha Umwanditsi Mukuru inyandiko zikurikira kugira ngo bwandikwe:</p> <p>1° kopi y'icyemezo cy'iyandikisha cyatanzwe n'igihugu ubufatanye mu bucuruzi bwanditseho iriho umukono wa noteri w'icyo gihugu cyangwa indi nyandiko y'ishingwa cyangwa y'inkomoko bisa iri mu mwanya wacyo;</p> <p>2° kopi y'amategeko cyangwa amasezerano y'ishingwa abugenga iriho umukono wa noteri w'igihugu yanditsemo cyangwa inyandiko isobanura ibibugize iyo ihari;</p> <p>3° inyandiko y'iyemera ry' ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga mu ifishi yagenwe n'Umwanditsi Mukuru;</p>	<p>demonstration or as trade samples with a view to subsequent re-exportation within a period of three (3) months or within such further period as the revenue authority may allow.</p> <p><u>Article 118:</u> Requirements for registration of a foreign partnership</p> <p>A foreign partnership submits the following documents to the Registrar General for registration.</p> <p>1° a certified copy of the certificate of registration or any other similar document issued by the country of its incorporation or origin;</p> <p>2° a copy of its charter or agreement or instrument defining its constitution, if any, certified by the country of registration;</p> <p>3° a statement of foreign qualification in the form required by the Registrar General;</p>	<p>démonstration ou comme échantillons commerciaux en vue d'une réexportation ultérieure dans un délai de trois (3) mois ou dans un délai supplémentaire que l'autorité fiscale peut autoriser.</p> <p><u>Article 118:</u> Conditions requises pour l'enregistrement d'une société de personnes étrangère</p> <p>Pour être enregistré, une société de personnes étrangère fournit au Registraire général les documents suivants :</p> <p>1° une copie notifiée du certificat d'enregistrement ou de tout autre document semblable délivrés par le pays de sa constitution ou de son origine;</p> <p>2° une copie de son statut, contrat ou document indiquant sa constitution, le cas échéant, notarié par le pays d'enregistrement ;</p> <p>3° une déclaration de qualification étrangère sous la forme requise par le Registraire général ;</p>
--	--	--

<p>4° ikimenyetso cyuko ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga butarimo gukurikiranwaho igihombo mu gihugu bukomokamo.</p> <p>5° Ibindi Umwanditsi Mukuru ashobora kugena.</p> <p>Iyo ibisabwa biteganywa n'iri tegeko byuzuye Umwanditsi Mukuru yandika ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga kandi akabuha numero y'iyandikisha akanatanga icyemezo cy'iyandikwa.</p> <p><u>Ingingo ya 119: Icyicaro cy'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bugomba kugira icyicaro mu Rwanda.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bugomba kubika ku cyicaro cyabwo inyandiko zikurikira:</p> <p>1° kopi y'icyemezo cy'iyandikisha iriho umukono wa noteri cyangwa indi nyandiko bisa iri mu mwanya wayo y'aho bwashingiwe;</p> <p>2° kopi y'amategeko ayigenga iriho umukono wa noteri cyangwa inyandiko isobanura ibiyigize, iyo ihari;</p>	<p>4° proof that it is not undergoing insolvency proceedings in its country of origin.</p> <p>5° Any other thing that may be determined by the Registrar General.</p> <p>When the conditions provided by this law are met, the Registrar General registers the foreign partnership, issues it a registration number and a registration certificate.</p> <p><u>Article 119: Registered office of a foreign partnership</u></p> <p>A foreign partnership must have registered office in Rwanda.</p> <p>A foreign partnership must keep at its office the following documents:</p> <p>1° a certified copy of the certificate of registration or any other similar document in its place of registration, establishment;</p> <p>2° a certified copy of its charter or instrument defining its constitution, if any;</p>	<p>4° preuve attestant qu'elle n'est soumise à la procédure d'insolvabilité dans son pays d'origine ;</p> <p>5° un autre document pouvant être déterminé par le Registraire;</p> <p>Lorsque les conditions prévues par la présente loi sont remplies, le Registraire général enregistre la société de personnes étrangère, lui délivre un numéro d'enregistrement et un certificat d'enregistrement.</p> <p><u>Article 119: Siège social d'une société de personnes étrangère</u></p> <p>Une société de personnes étrangère doit avoir un siège social au Rwanda.</p> <p>Une société de personnes étrangère doit conserver à son siège social les documents suivants :</p> <p>1° une copie certifiée conforme du certificat d'immatriculation ou de tout autre document similaire à son lieu d'immatriculation, d'établissement ;</p> <p>2° une copie certifiée conforme de sa charte ou instrument définissant sa constitution, le cas échéant ;</p>
---	--	--

<p>3° ibitabo by'ibaruramari;</p> <p>4° indi nyandiko yagenwa n'amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo va 120: Umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko w'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bugomba gushyiraho umuntu ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko ushobora kuba ari umufatanyabikorwa cyangwa umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko w'ubufatanye mu bucuruzi. Umuntu ushyirwaho nk'umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko agomba kuba atuye mu Rwanda.</p> <p>Umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko mu bufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga afite inshingano zikurikira :</p> <p>1° kugira inama abafatanyabikorwa ku birebana n'inshingano n'ububasha byabo;</p> <p>2° kumenyesha abafatanyabikorwa ibyerekeranye n'amabwiriza cyangwa ibindi byose bishobora kubangamira</p>	<p>3° books of accounts;</p> <p>4° other documents that may be determined by the Registrar General.</p> <p><u>Article 120: Compliance officer of foreign partnership</u></p> <p>A foreign partnership must appoint compliance officer from amongst its partners or employees. A person appointed as a compliance officer must be a person who resides in Rwanda.</p> <p>A person who acts as a compliance officer of the foreign partnership has the following responsibilities:</p> <p>1° to advise partners on their responsibilities and powers;</p> <p>2° to inform the partners about the regulations or anything else that could jeopardize the partnership, the reports</p>	<p>3° livres de comptes ;</p> <p>4° autres documents qui peuvent être déterminés par le Registraire général</p> <p><u>Article 120: Agent de conformité d'une société de personnes étrangère</u></p> <p>Une société de personnes étrangère doit désigner un agent de conformité parmi ses associés ou ses employés. Une personne désignée comme agent de conformité doit être une personne qui réside au Rwanda.</p> <p>La personne qui agit en qualité d'agent de conformité d'une société de personnes étrangère a les attributions suivantes :</p> <p>1° conseiller les associés en ce qui concerne leurs attributions et leurs pouvoirs ;</p> <p>2° informer les associés de la réglementation ou de tout ce qui pourrait mettre en péril la société de</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>ubufatanye mu bucuruzi, raporo z'inama z'inzego z'ubufatanye mu bucuruzi igihe zihari no gushyikiriza inzego bireba inyandiko zose z'ubufatanye mu bucuruzi zisabwa n'amategeko ndetse akabamenyesha ingaruka zose zo kutubahiriza ayo mabwiriza;</p>	<p>of the meetings of the partnership if any, and to submit to the relevant authorities all the documents of the partnership required by law and to inform them of all the consequences of non-compliance with these regulations;</p>	<p>personnes étrangère, des rapports des réunions des organes d'une société de personnes étrangère, le cas échéant, et soumettre aux autorités compétentes tous les documents de la société de personnes requis par la loi et de les informer de toutes les conséquences du non-respect de ces réglementations ;</p>
<p>3° kumenya ko inyandikomvugo z'inama y'abafatanyabikorwa n'inzego z'ubufatanye mu bucuruzi ziteguwe neza no kubika neza ibitabo byose biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'ubufatanye mu bucuruzi;</p>	<p>3° to ensure that the minutes of the meeting of partners and the organs of the partnership are well prepared and all documents provided for in the documents of the establishment of the partnership are properly prepared;</p>	<p>3° s'assurer que le procès-verbal de la réunion des associés et des organes de la société de personnes est bien préparé et que tous les documents prévus dans les documents de constitution d'une société de personnes sont correctement préparés ;</p>
<p>4° kumenya ko inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka z'ubufatanye mu bucuruzi n'izindi nyandiko zose zisabwa n'amategeko zashyikirijwe Umwanditsi Mukuru, nk'uko iri tegeko ribiteganywa;</p>	<p>4° to ensure that the annual financial statements of the partnership and all other documents required by the law are submitted to the Registrar General, as provided for by this Law;</p>	<p>4° veiller à ce que les états financiers annuels de la société de personnes ainsi que tous les autres documents exigés par la loi soient soumis au Registraire général, conformément à la présente loi;</p>
<p>5° kumenya ko kopi y'inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka na raporo y'ibikorwa y'umwaka byohererejwe ababigenewe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi.</p>	<p>5° to ensure that a copy of the annual financial statements and annual activity reports are sent to the relevant parties in accordance with the provisions of this Law or by the partnership agreement.</p>	<p>5° veiller à ce qu'une copie des états financiers annuels et le rapport annuel d'activités soient envoyés aux parties concernées conformément aux dispositions de la présente loi ou du contrat de société.</p>
<p>Mu mikorere ye ya buri muni, umukozi</p>	<p>In his day-to-day operations, the person who</p>	<p>Dans ses activités quotidiennes, la personne</p>

<p>ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko agomba kurangwa n'ibanga mu mirimo ye keretse igihe kumena ibanga ry'akazi bikoze hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bugomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru umwirondoro w'umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko mu bufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga n'inyandiko igaragaza ko uwo mukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko yabyemeye.</p> <p><u>Ingingo ya 121:</u> Kuva ku mwanya ku bushake k'umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko</p> <p>Umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko ushaka kuva mu mwanya atanga integuza mu nyandiko agaragariza ubufatanye mu bucuruzi-bw'ubunyamahanga icyifuzo cye cyo kuva ku mwanya.</p> <p>Iyo umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko yatanze integuza, areka kuba umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko w'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga hashize ukwezi kumwe (1) uhereye ku itariki integuza yatangiye.</p>	<p>acts as a compliance officer must abide by professional confidentiality unless the breach of such confidentiality is done in accordance with relevant laws.</p> <p>Foreign partnership must provide to the Registrar General the particulars of the compliance officer and the statement of his or her consent.</p> <p><u>Article 121:</u> Leaving the office of compliance officer</p> <p>The compliance officer who wants to voluntarily leave office gives a notice in writing of his or her intention to leave the office to the foreign partnership.</p> <p>In case the compliance officer has filed a notice, he or she ceases to be the compliance officer of the foreign partnership on the expiry of one (1) month from the date of submission of the notice.</p>	<p>qui agit en qualité d'agent de conformité doit tenir le secret professionnel à moins que la violation de ce secret ne soit effectuée conformément à la loi.</p> <p>La société de personnes étrangère doit fournir au Registraire général l'identification de la personne qui agit en qualité d'agent de conformité dans le domaine du commerce extérieur et la déclaration de son consentement.</p> <p><u>Article 121:</u> Quitter le poste d'agent de conformité</p> <p>L'agent de conformité qui désire volontairement quitter ce poste donne à la société de personnes étrangère un préavis par écrit exprimant son intention de quitter le poste.</p> <p>Lorsque l'agent de conformité a donné un préavis, il cesse d'être l'agent de conformité d'une société de personnes étrangère à l'expiration d'un (1) mois à compter de la date de dépôt de ce préavis.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 122: Ibaruramari ry’umwaka ry’ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga</u></p>	<p><u>Article 122: Annual financial statements of a foreign partnership</u></p>	<p><u>Article 122: États financiers annuels d’une société de personnes étrangère</u></p>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga bukora ku buryo:</p>	<p>The foreign partnership must ensure that:</p>	<p>Une société de personnes étrangère s’assure que :</p>
<p>1° amakuru y’ibaruramari ry’ibikorwa by’ubucuruzi by’ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga abikwa neza mu gihe cy’imyaka icumi (10);</p>	<p>1° accounting records of business activities of partnerships kept for a period of ten (10) years;</p>	<p>1° les registres comptables des activités commerciales des sociétés de personnes sont conservés pour une période de dix (10) ans;</p>
<p>2° inyandiko zose z’ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga zigagarizwa umufatanyabikorwa wese igihe abisabye.</p>	<p>2° all documents of foreign partnership available to each partner at all times he or she so requests.</p>	<p>2° tous les documents de la société de personnes étrangère sont mis à la disposition de chaque associé chaque fois qu’il en fait la demande.</p>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga bugomba kugenzura ko ibaruramari ry’umwaka ritegurwa, rikorerwa igenzura, ryemezwa kandi rikoherezwa Umwanditsi Mukuru mu gihe cy’amezi atandatu (6) akurikira itariki y’ibaruramari yabwo.</p>	<p>The foreign partnership shall ensure that the annual financial statements is prepared, audited, approved and sent to the Registrar General within six (6) months following its accounting date.</p>	<p>Une société de personnes étrangère veille à ce que les états financiers annuels soient établis, vérifiés, approuvés et envoyés au Registraire général endéans six (6) mois suivant sa date comptable.</p>
<p>Icyakora ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga bufite uburyozwe budahinnye ntiburebwa n’igenzura rivugwa mu gika cya 2 cy’iyi ngingo ariko butegura ibaruramari ryabwo bukurikije amahame mpuzamahanga y’ibaruramari.</p>	<p>However, the foreign general partnerships are not subject to the audits referred to in paragraph 2 of this Article but shall prepare their financial statements in accordance with international accounting principles.</p>	<p>Toutefois, les sociétés en nom collectif étrangères ne sont pas soumises aux audits visés à l’alinéa 2 du présent article mais établissent leurs états financiers conformément aux principes internationaux de comptabilité.</p>

<u>Ingingo ya 123: Guhagarika ubucuruzi mu Rwanda</u>	<u>Article 123: Cessation of business in Rwanda</u>	<u>Article 123: Cessation d'une entreprise commerciale au Rwanda</u>
<p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga buhagaritse gukora ubucuruzi mu Rwanda, bugomba kubimenyesha Umwanditsi Mukuru mu gihe cy'iminsi irindwi (7) nyuma y'umunsi bwahagarikiyeho.</p>	<p>If a foreign partnership ceases to carry on its business in Rwanda, it must file the notice with the Registrar General within seven (7) days after the date of cessation.</p>	<p>Lorsqu'une société de personnes étrangère cesse d'exercer son entreprise commerciale au Rwanda, elle doit le déclarer au Registraire général endéans sept (7) jours suivant la date de cessation.</p>
<p>Inyandiko imenyesha ihagarika ry'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga igomba kuba iherekejwe n'umwanzuro w'abafatanyabikorwa uhagarika ibikorwa mu Rwanda, igomba kandi kuba iherekejwe n'inyandiko igaragaza ko nta mwenda w'imisoro n'amahoro bufite mu Rwanda.</p>	<p>The notice of cessation of foreign business partnership must be accompanied with the partners' decision to cease operating in Rwanda, it has also to be accompanied with the tax clearance from Rwanda.</p>	<p>L'avis de cessation d'entreprise commerciale d'une société de personnes étrangère doit être accompagné par la décision des associés en rapport avec la cessation d'exercer l'entreprise commerciale au Rwanda et par l'attestation de non créance au Rwanda.</p>
<p>Guhagarika ubucuruzi bitangira gukurikizwa ku muni inyandiko imenyesha yatangiweho. Inshingano y'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga yo gutanga inyandiko iyo ari yo yose ku Mwanditsi Mukuru irahagarara uretse inyandiko zagombaga kuba zaratanzwe mbere y'iyi tariki.</p>	<p>Cessation of the business takes effect on the date of submission of the notice. The obligation of the foreign partnership to file any document with the Registrar General ceases except those documents that ought to have been filed before that date.</p>	<p>La cessation d'une entreprise commerciale prend effet à la date de soumission de l'avis de cessation. L'obligation d'une société de personnes étrangère de soumettre au Registraire général tout document cesse d'exister sauf en ce qui concerne les documents qui auraient été transmis avant cette date.</p>
<p>Umwanditsi Mukuru avana izina ry'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi hashize amezi atandatu (6) uhereye ku itariki inyandiko</p>	<p>The Registrar General strikes the name of the foreign partnership out of the register of partnerships upon the expiration of six (6) months from the date of submission of the notice, after publication in the most widely</p>	<p>Le Registraire général raye le nom de la société de personnes étrangère du registre des sociétés de personnes à l'expiration de six (6) mois à compter de la date de transmission de l'avis, après publication dans le journal le plus lu dans</p>

<p>imenyesha yatangiweho, bimaze gutangazwa mu kinyamakuru gisomwa cyane mu gihugu no mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 124:</u> Kumenyesha ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga cyangwa iseswa ryabwo mu gihugu bwashingiwemo</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bushyizwe mu gihe cy'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa busheshwe mu gihugu bwashingiwemo, bugomba, mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) nyuma yo gutangira gushyirwa mu ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa cyangwa mu kindi gihe Umwanditsi Mukuru ashobora kugena mu bihe byihariye, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibi bikurikira:</p> <p>1° inyandiko imenyesha ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa;</p> <p>2° iyo ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga bwashyiriweho ushinze gukusanya no kugabagabanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga aho bwanditse,</p>	<p>read newspaper in the country and in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p><u>Article 124:</u> Notification of winding up or dissolution of a foreign partnership in its country of incorporation</p> <p>If a foreign partnership goes into winding up or is dissolved in its country of registration, it must, within one (1) month after the commencement of the winding up or the dissolution or within such other period as the Registrar General may determine in special circumstances, submit the following with the Registrar General:</p> <p>1° a notice of the winding up or dissolution;</p> <p>2° where a foreign liquidator is appointed to the foreign partnership in its place of registration, establishment or origin, a notice of such appointment;</p>	<p>le pays et au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p><u>Article 124:</u> Notification de la liquidation ou de la dissolution d'une société de personnes étrangère dans son pays de constitution</p> <p>Lorsque la société de personnes étrangère est en liquidation ou est dissoute dans son pays de constitution, elle doit endéans un (1) mois après le début de la liquidation ou la dissolution ou dans un autre délai que le Registraire général peut déterminer dans des circonstances particulières, déposer auprès du Registraire général ce qui suit :</p> <p>1° un avis de liquidation ou de dissolution;</p> <p>2° lorsqu'un liquidateur étranger est nommé pour une société de personnes étrangère dans son lieu d'enregistrement, d'établissement ou d'origine, un avis de cette nomination;</p>
--	--	--

<p>bwashingiwe cyangwa bukomoka, inyandiko imenyeshya iryo shyirwaho;</p> <p>3° iyo ushinzwe gukusanya no kugabagabanya umutungo wemewe w'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga yashyizweho, inyandiko imenyeshya iryo shyirwaho.</p> <p><u>Ingingo ya 125: Kumenyeshya rubanda ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa</u></p> <p>Ushinzwe gukusanya no kugabagabanya umutungo wemewe atangaza mu gitangazamakuru kigera kuri benshi mu rurimi rwateganyijwe n'Umwanditsi Mukuru, agatumira ababereyemo umwenda bese kugeza ibirego byabo ku bufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki itangazo ryatangiywe.</p>	<p>3° where an approved liquidator is appointed to the foreign partnership, a notice of such appointment.</p> <p><u>Article 125: Notification to the public of winding up or dissolution</u></p> <p>The approved liquidator announces in the media with large audience, in such a language as prescribed by the Registrar General and invites all creditors to submit their claims to the foreign partnership within a period of not more than thirty (30) days from the date of the announcement.</p>	<p>3° lorsqu'un liquidateur agréé est nommé pour une société de personnes étrangère, un avis de cette nomination.</p> <p><u>Article 125: Avis au public de liquidation ou de dissolution</u></p> <p>Le liquidateur agréé publie dans un média à grande audience dans la langue prescrite par le Registraire général et invite tous les créanciers à faire leurs réclamations à une société de personnes étrangère dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de l'annonce.</p>
---	---	--

<p>UMUTWE WA VII: INGINGO ZIHURIWEHO KU IKUSANYWA, IGABAGABANYA N'ISESWA RY'UMUTUNGO MU BUFATANYE MU BUCURUZI</p> <p><u>Ingingo ya 126:</u> Ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo n'iseswa by'ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bishobora kuba ku bushake cyangwa bigategekwa n'urukiko rubifitiye ububasha. Iyo umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi wamaze kugabagabanywa, ubufatanye mu bucuruzi buba bwasheshwe.</p> <p><u>Ingingo ya 127:</u> Raporo y'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo</p> <p>Umuntu ukora ibikorwa by'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo ategura raporo igenewe abafatanyabikorwa bese igaragaza uko byasojwe, agatanga amakuru arambuye asobanura uko byagenze n'uko umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi wagabagabanyijwe, akagaragaza niba hari icyo yabonye kigomba kwitonderwa, Umwanditsi Mukuru agahabwa kopi.</p> <p>Umuntu ukora igikorwa cyo gukusanya no</p>	<p>CHAPTER VII: COMMON PROVISIONS WINDING UP AND DISSOLUTION OF PARTNERSHIP</p> <p><u>Article 126:</u> Winding up and dissolution of a partnership</p> <p>The winding up of a partnership may be either voluntary or ordered by a competent court. A partnership so wound up is dissolved.</p> <p><u>Article 127:</u> Report of winding up</p> <p>A person who conducts the winding up prepares the winding up report to all the partners, giving details of the conduct thereof and the disposal of the property of the partnership, stating whether any state of affairs has come to their attention and reserve copy to the Registrar General.</p> <p>A person conducting the winding up of a</p>	<p>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS COMMUNES A LA LIQUIDATION ET A LA DISSOLUTION D'UNE SOCIÉTÉ DE PERSONNES</p> <p><u>Article 126:</u> Liquidation et dissolution d'une société de personnes</p> <p>La liquidation d'une société de personnes peut être soit volontaire, soit ordonnée par une juridiction compétente. À la fin de la liquidation d'une société de personnes, celui-ci devient dissout.</p> <p><u>Article 127:</u> Compte rendu de la liquidation</p> <p>Une personne qui fait la liquidation prépare le rapport de la liquidation destiné à tous les associés, en précisant le déroulement de la liquidation et la disposition de la propriété de société des personnes, indiquant s'il y a ou non un aspect requérant leur attention particulière et en réserve copie au Registraire général.</p> <p>Une personne qui effectue la liquidation d'une</p>
--	---	--

<p>kugabagabanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi aregera urukiko rubifitiye ububasha ku kibazo cyavutse kirebana n'ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo.</p> <p><u>Ingingo ya 128:</u> Gusaba iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi n'itangazwa ryaryo</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'amasezerano y'ubufatanye, gusesa ubufatanye mu bucuruzi bikorwa n'umwanzuro wumvikanyweho n'abafatanyabikorwa bese bashyikiriza Umwanditsi Mukuru bagaragaza ubushake bwo gusesa ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Gusaba ko iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi ritangazwa bikorwa n'umufatanyabikorwa mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uherye ku muni w'itangaza ry'inyandiko imenyeshya.</p> <p>Ubusabe bugomba kuba buherekejwe n'ibi bikurikira:</p> <p>1° inyandiko yashyizweho umukono n'abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi igaragaza ko ubufatanye mu bucuruzi bwahagaritse gukora kandi bwishyuye imyenda yabwo n'uburyozwe bwo, itari iyo bubereyemo abafatanyabikorwa babwo kandi ko inyandiko imenyeshya yatanzwe;</p>	<p>partnership refers to the competent court any matter arising in relation to the winding up.</p> <p><u>Article 128:</u> Application for a declaration of dissolution of a partnership</p> <p>Subject to the provisions of the partnership agreement, the dissolution of the partnership is effected by a resolution agreed upon by all the partners submitted to the Registrar General expressing their intention to dissolve the partnership.</p> <p>The request for the announcement of the dissolution of the partnership is made by the partner within seven (7) days from the date of publication of the notification.</p> <p>The application must be accompanied by the following:</p> <p>1° a statement signed by the partners of the partnership stating that the partnership has ceased to operate and has discharged all its debts and liabilities, other than those owed to its partners and that the notice has been given;</p>	<p>société de personnes saisit la juridiction compétente sur toute question concernant la liquidation.</p> <p><u>Article 128:</u> Demande de déclaration de dissolution d'une société de personnes</p> <p>Sous réserve des dispositions du contrat de société, la dissolution d'une société de personnes se fait par une résolution convenue par tous les associés, soumise au Registraire général et exprimant leur intention de dissoudre la société de personnes.</p> <p>La demande d'annonce de la dissolution d'une société de personnes est introduite par l'associé dans les sept (7) jours à compter de la date de publication de la notification.</p> <p>La demande doit être accompagnée de:</p> <p>1° une déclaration signée par les associés déclarant que la société de personnes a cessé d'opérer et a payé toutes ses dettes, autres que celles dues à ses associés et que l'avis a été donné;</p>
---	--	--

<p>2° kopi imenyasha rubanda ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo ku bushake;</p> <p>3° imenyasha ryanditse ryatanzwe n'ubuyobozi bw'imisoro n'amahoro rigaragaza ko budatambamira Umwanditsi Mukuru mu gutangaza iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Mbere yo gusaba Umwanditsi Mukuru gutangaza iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi, usaba agomba kumenya niba inyandiko imenyasha, iteguza ko usaba ashaka gusaba Umwanditsi Mukuru ko yatangaza iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi yatangajwe nibura mu kinyamakuru kimwe cyo mu gihugu cyanditse cyangwa cyo kuri murandasi gisomwa na benshi mu Rwanda kandi iri mu rurimi rwateganyijwe n'Umwanditsi Mukuru, kandi ikohererezwa buri mufatanyabikorwa inyujijwe mu iposita cyangwa mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'amategeko, ikohererezwa kuri aderesi ya nyuma izwi y'umufatanyabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 129: Iyandukurwa ry'ubufatanye mu bucuruzi bwasheshwe</u></p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi busheshwe, inyandiko y'iseswa igomba gushyikirizwa</p>	<p>2° a copy of the public notice of voluntary winding up;</p> <p>3° a written notice from the revenue authority stating that it has no objection to the Registrar General making a declaration of dissolution of partnership.</p> <p>Before applying to the Registrar General for the dissolution of the partnership, the applicant must ensure that a notice to the effect that the applicant proposes to apply to the Registrar General for a declaration of dissolution of the partnership has been published in at least one print or online most read national newspaper in Rwanda, in such a language as prescribed by the Registrar General and sent by registered mail or other legally recognised electronic means to each partner to the last known address of the partner.</p> <p><u>Article 129: Removal of dissolved partnership from the register of partnerships</u></p> <p>Upon the dissolution of a partnership, a statement of the dissolution must, within a</p>	<p>2° une copie de l'avis public de liquidation volontaire;</p> <p>3° un avis écrit de l'autorité fiscale indiquant qu'il n'a pas d'objection envers le Registraire général en rapport avec la déclaration de dissolution de la société de personnes.</p> <p>Avant de présenter au Registraire général une demande de dissolution d'une société de personnes, le demandeur doit veiller à ce qu'un avis prévoyant que le demandeur propose de présenter une demande au Registraire général pour une déclaration de dissolution d'une société de personnes a été publiée au moins dans un journal national écrit ou en ligne le plus lu au Rwanda, dans la langue prescrite par le Registraire général et envoyée par lettre recommandée ou par d'autres moyens électroniques reconnus par la loi à chaque associé à la dernière adresse connue de l'associé.</p> <p><u>Article 129: Radiation de la société de personnes dissoute du registre des sociétés de personnes</u></p> <p>Lors de la dissolution d'une société de personnes, un avis de dissolution doit, endéans</p>
--	---	---

<p>Umwanditsi Mukuru mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uherye ku itariki iseswa ryabereye kandi igatangazwa nibura mu kinyamakuru kimwe cyo mu gihugu cyanditse cyangwa cyo kuri murandasi gisomwa na benshi mu Rwanda.</p>	<p>period of seven (7) days from the date of dissolution, be filed with the Registrar General and published in at least one print or online most read national newspaper in Rwanda.</p>	<p>sept (7) jours à compter de la date de dissolution, être déposé auprès du Registraire général et publié au moins dans un journal national écrit ou en ligne le plus lu au Rwanda.</p>
<p>Umwanditsi Mukuru agomba mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi gusiba ubufatanye mu bucuruzi mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi kandi icyemezo cy'iyandikisha ryabwo gihita gita agaciro.</p>	<p>The Registrar General must, within ten (10) working days, remove the partnership from the register and its certificate of registration ceases to be valid.</p>	<p>Le Registraire général doit radier, endéans dix (10) jours ouvrables, la société de personnes du registre de sociétés de personnes et son certificat d'enregistrement devient invalide.</p>
<p><u>Ingingo ya 130:</u> Uburenganzira bwo kuregera urukiko igihe cy'ikusanya n'igababanya</p>	<p><u>Article 130:</u> Right to apply to the court in case of winding up</p>	<p><u>Article 130:</u> Droit d'introduire une demande devant la juridiction en cas de liquidation</p>
<p>Umufatanyabikorwa cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu ubona ko ubucuruzi cyangwa ikusanya n'igababanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi birimo gukorwa mu buryo bubangamiye inyungu ze, ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gufata icyemezo cyo kubihagarika kandi ashobora gusaba indishyi iyo bishoboka .</p>	<p>A partner or any interested person who claims that the partnership business is being conducted or the partnership is being wound up, in a way that is prejudicial to his or her interests, may apply to the competent court to stop prejudice act and may apply for damages where applicable.</p>	<p>Un associé ou toute autre personne intéressée qui prétend que l'entreprise commerciale ou les affaires de société de personnes ou la liquidation sont menées d'une manière préjudiciable à ses intérêts, peut demander à la juridiction compétente de prendre une décision qui interdit un tel préjudice et il peut demander les dommages et intérêts, le cas échéant.</p>
<p><u>Ingingo ya 131:</u> Gusiba ubufatanye mu bucuruzi mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi n'ingaruka zabyo</p>	<p><u>Article 131</u> Striking-off a partnership from the register of partnerships and its effects</p>	<p><u>Article 131:</u> Radiation d'une société de personnes du registre des sociétés de personnes et ses effets</p>
<p>Umwanditsi Mukuru ashobora kwandikira</p>	<p>The Registrar General may serve a notice on</p>	<p>Le Registraire général peut signifier un avis à</p>

<p>ubufatanye mu bucuruzi abumenyesha ko yavanye izina ryabwo mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi iyo abona ko:</p> <p>1° Ubufatanye mu bucuruzi butagikora;</p> <p>2° ubufatanye mu bucuruzi butubahirije iri itegeko;</p> <p>3° kuba ubufatanye mu bucuruzi bwaguma mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi bibangamiye inyungu z'igihugu.</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bushobora kugaragariza Umwanditsi Mukuru impamvu butakurwa mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uherye ku itariki yavuzwe mu nyandiko imenyeshya cyangwa kuva aho igihe cy'inyongera cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru kirangiriye.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora gusiba ubufatanye mu bucuruzi mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi iyo igihe cyateganyijwe mu nyandiko imenyeshya kirangiye cyangwa nyuma y'irangira ry'igihe cyongereweho n'Umwanditsi Mukuru iyo:</p> <p>1° ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umufatanyabikorwa wabwo bahaye</p>	<p>the partnership notifying that it is struck-off from the register of partnerships, if he or she considers that:</p> <p>1° the partnership is no longer operating;</p> <p>2° the partnership has contravened this Law;</p> <p>3° it is prejudicial to the national interests for a partnership to remain on the register.</p> <p>The partnership may state to the Registrar General the reasons why it should not be stricken off from the register of partnerships within a period of thirty (30) days from the date specified in the notice or after the extension given by the Registrar General expires.</p> <p>The Registrar General may remove a partnership from the register of partnerships after the expiration of the period specified in the notice or after expiry of the period extended by the Registrar General if:</p> <p>1° the partnership or its partner submits a confirmation to the Registrar General</p>	<p>la société de personnes indiquant que son nom est radié du registre des sociétés de personnes, s'il considère que :</p> <p>1° la société de personnes n'est plus opérationnelle;</p> <p>2° la société de personnes a violé la présente loi;</p> <p>3° le maintien de l'enregistrement d'une société de personnes porterait préjudice aux intérêts du pays.</p> <p>La société de personnes peut donner au Registraire général des raisons pour lesquelles elle ne doit pas être radiée du registre de sociétés de personnes endéans trente (30) jours suivant la date spécifiée dans l'avis ou après l'expiration d'une période d'extension donnée par le Registraire général.</p> <p>Le Registraire général peut radier du registre de sociétés de personnes le nom d'une société de personnes après l'expiration du délai spécifié dans l'avis ou après l'expiration de la période que le Registraire général a prolongée lorsque :</p> <p>1° la société de personnes ou son associé soumet au Registraire général un avis</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>Umwanditsi Mukuru icyemezo ko ubufatanye mu bucuruzi butagikora;</p> <p>2° Umwanditsi Mukuru atabonye igisubizo cy'ubufatanye mu bucuruzi ku nyandiko imenyeshya isibwa mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi;</p> <p>3° Umwanditsi Mukuru atanyuzwe n'impamvu zatanze zo kudasiba ubufatanye mu bucuruzi mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi.</p> <p>Iyo ubufatanye mu bucuruzi busibwe mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi, uburyozwe bwa buri mufatanyabikorwa burakomeza ndetse bushobora gukurikizwa nk'aho ubufatanye mu bucuruzi butasibwe mu gitabo cyandikwamo ubufatanye mu bucuruzi kandi ubufatanye mu bucuruzi bufatwa nk'aho bwasheshwe.</p>	<p>that the partnership is no longer in operation;</p> <p>2° the Registrar General did not receive any reply from the partnership on the notice of striking-off from the register of partnerships;</p> <p>3° the Registrar General was not satisfied with the reasons as to why the partnership should not be struck-off from the register of partnerships.</p> <p>Where the partnership has been stricken off from the register of partnerships, the liability of every partner continues and may be enforced as if the partnership had not been removed from the register of partnerships and the partnership is considered to have been dissolved.</p>	<p>confirmant que la société de personnes n'est pas opérationnelle;</p> <p>2° le Registraire général n'a reçu aucune réponse d'une société de personnes en rapport avec l'avis de radiation du registre des sociétés de personnes ;</p> <p>3° le Registraire général n'est pas satisfait des raisons pour lesquelles la société de personnes ne doit pas être radiée du registre des sociétés de personnes.</p> <p>Lorsque la société de personnes a été radiée du registre des sociétés de personnes, la responsabilité de chaque associé se poursuit et peut être appliquée comme si la société de personnes n'avait pas été radiée du registre des sociétés de personnes et est réputée dissoute.</p>
--	---	--

<p>UMUTWE WA VIII: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO</p>	<p>CHAPTER VIII: FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES</p>	<p>CHAPITRE VIII: FAUTES ET SANCTIONS, INFRACTIONS ET PEINES</p>
<p><u>Icyikiro cya mbere:</u> Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano</p>	<p><u>Section One:</u> Faults and sanctions</p>	<p><u>Section première:</u> Fautes et sanctions</p>
<p><u>Ingingo ya 132:</u> Kudatanga amakuru ku nyandiko z'ubufatanye</p>	<p><u>Article 132:</u> Failure to provide information on partnership documents</p>	<p><u>Article 132:</u> Défaut de fournir des informations sur les documents d'une société de personnes</p>
<p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi, umuyobozi w'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umukozi w'ubufatanye mu bucuruzi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko wanga gutanga amakuru yasabwe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa utanga amakuru atari yo ku bufatanye mu bucuruzi aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).</p>	<p>A business partner, manager of partnership or a person who acts as compliance officer who fails to provide the information requested by the Registrar General or who provides wrong information on partnership commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).</p>	<p>Un associé d'une société de personnes, un gérant d'une société de personnes ou une personne qui agit en qualité d'agent de conformité qui ne donne pas les informations demandées par le Registraire général ou qui fournit les informations faussées sur la société de personnes commet une faute. Il est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).</p>
<p><u>Ingingo ya 133:</u> Kutamenyekanisha iyakirwa cyangwa iyirukanwa ry'umufatanyabikorwa</p>	<p><u>Article 133:</u> Failure to notify the admission or expulsion of a partner</p>	<p><u>Article 133:</u> Défaut de notifier l'admission ou l'exclusion d'un associé</p>
<p>Ubufatanye mu bucuruzi butamenyekanisha iyakirwa cyangwa iyirukanwa ry'umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi ku Mwanditsi Mukuru mu gihe</p>	<p>A partnership which fails to notify the admission or expulsion of a partner to the Registrar General within a period specified under this Law commits a fault. Such a</p>	<p>Une société de personnes qui omet de notifier l'admission ou l'exclusion d'un associé d'une société de personnes au Registraire général dans une période définie par la présente loi</p>

<p>cyagenwe muri iri tegeko, buba bukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Buhanihwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n' amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 134: Kudahinduzwa izina cyangwa kutandikisha indi mpinduka yabaye</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bwahinduye izina cyangwa bwakoze indi mpinduka ntibibumenyeshe Umwanditsi Mukuru cyangwa ntibukore ibindi biteganywa n'iri tegeko buba bukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Buhanihwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n' amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 135: Kudashyiraho umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko</u></p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga budashyiraho umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, buba bukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Buhanihwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500.000 FRW).</p>	<p>partnership is liable to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).</p> <p><u>Article 134: Failure to change a name or to register any other change occurred</u></p> <p>A partnership which changed the name or made any other change and failed to notify the Registrar General or take any action provided by this Law commits a fault. Such a partnership is liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).</p> <p><u>Article 135: Failure to appoint a compliance officer</u></p> <p>A foreign partnership which fails to appoint a compliance officer commits a fault. Such a partnership is liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).</p>	<p>commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).</p> <p><u>Article 134: Défaut de modifier un nom ou de faire enregistrer toute autre modification survenue</u></p> <p>Une société de personnes qui change de nom ou opère toute modification et ne parvient pas à le notifier au Registraire général ou ne prend pas toute autre mesure prévue par la présente loi commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).</p> <p><u>Article 135: Défaut de nommer un agent de conformité</u></p> <p>Une société de personnes étrangère qui ne désigne pas un agent de conformité commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 136:</u> Kudatangaza inyandiko y'ubushobozi bwo kwishyura cyangwa kutishyura imyenda</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi budatangaje buri mwaka ubushobozi bwo kwishyura cyangwa kutishyura imyenda ku Mwanditsi Mukuru buba bukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Buhanihwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 137:</u> Kutamenyekanisha ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga mu gihugu bwashingiwemo</p> <p>Ubufatanye mu bucuruzi bw'ubunyamahanga butamenyeshye Umwanditsi Mukuru ikusanya n'igabagabanya ry'umutungo wabwo cyangwa iseswa ryabwo mu gihugu bwashingiwemo buba bukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Buhanihwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 138:</u> Kubika nabi ibitabo by'ibaruramari</p> <p>Umufatanyabikorwa mu bufatanye mu</p>	<p><u>Article 136:</u> Failure to lodge a declaration of solvency or insolvency</p> <p>A partnership which fails to lodge with the Registrar General an annual declaration of solvency or insolvency commits a fault. Such a partnership is liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).</p> <p><u>Article 137:</u> Failure to notify liquidation or dissolution of a foreign partnership in its country of incorporation</p> <p>A foreign partnership which fails to notify the Registrar General of liquidation or dissolution of such a partnership in its country of incorporation commits a fault. It is liable to an administrative fine of two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).</p> <p><u>Article 138:</u> Improper keeping of books of account</p> <p>A business partner, a partnership manager or</p>	<p><u>Article 136:</u> Défaut de déposer une déclaration de solvabilité ou d'insolvabilité</p> <p>La société de personnes qui ne dépose pas auprès du Registraire général une déclaration annuelle de solvabilité ou d'insolvabilité commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).</p> <p><u>Article 137:</u> Défaut de notifier la liquidation ou la dissolution d'une société de personnes étrangère dans son pays de constitution</p> <p>Une société de personnes étrangère qui ne parvient pas à notifier le Registraire général de sa liquidation ou sa dissolution dans son pays de constitution commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Article 138:</u> Mauvaise tenue des livres comptables</p> <p>Un associé d'une société de personnes, un</p>
---	---	---

<p>bucuruzi, umuyobozi w’ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umukozi w’ubufatanye mu bucuruzi ushinzwe iyubahirizwa ry’amategeko utashoboye :</p> <p>1° kubika neza ibitabo by’ibaruramari n’izindi nyandiko zisobanura uburyo ubucuruzi n’uko imari by’ubufatanye mu bucuruzi bihagaze;</p> <p>2° kwerekana inyandiko z’ibaruramari ry’ubufatanye mu bucuruzi kugira ngo zigenzurwe;</p> <p>aba akoze ikosa ryo mu rwego rw’ubutegetsi. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi ingana n’amafaranga y’u Rwanda, ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n’ibihano</u></p> <p><u>Ingingo ya 139: Gukoresha mu buryo bunyuranyije n’amategeko amagambo “limited partnership”, “general partnership” cyangwa “limited liability partnership”</u></p> <p>Umuntu ubigambiriye ukora ubucuruzi bufite izina cyangwa inyito bifite amagambo ahera « limited partnership » , « general partnership »</p>	<p>a compliance officer who is unable to:</p> <p>1° ensure the proper keeping of the books of account and other documents explaining the nature of the business and the financial status of the partnership;</p> <p>2° to present the accounting records of the partnership for inspection;</p> <p>commits a fault. He or she is liable to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (500,000 FRW).</p> <p><u>Section 2: Offenses and penalties</u></p> <p><u>Article 139</u> Illegal use of the expressions “limited partnership”, “general partnership” or “limited liability partnership”</p> <p>A person who, intentionally, carries on a business under a name or title which includes as the last words “limited partnership”,</p>	<p>gérant d’une société de personnes ou un agent de conformité qui n’est pas en mesure de :</p> <p>1° assurer la bonne tenue des livres comptables et d’autres documents expliquant la nature de l’entreprise commerciale et la situation financière d’une société de personnes;</p> <p>2° présenter les registres comptables d’une société de personnes pour inspection ;</p> <p>commet une faute. Il est passible d’une amende de cinq cent mille francs rwandais (500 000 FRW).</p> <p><u>Section 2: Infractions et sanctions</u></p> <p><u>Article 139: Utilisation illégale des expressions «limited partnership», «general partnership» ou «limited liability partnership »</u></p> <p>Une personne qui exerce intentionnellement une entreprise commerciale sous un nom ou un titre qui comprend les derniers mots «limited</p>
--	---	--

<p>cyangwa « limited liability partnership » atanditse nk’uko biteganywa n’iri tegeko cyangwa akagira amagambo amwe avamo cyangwa akigana amwe muri ayo magambo aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’ukwezi kumwe (1) ariko kitarenze amezi atandatu (6) cyangwa ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda itari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 140:</u> Gutangaza amakuru atari yo cyangwa ayobya ku bijyanye n’ubushobozi bwo kwishyura cyangwa kutishyura imyenda</p> <p>Umuntu utangaza amakuru atari yo ku muyobozi, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kandi azi ko ayo amakuru atari yo cyangwa ayobya, agendereye gukora uburiganya ku uberwemo umwenda n’ubufatanye mu bucuruzi cyangwa ubundi buriganya ku mpamvu iyo ari yo yose mu gihe cyo gutangaza ubushobozi bwo kwishyura cyangwa kutishyura imyenda, aba akoze icyaha.</p>	<p>“general partnership” or “limited liability partnership” without being registered as provided for under this Law or who makes any contraction or imitation of either of those expressions, commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but not more than six (6) months or a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).</p> <p><u>Article 140:</u> False or misleading declaration of solvency or insolvency</p> <p>A person who declares solvency or insolvency, makes a statement or gives false or misleading information, whether directly or indirectly, to a manager when the person knows or ought reasonably to have known that the statement or information is false or misleading with intent to defraud a creditor of the partnership or for any other fraudulent purpose, commits an offence.</p>	<p>partnership», « general partnership » ou « limited liability partnership » sans être enregistrée conformément aux dispositions de la présente loi ou qui fait toute contraction ou imitation de l’une ou l’autre de ces expressions commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins un (1) mois mais n’excédant pas six (6) mois ou d’une amende d’au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n’excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Article 140:</u> Déclaration fausse ou trompeuse de solvabilité ou d’insolvabilité</p> <p>Une personne qui, au cours d’une déclaration de solvabilité ou d’insolvabilité, fait une déclaration ou donne des informations fausses ou trompeuses, directement ou indirectement à un gérant, lorsque la personne sait ou doit raisonnablement savoir que la déclaration ou l’information est fausse ou trompeuse dans l’intention d’escroquer un créancier d’une société de personnes ou à d’autres fins frauduleuses, commet une infraction.</p>
--	---	---

<p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) cyangwa ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda itari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Ingingo ya 141: Kutandikisha ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga</u></p> <p>Umuntu utandikishije ubufatanye mu bucuruzi bw’ubunyamahanga bukorerwa ubucuruzi mu Rwanda, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri byo bihano. Ubufatanye mu bucuruzi buhagarikwa gukora kandi kugeza igihe bwandikishirijwe.</p>	<p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term not less than three (3) months but not more than six (6) months or a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).</p> <p><u>Article 141: Failure to register a foreign partnership</u></p> <p>A person who fails to register a foreign partnership which carries on business in Rwanda, commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not exceeding one (1) year and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties. The partnership is also suspended to operate until it is registered.</p>	<p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins trois (3) mois mais n’excédant pas six (6) mois ou d’une amende d’au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n’excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).</p> <p><u>Article 141: Défaut de faire enregistrer une société de personnes étrangère</u></p> <p>Une personne qui ne fait pas enregistrer la société de personnes étrangère qui exerce son entreprise commerciale au Rwanda, commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins six (6) mois mais n’excédant pas un (1) an et d’une amende d’au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n’excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines seulement. La société de personnes est aussi suspendue d’opérer jusqu’à ce qu’elle est enregistrée.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 142:</u> Ikoresha ry’ububasha bw’umufatanyabikorwa mu buryo bunyuranyije n’amategeko mu gihe cy’ikusanya n’igabagabanya ry’umutungo</p> <p>Umufatanyabikorwa cyangwa undi muntu wese, ukoresha ububasha bw’ubuyobozi nyuma y’uko hashyizweho ushinzwe gukusanya no kugabagabanya umutungo, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda itari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><u>UMUTWE WA IX: INGINGO INYURANYE N’IZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 143:</u> Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zitangwa n’Umwanditsi Mukuru</p> <p>Amabwiriza y’Umwanditsi Mukuru agena serivisi zitangwa hakurikijwe iri tegeko zishyuzwa n’amafaranga yishyuzwa.</p>	<p><u>Article 142:</u> Illegal exercise of powers of a partner in the process of liquidation</p> <p>A partner or any other person who knowingly exercises any managerial power after the appointment of a liquidator commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not more than one (1) year and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.</p> <p><u>CHAPTER IX: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 143:</u> Fees payable for services offered by the Registrar General</p> <p>The instructions of the Registrar General determine the services payable under this Law and relevant applicable fees.</p>	<p><u>Article 142:</u> Exercice illégal des pouvoirs d’un associé lors de la liquidation</p> <p>Un associé ou toute autre personne qui, sciemment, exerce un pouvoir de gestion après la nomination d’un liquidateur commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’il en est reconnu coupable, il est passible d’un emprisonnement d’au moins six (6) mois mais n’excédant pas un (1) an et d’une amende d’au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n’excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines seulement.</p> <p><u>CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p> <p><u>Article 143:</u> Frais payables pour les services du Registraire général</p> <p>Les instructions du Registraire général déterminent les services payables en vertu de la présente loi ainsi que les frais applicables.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 144: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 145: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 146: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 144: Repealing provision</u></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><u>Article 145: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 146: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 144: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 145: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 146: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	--

Kigali, 16/02/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Sean and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>ITEGEKO N° 009/2021 RYO KU WA 16/02/2021 RISHYIRAHU URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</p>	<p>LAW N° 009/2021 OF 16/02/2021 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</p>	<p>LOI N° 009/2021 DU 16/02/2021 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda</u></p>	<p><u>Article 2: Establishment of Rwanda Social Security Board</u></p>	<p><u>Article 2: Création de l'Office rwandais de sécurité sociale</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 3: Definitions</u></p>	<p><u>Article 3: Définitions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u></p>	<p><u>Article 4: Legal personality and autonomy</u></p>	<p><u>Article 4: Personnalité juridique et autonomie</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Urwego rureberera RSSB</u></p>	<p><u>Article 5: Supervising authority of RSSB</u></p>	<p><u>Article 5: Autorité de tutelle du RSSB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Icyicaro cya RSSB</u></p>	<p><u>Article 6: Head office of RSSB</u></p>	<p><u>Article 6: Siège du RSSB</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RSSB</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RSSB</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET COMPETENCES DU RSSB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Intego ya RSSB</u></p>	<p><u>Article 7: Mission of RSSB</u></p>	<p><u>Article 7: Mission du RSSB</u></p>

<u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano za RSSB	<u>Article 8:</u> Responsibilities of RSSB	<u>Article 8:</u> Attributions du RSSB
<u>Ingingo ya 9:</u>Ububasha bwa RSSB	<u>Article 9:</u> Powers of RSSB	<u>Article 9:</u> Pouvoirs du RSSB
<u>UMUTWE WA III:</u> IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RSSB	<u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB	<u>CHAPITRE III:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RSSB
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imitunganyirize ya RSSB	<u>Section One:</u> Organisation of RSSB	<u>Section première:</u> Organisation du RSSB
<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RSSB	<u>Article 10:</u> Management organs of RSSB	<u>Article 10:</u> Organes de direction du RSSB
<u>Akiciro mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RSSB	<u>Subsection One:</u> Board of Directors of RSSB	<u>Sous-section première:</u> Conseil d'Administration du RSSB
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB	<u>Article 11:</u> Composition of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Composition du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Board of Directors of RSSB	<u>Article 12:</u> Attributions du Conseil d'Administration du RSSB
<u>Ingingo ya 13 :</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB	<u>Article 13:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RSSB	<u>Article 13:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration du RSSB
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB	<u>Article 14:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RSSB	<u>Article 14:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration du RSSB
<u>Ingingo ya 15 :</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB avanwa muri	<u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors of	<u>Article 15:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration du

<p>uwo mwanya n’uko asimburwa</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n’iterana ry’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB n’ifatwa ry’ibyemezo</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 18 :</u> Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB na raporo yayo</p> <p><u>Ingingo ya 20 :</u> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Ibigenerwa abagize Inama y’Ubuyobozi</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Uburyozwe bw’abagize Inama y’Ubuyobozi</p> <p><u>Akicro ka 2:</u> Ubuyobozi Bukuru</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Abagize Ubuyobozi Bukuru</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z’Ubuyobozi</p>	<p>RSSB and modalities for replacement</p> <p><u>Article 16:</u> Convening and holding of the meeting of the Board of Directors of RSSB and decision-making</p> <p><u>Article 17:</u> Rapporteur of the meeting of RSSB Board of Directors</p> <p><u>Article 18:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of RSSB</p> <p><u>Article 19:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of RSSB</p> <p><u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda</p> <p><u>Article 21:</u> Benefits of members of the Board of Directors</p> <p><u>Article 22:</u> Liability of members of the Board of Directors</p> <p><u>Subsection 2:</u> General Management</p> <p><u>Article 23:</u> Composition of the General Management</p> <p><u>Article 24:</u> Responsibilities of the General</p>	<p>RSSB et modalités de remplacement</p> <p><u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration du RSSB et prise de décision</p> <p><u>Article 17:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d’administration du RSSB</p> <p><u>Article 18:</u> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration du RSSB</p> <p><u>Article 19:</u> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration du RSSB</p> <p><u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour</p> <p><u>Article 21:</u> Avantages des membres du Conseil d’Administration</p> <p><u>Article 22:</u> Responsabilité des membres du Conseil d’administration</p> <p><u>Sous-section 2:</u> Direction générale</p> <p><u>Article 23:</u> Composition de la Direction générale</p> <p><u>Article 24:</u> Attributions de la Direction</p>
---	--	---

<p>Bukuru bwa RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 25</u> : Inshingano z’Umuyobozi Mukuru wa RSSB</p> <p><u>Ingingo 26</u>: Ishyirwaho ry’abakozi ba RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 27</u>: Sitati igenga abakozi ba RSSB</p> <p><u>Akiciro ka 3</u>: Ingingo zihuriweho</p> <p><u>Ingingo ya 28</u>: Ibitabangikanywa</p> <p><u>Icyiciro cya 2</u>: Imikorere ya RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 29</u>: Uburyo bw’imikorere n’imikoranire by’inzego za RSSB</p> <p><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N’IMARI BYA RSSB</u></p> <p><u>Ingingo ya 30</u>: Umutungo wa RSSB n’inkomoko yawo</p> <p><u>Ingingo ya 31</u>: Itegurwa n’iyemezwa ry’Umushinga w’ingengo y’imari, gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibaruramari by’umwaka</p> <p><u>Ingingo ya 32</u>: Imikoreshereze, imicungire</p>	<p>Management</p> <p><u>Article 25</u>: Duties of the Chief Executive Officer of RSSB</p> <p><u>Article 26</u>: Recruitment of human resources of RSSB</p> <p><u>Article 27</u>: Statutes governing staff members of RSSB</p> <p><u>Subsection 3</u>: Common provisions</p> <p><u>Article 28</u>: Incompatibilities</p> <p><u>Section 2</u>: Functioning of RSSB</p> <p><u>Article 29</u>: Modalities of functioning and collaboration of RSSB organs</p> <p><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE OF RSSB</u></p> <p><u>Article 30</u>: Property of RSSB and its sources</p> <p><u>Article 31</u>: Drafting and approval of annual budget proposal, action plan and financial report</p> <p><u>Article 32</u>: Use, management and audit of</p>	<p>générale</p> <p><u>Article 25</u>: Attributions du Directeur Général du RSSB</p> <p><u>Article 26</u>: Recrutement des ressources humaines du RSSB</p> <p><u>Article 27</u>: Statut régissant les membres du personnel du RSSB</p> <p><u>Sous-section 3</u>: Dispositions communes</p> <p><u>Article 28</u>: Incompatibilités</p> <p><u>Section 2</u>: Fonctionnement du RSSB</p> <p><u>Article 29</u>: Modalités de fonctionnement et collaboration des organes du RSSB</p> <p><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DU RSSB</u></p> <p><u>Article 30</u>: Patrimoine du RSSB et ses sources</p> <p><u>Article 31</u>: Préparation et adoption de l’avant-projet du budget, plan d’action et rapport financier annuels</p> <p><u>Article 32</u>: Utilisation, gestion et audit du</p>
---	--	--

n'imigenzurire by'umutungo wa RSSB	property of RSSB	patrimoine du RSSB
UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA	CHAPTER V: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 33:</u> Agaciro k'ibyakozwe	<u>Article 33:</u> Validity of undertaken actions	<u>Article 33:</u> Validité des actes posés
<u>Ingingo ya 34:</u> Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda	<u>Article 34:</u> Transfer of property, contracts and liabilities	<u>Article 34 :</u> Transfert du patrimoine, des contrats et du passif
<u>Ingingo ya 35:</u> Kwegurirwa abakozi	<u>Article 35 :</u> Transfer of employees	<u>Article 35 :</u> Transfert du personnel
<u>Ingingo ya 36:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 36:</u> Transitional period	<u>Article 36:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 37:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 37:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 37:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 38 :</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 38:</u> Repealing provision	<u>Article 38:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 39:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa	<u>Article 39:</u> Commencement	<u>Article 39:</u> Entrée en vigueur

<p>ITEGEKO N° 009/2021 RYO KU WA 16/02/2021 RISHYIRAHU URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</p>	<p>LAW N° 009/2021 OF 16/02/2021 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</p>	<p>LOI N° 009/2021 DU 16/02/2021 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</p>
<p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p>	<p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p>	<p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p>	<p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p>	<p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p>	<p>THE PARLIAMENT:</p>	<p>LE PARLEMENT :</p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Ukuboza 2020;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 23 December 2020;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 23 décembre 2020;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 86, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93 iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 122, iya 139, iya 165, iya 166 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 86, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 122, 139, 165, 166 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 86, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 122, 139, 165, 166 et 176;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa</p>	<p>Having reviewed Law n° 45/2010 of</p>	<p>Revu la Loi n° 45/2010 du 14/12/2010 portant</p>

<p>14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</p> <p>Iri tegeko rishyiraho Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda. Rigena kandi intego, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ishyirwaho ry'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda</p> <p>Hashyizweho Urwego rw'ubwiteganyirize mu Rwanda rwitwa "RSSB" mu magambo ahinnye y'icyongereza.</p> <p>RSSB ni urwego rwihariye.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo</p> <p>Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Law</p> <p>This Law establishes Rwanda Social Security Board. It also determines its mission, responsibilities, organisation and functioning.</p> <p><u>Article 2:</u> Establishment of Rwanda Social Security Board</p> <p>Rwanda Social Security Board, abbreviated as "RSSB" is established.</p> <p>RSSB is a specialised organ.</p> <p><u>Article 3:</u> Definitions</p> <p>For the purpose of this Law, the following terms are defined as follows:</p>	<p>création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi</p> <p>La présente loi porte création de l'Office rwandais de sécurité sociale. Elle détermine également sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement.</p> <p><u>Article 2 :</u> Création de l'Office rwandais de sécurité sociale</p> <p>Il est créé l'Office rwandais de sécurité sociale, "RSSB" en sigle anglais.</p> <p>Le RSSB est un organe spécialisé.</p> <p><u>Article 3:</u> Définitions</p> <p>Aux fins de la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit :</p>
---	--	--

<p>1° ubwiteganyirize: ingamba zishyirwaho na Leta kugira ngo abaturarwanda bashobore kubona ubwishingizi bw'indwara no kurinda abaturage ingaruka zishingiye ku ibura cyangwa igabanuka ry'umusaruro bitewe n'impamvu zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> a. izabukuru; b. urupfu; c. ubumuga; d. ibyago bikomoka ku kazi; e. ikiruhuko cy'uburwayi; f. ikiruhuko cyo kubyara. <p>Izo ngamba zishobora kandi kwita ku icumbi, ku mirire myiza, ku burezi, gutakaza akazi, gutunga umuryango no ku kugabanya ubukene hagamijwe imibereho myiza y'abaturage.</p> <p>2° ubwishingizi mu kwivuzana n'ubwishingizi bwo kwivuzana</p>	<p>1° social security: Government strategies aimed at providing to people living in Rwanda health insurance and social protection from effects based on lack or reduction of income due to the following reasons:</p> <ul style="list-style-type: none"> a. old age; b. death; c. disability; d. occupational hazards; e. sick leave; f. maternity leave. <p>The strategies may also provide for shelter, adequate nutrition, education, support due to loss of job, provision for family and poverty reduction with intention to achieve social welfare.</p> <p>2° health insurance: community-based health insurance scheme and medical insurance scheme for public servants</p>	<p>1° sécurité sociale: stratégies gouvernementales visant à fournir une assurance maladie aux personnes vivant au Rwanda ainsi qu'une protection sociale contre les conséquences liées au manque ou à la diminution de revenu résultant des causes suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> a. vieillesse; b. décès ; c. handicap; d. risques professionnels; e. congé de maladie; f. congé de maternité. <p>Ces stratégies peuvent également viser le logement, la bonne nutrition, l'éducation, le soutien en cas de perte d'emploi, la subvention aux besoins de la famille et la réduction de la pauvreté dans le but du bien-être social.</p> <p>2° assurance maladie: la mutuelle de santé et l'assurance médicale pour les Agents de l'État régis par le statut</p>
---	--	--

<p>bugenewe abakozi ba Leta bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, abakozi bagengwa na sitati zihariye cyangwa abagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda, abakozi b'ibigo by'abikorera biyandikishije mu bwishingizi bw'indwara butegetswe; kimwe n'abari mu kiruhuko cy'izabukuru batangaga imisanzu.</p>	<p>governed by general statutes governing public servants, by special statutes or by law regulating labour in Rwanda; employees in private institutions affiliated to the compulsory health insurance scheme; and pensioners who contributed to the health insurance scheme.</p>	<p>général régissant les agents de l'Etat, les statuts spéciaux ou la loi portant réglementation du travail au Rwanda; les travailleurs des établissements privés affiliés au régime d'assurance maladie obligatoire et les retraités ayant contribué à l'assurance maladie.</p>
<p><u>Ingingo ya 4</u> : Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</p>	<p><u>Article 4: Legal personality and autonomy</u></p>	<p><u>Article 4: Personnalité juridique et autonomie</u></p>
<p>RSSB ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo.</p>	<p>RSSB has a legal personality, administrative and financial autonomy.</p>	<p>Le RSSB est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.</p>
<p><u>Ingingo ya 5</u> : Urwego rurererera RSSB</p>	<p><u>Article 5: Supervising authority of RSSB</u></p>	<p><u>Article 5: Autorité de tutelle du RSSB</u></p>
<p>Urwego rurererera RSSB ni Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo.</p>	<p>The supervising authority of RSSB is the Ministry in charge of finance.</p>	<p>L'autorité de tutelle du RSSB est le Ministère ayant les finances dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Icyicaro cya RSSB</u></p>	<p><u>Article 6: Head office of RSSB</u></p>	<p><u>Article 6 : Siège du RSSB</u></p>
<p>Icyicaro cya RSSB kiri mu Muji wa Kigali. Igihe bibaye ngombwa, icyicaro gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda byemejwe n'iteka ry'Intebe.</p>	<p>The head office of RSSB is located in the City of Kigali. If considered necessary, the head office may be transferred elsewhere on Rwandan territory by a Prime Minister's Order.</p>	<p>Le siège du RSSB est établi dans la Ville de Kigali. En cas de nécessité, le siège peut être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda par arrêté du Premier Ministre.</p>
<p>Igihe bibaye ngombwa, RSSB ishobora</p>	<p>If considered necessary, RSSB may have</p>	<p>En cas de nécessité et sur décision du Conseil</p>

<p>kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, kugira ngo igere ku ntego zayo, byemejwe n’Inama y’Ubuyobozi.</p> <p>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N’UBUBASHA BYA RSSB</p> <p><u>Ingingo ya 7: Intego za RSSB</u></p> <p>RSSB ifite intego yo gucunga no guteza imbere ubwiteganyirize mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Inshingano za RSSB</u></p> <p>Inshingano za RSSB ni izi zikurikira:</p> <p>1° gucunga no guteza imbere pansiyoy’izabukuru, ibigenerwa abasizwe n’uwiteganyirije wafuye, ibigenerwa uwagize ubumuga budafitanye isano n’akazi, ubwishingizi bw’ibyago bikomoka ku kazi, ubwishingizi bw’ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ubwishingizi bw’indwara n’ubwizigame bw’igihe kirekire;</p> <p>2° kwandika abakoresha, abakozi, abateganyirijwe n’abiteganyirije ku bushake mu bwiteganyirize icunga;</p>	<p>branches elsewhere in the country, in order to fulfil its mission upon approval by the Board of Directors.</p> <p>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RSSB</p> <p><u>Article 7: Mission of RSSB</u></p> <p>The mission of RSSB is to manage and promote social security in Rwanda.</p> <p><u>Article 8: Responsibilities of RSSB</u></p> <p>Responsibilities of RSSB are the following:</p> <p>1° to manage and promote old age pension, survivorship benefits, non-occupational invalidity benefits, occupational hazards insurance, maternity leave benefits scheme, health insurance and the long-term saving scheme;</p> <p>2° to register employers, employees, beneficiaries and voluntary contributors in social security schemes under its management;</p>	<p>d’administration, le RSSB peut établir des agences en tout autre lieu du territoire national pour s’acquitter de sa mission.</p> <p>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU RSSB</p> <p><u>Article 7 : Mission du RSSB</u></p> <p>La mission du RSSB est de gérer et promouvoir la sécurité sociale au Rwanda.</p> <p><u>Article 8: Attributions du RSSB</u></p> <p>Les attributions du RSSB sont les suivantes :</p> <p>1° gérer et promouvoir la pension de vieillesse, les prestations de survivant, les prestations d’invalidité d’origine non professionnelle, l’assurance des risques professionnels, régime des prestations de congé de maternité, régime d’assurance maladie et d’épargne à long terme;</p> <p>2° enregistrer les employeurs, les employés, les bénéficiaires et les affiliées volontaires dans les régimes de sécurité sociale sous sa gestion;</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>3° gukurikirana, gukusanya no gucunga imisanzu y'ubwiteganyirize;</p>	<p>3° to monitor, collect and manage social security contributions;</p>	<p>3° faire le suivi, collecter et gérer les cotisations de la sécurité sociale;</p>
<p>4° kugenzura no gusuzuma ko amategeko y'ubwiteganyirize yubahirizwa;</p>	<p>4° to conduct audit and inspection to ensure compliance with social security laws;</p>	<p>4° procéder à l'audit et à l'inspection pour s'assurer de la conformité à la réglementation de la sécurité sociale;</p>
<p>5° kwishyura ibigenerwa abiteganyirije n'abateganyirijwe;</p>	<p>5° to pay social security benefits to beneficiaries;</p>	<p>5° payer les prestations de la sécurité sociale aux bénéficiaires;</p>
<p>6° gushora imari mu Rwanda cyangwa mu mahanga hakurikijwe amategeko abigenga;</p>	<p>6° to invest in Rwanda or abroad in accordance with relevant laws;</p>	<p>6° investir, au Rwanda ou à l'étranger, conformément à la législation en la matière;</p>
<p>7° kugira uruhare mu itegurwa rya politiki y'ubwiteganyirize;</p>	<p>7° to contribute to the elaboration of social security policy;</p>	<p>7° contribuer à l'élaboration de la politique de sécurité sociale;</p>
<p>8° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zo kwita ku icumbi, ku mirire myiza, ku burezi, gutakaza akazi, gutunga umuryango no ku kugabanya ubukene hagamijwe imibereho myiza y'abatwaga;</p>	<p>8° to contribute in designing strategies for shelter, adequate nutrition, education, support due to loss of jobs, provision for family and poverty reduction with intention to achieve social welfare;</p>	<p>8° contribuer à la mise en place des stratégies visant le logement, la bonne nutrition, l'éducation, le soutien en cas de perte d'emploi, subvention aux besoins de la famille et la réduction de la pauvreté dans le but du bien-être social;</p>
<p>9° kugira inama Guverinoma mu bijyanye n'ubwiteganyirize;</p>	<p>9° to advise the Government on matters relating to social security;</p>	<p>9° conseiller le Gouvernement en matière de sécurité sociale;</p>
<p>10° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego bihuje intego haba ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga;</p>	<p>10° to establish relations and collaborate with other regional or international institutions with similar mission;</p>	<p>10° entretenir des relations et collaborer avec des institutions régionales ou internationales ayant la même mission;</p>

<p>11° gukora indi nshingano yahabwa n'itegeko.</p> <p>Mu kuzuza izi nshingano, RSSB ishobora kwifashisha urundi rwego bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ububasha bwa RSSB</u></p> <p>RSSB ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza ngenderwaho arebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo;</p> <p>2° kugira no gukoresha amabwiriza yihariye agenga amasoko ya RSSB;</p> <p>3° gushyiraho amabwiriza akena amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano bijyanye na yo ku bafatanyabikorwa bayo;</p> <p>4° kwishyura ku ngufu umukoresha utarishyuye imisanzu y'ubwiteganyirize butegetswe ;</p> <p>5° kugura no kugurisha umutungo na serivisi;</p>	<p>11° to perform such other duties as may be assigned by Law.</p> <p>If necessary, RSSB may seek support from another organisation in order to discharge its responsibilities.</p> <p><u>Article 9: Powers of RSSB</u></p> <p>RSSB has the following powers:</p> <p>1° to set up and disseminate guidelines pertaining to the implementation of its responsibilities;</p> <p>2° to have and apply specific rules regulating RSSB procurement;</p> <p>3° to set up rules regarding administrative liabilities and sanctions applicable to its partners;</p> <p>4° to forcefully recover social security contributions from an employer who defaulted;</p> <p>5° to purchase and sell properties and services;</p>	<p>11° effectuer toute autre tâche pouvant lui être confiée par la loi.</p> <p>En cas de nécessité, le RSSB peut recourir aux services d'un autre établissement aux fins d'accomplissement de ses attributions.</p> <p><u>Article 9: Pouvoirs du RSSB</u></p> <p>Les compétences du RSSB sont les suivantes :</p> <p>1° établir et diffuser les directives relatives à la mise en œuvre de ses responsabilités;</p> <p>2° disposer des règles spécifiques régissant la passation de marchés du RSSB et les mettre en application ;</p> <p>3° mettre en place des règles relatives à la responsabilité et sanctions administratives applicables à ses partenaires;</p> <p>4° imposer un recouvrement forcé contre un employeur suite au défaut de versement des cotisations;</p> <p>5° acheter et vendre des biens et des services;</p>
---	--	---

<p>6° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu iteganywa n'amategeko.</p>	<p>6° to impose administrative fines provided for by law.</p>	<p>6° imposer des amendes administratives prévues par la loi.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RSSB</u></p>	<p><u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RSSB</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize ya RSSB</u></p>	<p><u>Section One: Organisation of RSSB</u></p>	<p><u>Section première: Organisation du RSSB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 10: Inzego z'ubuyobozi za RSSB</u></p>	<p><u>Article 10: Management organs of RSSB</u></p>	<p><u>Article 10: Organes de direction du RSSB</u></p>
<p>Inzego z'ubuyobozi za RSSB ni izi zikurikira:</p>	<p>Management organs of RSSB are the following:</p>	<p>Les organes de direction du RSSB sont les suivants:</p>
<p>1° Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>2° Ubuyobozi Bukuru.</p>	<p>1° the Board of Directors;</p> <p>2° the General management.</p>	<p>1° le Conseil d'administration;</p> <p>2° la Direction générale.</p>
<p><u>Akicro ka mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></p>	<p><u>Subsection One: Board of Directors of RSSB</u></p>	<p><u>Sous-section première: Conseil d'administration du RSSB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></p>	<p><u>Article 11: Composition of the Board of Directors of RSSB</u></p>	<p><u>Article 11: Composition du Conseil d'administration du RSSB</u></p>
<p>Inama y'Ubuyobozi ya RSSB igizwe nibura n'abantu icyenda (9) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida barimo Perezida na Visi Perezida.</p>	<p>The Board of Directors of RSSB is composed at least of nine (9) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.</p>	<p>Le Conseil d'administration du RSSB est composé d'au moins neuf (9) membres nommés par arrêté présidentiel, dont le Président et le Vice-Président.</p>
<p>Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</p>	<p>Members of the Board of Directors of RSSB</p>	<p>Les membres du Conseil d'administration du</p>

<p>batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB bagomba kuba ari abagore.</p> <p>Abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo igihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></p> <p>Inama y'Ubuyobozi ishyiraho politiki rusange ya RSSB ikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.</p> <p>By'umwihariko, Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gushyiraho abandi bagize Ubuyobozi Bukuru, uretse abashyirwaho n'izindi nzego zibifitiye ububasha;</p> <p>2° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB n'abakozi bayo no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa mu kuzuza inshingano zabwo;</p>	<p>are selected on the basis of their competence and expertise.</p> <p>At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors of RSSB must be women.</p> <p>The term of office of the members of the Board of Directors is five (5) years, renewable only once.</p> <p><u>Article 12: Responsibilities of the Board of Directors of RSSB</u></p> <p>The Board of Directors establishes RSSB's general policy and supervises its implementation.</p> <p>Particularly, the Board of Directors has the following responsibilities:</p> <p>1° to appoint other members of the General Management, except those appointed by other competent authorities;</p> <p>2° to oversee the functioning of the General Management and staff members of RSSB and provide strategic guidance to be followed in the fulfilment of its responsibilities;</p>	<p>RSSB sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'administration du RSSB doivent être de sexe féminin.</p> <p>La durée du mandat des membres du Conseil d'administration est de cinq (5) ans, renouvelable une seule fois.</p> <p><u>Article 12: Attributions du Conseil d'administration du RSSB</u></p> <p>Le Conseil d'administration établit la politique générale du RSSB et en contrôle la mise en application.</p> <p>Plus particulièrement, le Conseil d'administration a les attributions suivantes:</p> <p>1° nommer d'autres membres de la Direction générale, à l'exception de ceux qui sont nommés par d'autres autorités compétentes;</p> <p>2° superviser le fonctionnement de la Direction générale et du personnel du RSSB et fournir une orientation stratégique devant être suivie dans l'accomplissement de ses attributions;</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 17/02/2021

<p>3° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa bya RSSB hamwe na raporo zijyana na byo;</p>	<p>3° to approve the strategic plan and the action plan of RSSB and related reports;</p>	<p>3° approuver le plan stratégique et le plan d'action du RSSB et les rapports y relatifs;</p>
<p>4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RSSB;</p>	<p>4° to approve the internal rules and regulations of RSSB;</p>	<p>4° approuver le règlement d'ordre intérieur du RSSB;</p>
<p>5° kwemeza umushinga w'amabwiriza yihariye agenga itangwa ry'amasoko ya RSSB yemezwa na Minisitiri ushinzwe ishoramari rya Leta;</p>	<p>5° to approve the draft of specific rules regulating RSSB procurement to be validated by the Minister in charge of public investment;</p>	<p>5° approuver le projet de règlement particulier régissant la passation des marchés du RSSB dont la validation revient au Ministre ayant l'investissement public dans ses attributions;</p>
<p>6° kwemeza ingengo y'imari ya RSSB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;</p>	<p>6° to approve the budget of RSSB and monitor its execution;</p>	<p>6° approuver le budget du RSSB et faire le suivi de son exécution;</p>
<p>7° kwemeza politiki y'ishoramari ya RSSB;</p>	<p>7° to approve the investment policy of RSSB;</p>	<p>7° approuver la politique d'investissement du RSSB ;</p>
<p>8° kwemeza no gukurikirana gahunda y'ishoramari;</p>	<p>8° to approve and monitor the investment plan;</p>	<p>8° approuver et faire le suivi du plan d'investissement;</p>
<p>9° kwemeza imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RSSB imaze kubyunguranaho ibitekerezo n'urwego ruyireberera ;</p>	<p>9° to approve the organizational structure of RSSB upon consultation with the supervising authority of RSSB;</p>	<p>9° approuver la structure organisationnelle du RSSB après consultation avec l'autorité de tutelle du RSSB;</p>
<p>10° kwemeza imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RSSB imaze kubyunguranaho ibitekerezo</p>	<p>10° to approve salaries and other fringe benefits of RSSB staff, upon consultation with the supervising</p>	<p>10° approuver les salaires et autres avantages accordés au personnel du RSSB après consultation avec</p>

<p>n'urwego rureberera RSSB;</p> <p>11° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;</p> <p>12° gushyikiriza urwego rureberera RSSB inyandiko y'ingengo y'imari y'umwaka, gahunda y'ibikorwa, raporo y'umwaka w'ibaruramari na raporo y'ibikorwa y'igihembwe;</p> <p>13° gushyiraho komite cyangwa komisiyo zo gushyira mu bikorwa inshingano zihariye igihe bibaye ngombwa;</p> <p>14° kwemeza impano n'indagano hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>authority of RSSB;</p> <p>11° to approve the report on the activities and use of property during the previous year;</p> <p>12° to submit the annual budget, the action plan, the annual financial report and the quarterly activity report to the supervising authority of RSSB;</p> <p>13° to set up committees or commissions to implement specific responsibilities, where need be;</p> <p>14° to approve donation and bequest in accordance with relevant legal provisions.</p>	<p>l'autorité de tutelle du RSSB;</p> <p>11° approuver le rapport d'activités et de l'utilisation du patrimoine de l'année précédente;</p> <p>12° transmettre le budget annuel, le plan d'action, le rapport financier annuel et le rapport d'activités trimestriels à l'autorité de tutelle du RSSB;</p> <p>13° créer des comités ou commissions en charge d'exécution des attributions spéciales, en cas de besoin;</p> <p>14° approuver les dons et legs conformément aux dispositions légales en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></p> <p>Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;</p> <p>2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p><u>Article 13: Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RSSB</u></p> <p>The Chairperson of the Board of Directors has the following duties:</p> <p>1° to preside over the Board of Directors and coordinate its activities;</p> <p>2° to convene and chair meetings of the Board of Directors;</p>	<p><u>Article 13: Attributions du Président du Conseil d'administration du RSSB</u></p> <p>Le Président du Conseil d'administration a les attributions suivantes:</p> <p>1° présider le Conseil d'administration et coordonner ses activités;</p> <p>2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'administration;</p>

